**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**BP 01 KIBUNGO**

**E-mail :** ngomadistrict@minaloc.gov.rw

**Web Site :www.ngoma.gov.rw**

# IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA.

# WERURWE 2011-MUTARAMA 2016

**MUTARAMA 2016**

**IBIRIMO**

Pagi

1. INTANGIRIRO ....5
2. TUMENYE AKARERE KA NGOMA ....6
3. IMYANZURO Y 'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA (WERURWE 2011-MUTARAMA 2016) ....8
3.1. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2011 ....8
3.1.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 15/03/2011 ....8
3.1.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 21/04/2011. ....11
3.1.3. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 11/06/2011. ....13
3.1.4. Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 29/06/2011. ....13
3.1.5. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 12/08/2011. ....14
3.1.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 29/9/2011 ....17
3.1.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 27/12/2011 ....20
3.2. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA MU MWAKA WA 2012 ....23
3.2.1. Imyanzuro y'umwiherero w'inama njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuva kuwa 06-08/01/2012 ....23
3.2.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 27/01/2012 ....26
3.2.3. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 07/03/2012 ....29
3.2.4. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 30/03/2012 ....36
3.2.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 02/05/2012 ....37
3.2.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 29/05/2012 ....40
3.2.7. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 17/08/2012 ....44
3.2.8. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 28/08/2012 ....50
3.2.9. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 04/10/2012 ....51

3.2.10. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere, yo kuwa 15/11/2012.....53
3.2.11. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere, yo kuwa 30/11/2012.....60
3.3. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2013 .............62
3.3.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 10/01/2013.....62
3.3.2. Imyanzuro y'inama Isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere Ka Ngoma Yo Kuwa 14/02/2013.....63
3.3.3. Imyanzuro y'umwiherero wa kabili w'inama njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuwa 16.02.2013.....65
3.3.4. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 04/04/2013.....68
3.3.5. Imyanzuro y'inama isanzwe y'abagize inama njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/05/2013.....75
3.3.6. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'abagize inama njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 26/06/2013.....77
3.3.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 28/07/2013.....78
3.3.8. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 27/09/2013.....81
3.3.9. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 08/11/2013.....84
3.4. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2014 .............88
3.4.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/01/2014.....88
3.4.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 18/02/2014.....93
3.4.3. Imyanzuro y'umwiherero wa gatatu w'inama njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuwa 28/02-02/03/2014.....93
3.4.4. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 05/04/2014.....98
3.4.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 27/06/2014.....102
3.4.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 01/08/2014.....104
3.4.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/10/2014.....109
3.5. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2015 ............113
3.5.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 06/02/2015.....113
3.5.2. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa

03/04/2015 ....................................................................................................................114
3.5.3. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 08/05/2015 ....................................................................................................................120
3.5.4. Imyanzuro y'umwiherero wa kane w'inama njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuva kuwa 14 kugera ku wa 17 gicurasi 2015 ....................................................................120
3.5.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 30/06/2015 ....................................................................................................................122
3.5.6. Imyanzuro y'inama y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka y'Inama Njyanama yo ku wa 04/08/2015 ....................................................................................................123
4. INSHAMAKE Y'IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA 2011-2015 ....................................................................................................................129

## 1. INTANGIRIRO

Nk’uko biteganywa n’itegeko nº87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n’Imikorere y‘Inzego z’Imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, aho Ingingo ya 05 kugeza ku ngingo ya 53 zivuga ku mikorere y’Inama Njyanama y’Akarere; by’umwihariko Ingingo ya gatandatu ikavuga ko Abajyanama batorerwa igihe cy’imyaka itanu (5). Iri tegeko kandi riteganya ko Inama Njyanama ari urwego rwa Politiki ruyobora Akarere rufatanyije na Komite Nyobozi y’Akarere na Komite y’Umutekano y’Akarere.

Mu rwego rwo kugaragaza ibyakozwe muri manda y’imyaka itanu yatangiye kuva muri Werurwe 2011 kugeza muri Mutarama 2016, hateguwe raporo igaragaza ibikorwa byakozwe by’umwihariko Imyanzuro yafashwe n’Inama Njyanama y’Akarere ka Ngoma guhera muri Werurwe 2011 kugera Mutarama 2016 ndetse na bimwe mu bikorwa by’indashyikirwa byagezweho muri icyo gihe.

Mu ishyirwa mu bikorwa by’inshingano z’Inama Njyanama y’Akarere ka Ngoma, ibyemezo byagiye bifatwa byose byashimangiraga gahunda zitandukanye ziganisha Akarere n’abagatuye ku iterambere rirambye, cyane cyane gahunda z’Igihugu zikurikira :


- Gahunda y’ikinyagihumbi ( MDG’s )
- Icyerekezo 2020 ( Vision 2020 )
- Gahunda y’Imbaturabukungu ya kabiri ( EDPRS2 );
- Gahunda y’imyaka itanu ya Guverinoma (7 Years Government program ( 2010-2017 );
- Imyanzuro y’inama z’umwiherero z’Abayobozi bakuru ku rwego rw’Igihugu (Leadership Retreat Priorities );
- Gahunda y’Ibikorwa by’Iterambere y’imyaka itanu ( District Development Plan for year 2013-2018 );

Inama Njyanama y’Akarere mu gihe imaze iri mu nshingano irishimira ibikorwa yagezehobishingiye ku Miyoborere myiza,Ubutabera, Ubukungu n’Imibereho Myiza y’Abaturage.Ibyo bikorwa byose bikaba byaragezweho ku bufatanye bw’Inama Njyanama y’Akarere, Komite Nyobozi, inzego z’Umutekano n’Abaturage batuye Akarere ka Ngoma.

Inama Njyanama irashimira by’umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika uhora atoza abanyarwanda gukunda igihugu no kugikorera tuzamura ubukungu bw’Igihugu, duharanira no kwigira. Irashimira Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu n’Intara y’Iburasirazuba ku buvugizi no ku nama zitandukanye mu rwego rwo guteza imbere abaturage b’Akarere ka Ngoma. Irashimira kandi za Minisiteri, Ibigo bitandukanye n’Abaturage b’Akarere uruhare runini bagize mu ishyirwa mu bikorwa ry’intego yari yihaye muri iyi manda y’imyaka itanu.

Tuboneyeho gushimira abantu bose mu nzego zitandukanye bafashije mu itegurwa ry’Imyanzuro batanga ibitekerezo byubaka Akarere kacu, by’Umwihariko abashyize mu bikorwa iyi myanzuro.

## 2. TUMENYE AKARERE KA NGOMA




Akarere ka Ngoma ni kamwe mu Turere turindwi tugize Intara y'Iburasirazuba, gahana imbibi na:

- Akarere ka Rwamagana mu Majyaruguru ashyira Uburengerazuba;
- Akarere ka Kayonza mu Mjyaruguru ashyira Uburasirazuba;
- Akarere ka Bugesera mu Burengerazuba;
- Akarere ka Kirehe mu Burasirazuba;
- Igihugu cy'i Burundi mu Majyepfo

Akarere ka Ngoma kari ku butumburuke buri hagati ya metero 1 400 na metero 1 700, karangwa n'ikirere cyiganjemo ubuhehere, impuzandengo y'ubushyuhe ingana na 20°c. Akarere ka Ngoma gafite ubuso bungana na 867.74 Km², gafite abaturage 336928, harimo abagore 175 159 n'abagabo 161 769.[1]

[1] NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA: *Fourth Population and Housing Census 2012*. March, 2014

**Ubutumwa ( Mission ) bw'Akarere ka Ngoma ni :**

1. Gushyira mu bikorwa gahunda za Guverinoma;
2. Gufasha Imirenge mu mitangire ya Serivisi;
3. Gutegura, gukurikirana no gushyira mu bikorwa gahunda zigamije iterambere;
4. Kugirana umubano ugamije iterambere n'utundi Turere.

**Intego ( Objectives ) z'Akarere ka Ngoma ni :**

1. Kuzamura ireme ry'uburezi kuri bose no kwita ku rubyiruko n'umuco nyarwanda;
2. Kwita ku buzima bw'abaturage, imibereho myiza y'umuryango nyarwanda, ihame ry'uburinganire no kwita ku bana bato;
3. Kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu;
4. Kongera ibikorwa remezo;
5. Gutanga serivisi nziza;
6. Kongera imisoro y'Akarere;
7. Kongera amahugurwa y'Abakozi b'Akarere;
8. Guhuza, gukurikirana na gusuzuma gahunda z'Akarere

# 3. IMYANZURO Y 'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA

**(WERURWE 2011 – MUTARAMA 2016)**

## 3.1. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2011

### 3.1.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 15/03/2011

01. Mu nama yabo ya mbere, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma bayitangiye bibwirana.

02. Kubijyanye n'Ihererekanyabubasha ryabaye hagati y'Inama Njyanama y'Akarere icyuye igihe n'Inama Njyanama itangiye mandat, Inama Njyanama yemeje ko ibibazo bitabashije gukemurwa n'Inama Njyanama icyuye igihe byakurikiranwa bigakemurwa. Ishingiye ku ihererekanyabubasha ryabaye hagati ya Komite Nyobozi icyuye igihe na Komite Nyobozi nshya, Inama Njyanama yafashe icyemezo ko bitarenze tariki ya 05/04/2011, buri mujyanama w'Akarere azaba afite urutonde rw'Imishinga y'Akarere ka Ngoma itararangira, akamenya ibikorwa by'Iterambere birimo gukorerwa mu Murenge we, akanamenya n'ibitarashyizwe muri iyo mishinga akazabigeza mu nama y'Inama Njyanama y'ubutaha.

03. Nyuma yo kumva no kuganira ku mategeko n'inshingano z'abagize Inama Njyanama y'Akarere nk'uko zikubiye mu Itegeko rigenga imikorere yayo, abagize Inama Njyanama bemeje ko bagiye gukorana umurava n'Ubwuzuzanye mu nzego zose, bagakorera ubuvugizi abaturage babatoye, banabakemurira ibibazo byabo.

04. Abagize Inama Njyanama batoye abagize Komisiyo z'Inama Njyanama y'Akarere ku buryo bukurikira :

❖ **Komisiyo ishizwe Iterambere ry'Ubukungu**.

1. MUPENZI George
2. UMUTONIWASE Claudine
3. UWIMANA Donatille
4. NIBEZA Rose
5. KALISA Godefrey
6. KIMENYI Martin
7. Dr.KANOBANA Mathusalem
8. MUKANKURANGA Béatrice
9. BIZUMUREMYI Steven
    - Umuyobozi wa Komisiyo : **Dr. KANOBANA Mathusalem**
    - Umunyamabanga wa Komisiyo: **Madamu MUKANKURANGA Beatrice**

- **Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

1. KIRENGA Providence
2. RWAMURANGWA Stephen
3. RUKUNDO Gulain
4. UWIMANA Dativa
5. KAMANZI John
6. UWINGABIRE Fausca
7. UWINEZA Christine
8. UWIBAMBE Consoleé
9. NKURAYIJA Marcel
10. KARASIRA Jean Claude

- Umuyobozi wa Komisiyo : **Madamu UWINGABIRE Fausca**
- Umunyamabanga wa Komisiyo : **Bwana Nkurayija Marcel**

- **Komisiyo ishinzwe Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko.**

1. NIYOTWAGIRA François
2. BANAMWANA Bernard
3. MULIGO Ladislas
4. NTIDENDEREZA Jean de Dieu
5. IRAMBONA Libérathe
6. MUKANKUNZI Pélagie
7. MUTERAMBABAZI Perpetue
8. MUREKATETE Judith
9. MUKAMUSONI Virginie

- Umuyobozi wa Komisiyo : **Madamu IRAMBONA Libérathe**
- Umunyamabanga wa Komisiyo : **Bwana MULIGO Ladislas**

05. Abagize Inama Njyanama batoye abajyanama bakurikira kuba abagize Akanama gashinzwe gushyira mu myanya Abakozi b'Akarere :

1. MUKANKUNZI Pélagie
2. NIBEZA Rose
3. NTIDENDEREZA Jean de Dieu
4. UWIBAMBE Consolée

06. Hiyongereyeho Komite Nyobozi y'Akarere nk'uko biteganywa n'itegeko no 08/2006 ryo kuwa 24/02/2006 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere y'Akarere, umutwe wa III, ingingo ya 54.

07. Kubijyanye n'Imyanzuro y'Inama y'Ubuyobozi bwa Farumasi y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 01/03/2011, Inama yemeje ko bitarenze ku wa 30/03/2011 Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Umugore Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage izasesengura iyo myanzuro yifashishije amabwiriza n'amategeko agenga Farumasi y'Akarere bityo Inama Njyanama ikabona kuyemeza.

08. Kubijyanye n'ibaruwa yo ku wa 22/02/2011, aho Bwana Ministiri w'Ubuzima yasabaga ko Inama Njyanama yashyira mu bikorwa Imyanzuro y'Igenzura ryakorewe Ikigo cy'Ishuri Rikuru ry'Ubuforomo n'Ububyaza rya Kibungo, Inama yemeje ko bitarenze 30/03/2011 Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'ubukungu yakurikirana icyo kibazo Inama Njyanama ikazagifataho umwanzuro.

09. Inama Njyanama yize ku ibaruwa y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Akarere ka Ngoma, Bwana BUSHAYIJA Francis wasabaga guhabwa ikinyabiziga cyamufasha mu nshingano ze z'akazi za buri munsi. Inama yemeje ko bitarenze tariki ya 24/03/2011 abagize Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere bifashishije abanyamategeko bazakurikirana iki kibazo bakageza ku nama Njyanama ibyo Itegeko riteganyigiriza uwo mukozi.

10. Inama yasomewe kandi ibaruwa ya Bwana KABERA Camille wasabye gusonerwa imisoro. Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko mu gihe Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Umugore Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage igikurikirana ikibazo cye, yaba aretse gusoreshwa kugeza igihe ikibazo cye kizafatirwa umwanzuro. Inama yakwemeza ko asoreshwa ntatange amande y'ubukererwe ku misoro.

11. Inama yegejejweho ikibazo cy'amazu y'abana bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 atarasakarwa. Inama Njyanama yafashe icyemezo ko bitarenze tariki ya 30/03/2011Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yazegera ubuyobozi bwa FARG akamenya aho ibikoresho bigeze, naho ku bijyanye no kuyubaka, inama yemeje ko hazateganywa nibura abakozi babiri muri buri Murenge bo kubikurikirana kugirango icyo gikorwa kirangire vuba.

12. Inama yagejejweho ikibazo cy'amafaranga y'Umurenge Sacco yashyizwe kuri 'compte courant'kandi yaragombaga gushyirwa kuri 'compte bloqué'yunguka, ibyo bikaba binyuranye n'amabwiriza agomba gukurikizwa. Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imari azagikurikirana kigakemuka.

13. Ku bijyanye no gusimbura abagize inama y'ubutegetsi y'Ibitaro bya Kibungo, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 30/03/2011, inzego zibishinzwe zaba zimaze gutora Abayobozi bashya. Mu gihe abo bayobozi bataratorwa, Inama yemeje ko abari bayisanzwemo bakomeza imirimo yabo mu gihe cy'amezi abiri uhereye umunsi inama

yabereyeho, abatakiri mu buyobozi bagasimburwa n'ababasimbuye mu nshingano. Inama Njyanama yatoye abajyanama babiri bajya mu nama y'Ubutegetsi y'Ibitaro aribo :

1. Bwana KALISA Godefrey
2. Madamu IRAMBONA Libérathe

### 3.1.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 21/04/2011

14. Nyuma yo kugezwaho gahunda z'ibikorwa by'umwaka (Action Plan) za Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 29/04/2011 abagize inama y'Abaperezida igizwe na :

- Biro y'Inama Njyanama y'Akarere,
- Komite Nyobozi y'Akarere,
- Abaperezida na ba Secretaire ba za Komisiyo z'Inama Njyanama y'Akarere;
bazaterana bagahuza gahunda z'ibikorwa bya za Komisiyo zikavamo gahunda y'umwaka y'Ibikorwa by'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma (Action Plan 2011-2012).

Iyo gahunda ikazemezwa mu nama y'ubutaha iteganijwe tariki ya 29/04/2011.

15. Inama Njyanama yemejeAbajyanama bane (4) ku mwanya w'abagize Komite y'Ubugenzuzi (Audit committee) y'Akarere aribo :

1) Dr. KANOBANA Matusalem
2) UWINGABIRE Fausca
3) NIBEZA Rose
4) UWIBAMBE Consolée

16. Ku kibazo cy'ubutaka kiri hagati ya Bwana NSHIMIYIMIHIGO Alexis na NDAHIRO Carriope, bo mu Murenge wa MUGESERA ; Inama imaze kumva ibisobanuro bitandukanye kuri icyo kibazo, no kumva amategeko agenga Umutungo bwite w'Akarere, yemeje ko hazakurikiranwa neza uko ibyangombwa byabo by'Isambu biteye bityo habone gufatwa umwanzuro. Hemejwe ko bombi bagomba kwandikira Inama Njyanama y'Akarere basaba gutizwa ubwo butaka, Inama igashingira kuri ubwo busabe hategurwa amasezerano hagati y'utijwe n'Akarere.

17. Ku bijyanye n'ikibazo cya Bwana RUHANGARA Pascal wandikiye Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ingufu n'Amazi RECO-RWASCO (EWASA); akagenera copi Inama Njyanama y'Akarere, hemejwe ko azategereza Imyanzuro izatangwa n'uwo yandikiye ku mpamvu z'uko ikibazo cye cyarenze inzego z'Akarere.

18. Imaze kumva isesengurwa rya **TARIF** y'Akarere ka Ngoma 2011-2012 ryakozwe na Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Inama yayemeje.
19. Nyuma yo kumva ibisobanuro bitandukanye byatanzwe n'abagize Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Umugore, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abatutage, ishingiye no ku nama yagiriwe na Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Inama yemeje ko **KABERA Camille** asonerwa imisoro ku mazu yasuwe na Komisiyo haba hiyongereyemo ibindi bikorwa akazabisorera.
20. Inama yemeje imyanzuro y'inama ya Board ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 01/03/2011, usibye ikibazo kijyanye n'Umushahara w'umucungamari UWINGABIRE Christine kikiri gukurikiranwa. Inama yasabye Komisiyo ko yakwifashisha ushinzwe abakozi mu Karere n'Umunyamategeko hagafatwa umwanzuro hashingiwe ku biteganywa n'amategeko.
21. Kubijyanye n'ikibazo cy'Umuforomokazi UWIMBABAZI Josiane, Inama yemeje ko yaguma muri pharmacie y'Akarere, agahembwa n'Akarere n'ibirarane byose akabihemberwa.
22. Ku kibazo cy'Umuforomokazi wa Farumasi y'Akarere Madamu UMUHIRE Alice, Inama ishingiye ku myanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 08/12/2010 yemeje ko UMUHIRE Alice yahemberwa umwanya wa A1, n'ibirarane bye akabihemberwa.
23. Hashingiwe ku gitekerezo cya Komisiyo y'Imibereho Myiza cyo gutanga urugero abagize Inama Njyanama y'Akarere bubakira umuntu umwe wacitse ku icumu rya genocide yakorewe abatutsi muri 1994 utishoboye, Abajyanama bose bakiriye neza icyo gitekerezo ndetse Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge nazo ziyemeza kuzafatanya n'abandi muri icyo gikorwa. Ni muri urwo rwego hemejwe ko Umuyobozi wa Komisiyo Ishinzwe Iterambere ry'Umugore, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage azifashisha ushinzwe ibikorwaremezo mu Karere bagakora inyigo y'inyubako y'iyo nzu n'igiciro cyayo. Inama yemeje ko Abagize Inama Njyanama bakwitanga uko bashoboye bityo hakazubakwa inzu irenze imwe.
24. Inama yemeje Umujyanama Madamu IRAMBONA Libérathe kuba mubagize inama y'Ubuyobozi (Board) y'ibitaro bya Kibungo, naho Umujyanama KALISA Godefrey akajya mubagize inama y'ubuyobozi (Board) ya Farumasi y'Akarere.
25. Nyuma yo kumva Imihigo yarangiye, iyaburiwe ubushobozi n'itararangira, Inama yemeje ko Abajyanama bose, n'abagize Biro za Njyanama z'Imirenge bakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo itararangira. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge basabwe kujya kwitegura mu Mirenge bayobora, buri Muyobozi Umuhigo w'Akarere awugire uwe, ku mpamvu z'uko hashobora kuzasuzumwa Umurenge we, amanota y'umuhigo yabonye agahabwa Akarere kose.

26. Nyuma yo kugezwaho Umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere 2011-2012, hemejwe ko Abagize Inama Njyanama y'Akarere na Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge bazahabwa kopi bityo bakajya mu Mirenge yabo kubaza abaturage ibyo bifuza ko byakorwa bikajya muri uwo mushinga.

27. Ku bijyanye n'ikibazo cya Bwana RUBERANDINDA Silas wari Umuyobozi w'Ikigonderabuzima cya Rukira, nta mwanzuro cyafatiwe ku mpamvu z'uko abagize Inama Njyanama basanze hari amakuru badafite ajyanye n'ikibazo cye. Inama yemeje ko bitarenze tariki 8/05/2011, Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Ubuyobozi, Politiki n'amategeko izagikurikirana, ikagisesengura kikabona gufatirwa umwanzuro. Komisiyo ikaba izifashisha Umujyanama uwo ariwe wese ufite amakuru kuri icyo kibazo.

### 3.1.3. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 11/06/2011

28. Gukurikirana ikibazo cy'ibikoresho bike byagaragaye mu bitaro bya Kibungo ubwo Guverineri yasuraga Akarere ka Ngoma

29. Gukurikirana no gukemura ikibazo cyagaragaye muri koperative CORIMI ya Sake

30. Gukurikirana ikibazo cya Kawa zo mu Murenge wa Rurenge

31. Gukurikirana no Gukemura ikibazo cya NSENGIYUMVA Beda n'ubuyobozi bwa Lycée ya Zaza

32. Kwandikira abakozi 5 b'ibitaro bya kibungo bemezwa burundu mu kazi.

33. Nyuma yo kumva icyifuzo cy'abagize Inama Njyanama cyo gusura abaturage mu Mirenge abajyanama batorewemo, Inama yemeje ko hazakorwa za descente, abajyanama bakigabanya muri za zone, mbere y'uko igihembwe cya mbere kirangira. Iyo gahunda ikazakorwa kuva tariki ya 20, 21, 22, 23, na 24.

34. Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kubari mu nama ko hateganyijwe gahunda ya fund raising yo kubaka urwibutso rwa genocide mu Murenge wa Rukumberi Kuwa 25/6/2011, ikazabera kuri Hill-Top, saa munani zuzuye( 14hoo)

### 3.1.4. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 29/06/2011

35. Imaze kugezwaho umushinga wa EPIC (Eastern Province Investiment Company), Inama Njyanama yemeje ko Akarere kazatanga umugabane wa Miliyoni ijana (100.000.000frw) zizatangwa mu byiciro. Mu ikubitiro hakazatanga 30% nyuma yo kubona Bussiness plan ya EPIC.

36. Inama Njyanama yemeje imishinga y'Akarere ka Ngoma iterwa inkunga na CDF ; imwe muri iyi mishinga ikaba yari yemejwe mu ngengo y'Imari ya 2010-2011, ariko ikaba itarabonewe inkunga

### 3.1.5. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 12/08/2011

37. Ku kibazo kijyanye n'imikorere y'Abaveterineri, Inama Njyanama yemeje ko Abaveterineri bose bo mu Karere ka Ngoma bagomba guhabwa amahugurwa mu gutera intanga. Hemejwe kandi ko bitarenze ukwezi kwa cyenda, Ubuyobozi bw'Akarere buzaba bumaze gushyira mu myanya Abaveterineri mu Mirenge yose batarimo.

38. Nyuma yo kubona ibibazo byagaragaye mu Tugari tugize Akarere ka Ngoma, Inama Njyanama yemeje ko abagize staff y'Umurenge n'Inama Njyanama y'Umurenge bazajya bakora descente mu Tugari rimwe mu kwezi, bakamanuka no mu Midugudu, bigakorwa rimwe mu cyumweru hagendewe aho inteko rusange z'Imidugudu ziteranira, kandi mu cyumweru cya mbere(1) cy'ukwezi hakaba hamaze gutangwa raporo y'ibyakozwe ikagezwa ku buyobozi bw'Akarere, Inama Njyanama y'Akarere igahabwa kopi.

39. Hemejwe ko hategurwa ifishi y'uko raporo yazajya ikorwa, hagashyirwaho Igenamigambi (Action plan) y'iyo descente, buri Mujyanama w'Akarere agakorana n'Inama Njyanama y'Umurenge yatorewemo. Hagomba gutegurwa no kugaragazwa mbere ibikorwa bizakorwa n'igihe bizakorerwa, ndetse naho bizajya bikorerwa bikaba bizwi, uwaba ashaka gusura cyangwa gukurikirana ibyo bikorwa akamenya aho agana.

40. Ku bijyanye n'ikibazo cy'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari badakora neza, Inama Njyanama yemeje ko aho biri ngombwa abo bayobozi bahindurwa. Abagize Komite Nyobozi y'Akarere, basabwe gukurikirana ibibazo by'abo bayobozi cyane aba Nyagasozi na Kibare mu Murenge wa Mutenderi, bikazagera kuri **30/8/2011** batanze umwanzuro.

41. Ku bijyanye n'ikibazo cy'Utugari dukorera mu nzu z'abaturage, Inama Njyanama yemeje ko Utugari twose tutagira ibiro tugomba kugeza mu kwezi kwa gatandatu 2012 twamaze kwiyubakira ibiro, mu buryo bw'umuganda, Akarere kazabafasha kubabonera amabati n'ibindi bikoresho byakenerwa. Ibyo bikazakurikiranwa na Komite Nyobozi y'Akarere.Kubijyanye n'Akagari ka Birenga, kari mu Murenge wa Kazo, gakorera mu nzu y'umuturage bakaba baranze kwishyura nyir'inzu, Inama yemeje ko ubuyobozi bw'Umurenge bugomba kwishyura uwo muturage.

42. Ku bijyanye n'ikibazo cya 'Quitances'z'imisanzu inyuranye zikoreshwa mu Mirenge zidasa, Inama Njyanama yemeje ko izo 'Quitances'zajya zitangwa n'Akarere, kandi zose zikaba zisa, Akarere kagateramo kashi, n'Umurenge nawo ugateramo kashi yawo, nyuma y'uko umuturage amaze gutanga umusanzu we. Ibi bikaba byakozwe nibura nyuma y'icyumweru kimwe, bitarenze tariki ya **22/8/2011**.

43. Ku bijyanye n'abakozi b'Amakoperative bari mu Mirenge ariko bakaba barahawe inshingano zijyanye no kwakira imisoro muri iyo Mirenge barimo, kurusha iby'amakoperative bashinzwe, hemejwe ko n'ubwo bakorera mu mazones, babitandukanya

kugira ngo ushinzwe imisoro atange raporo mu biro by'imisoro naho uw'amakoperative nawe agakurikirina imikorere y'izo koperative.

Ku bijyanye n'iyi ngingo, ku kibazo cy'abakozi bashinzwe uburezi mu Mirenge, inama yemeje ko ubuyobozi bw'Akarere buzandikira abari bashinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage (Affaire sociale) mu Mirenge bafite impamyabushobozi mu burezi, bagahindurirwa inshingano, bagashingwa uburezi. Naho Imirenge icyenda isigaye igashakirwa abakozi bashinzwe uburezi, no gushaka abakozi bashinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage aho batari. Inama yemeje kandi ko bitarenze tariki ya **30/9/2011** abakozi bose bakenewe mu Mirenge igize Akarere ka Ngoma bagomba kuba bashyizwe mu myanya, kugira ngo isuzuma ry'Abakozi ribashe gukorwa neza ndetse n'Imihigo igerweho nk'uko bikwiye.

44. Ku bijyanye n'ikibazo cya kawa yo mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Muhurire, Inama Njyanama yemeje ko abazikorera neza bazibarekera, naho abananiwe kuzikorera bakazisaranganywa n'abashaka kuzikorera kandi babishoboye; inama yemeje kandi ko Agoronome w'Akarere ategura amabwiriza asobanura icyo gufata neza kawa ari cyo, bityo aya mabwiriza akaba ari nayo yashingirwaho mu kuzirekera abazifata neza no kuzambura abazifata nabi, nyuma yo gusinyana amasezerano yihariye n'ubuyobozi bw'Akarere.

    MUCOFACO isaba ubutaka Akarere kugirango ibone inguzanyo yo kubaka uruganda rutunganya Kawa yo mu Murenge wa Rurenge, inama yasabye ko Abatekinisiye b'Akarere babishinzwe bazasura ahifuzwa kubakwa uruganda bakaba batanze raporo bitarenze tariki ya **22/8/2011**, basanga nta mbogamizi, Inama Njyanama yahaye uburenganzira Komite Nyobozi y'Akarere kuzashyira mu bikorwa umwanzuro wo kubaha ubwo butaka cyangwa ahandi bwaboneka hatarindiriye kongera guteranya Inama Njyanama y'Akarere.

45. Ku bijyanye n'ikibazo cya Kawa zo mu Murenge wa Sake Akagari ka Kibonde zatewe na Leta kubutaka bw'Abaturage, hemejwe ko abaturage banyir'amasambu bagomba kwandikirwa bamenyeshwa ko ari izabo bakazikorera, zitakorerwa bagacibwa amande hashingiwe ku masezerano yihariye bazaba basinyanye n'Ubuyobozi bw'Akarere.
46. Ku bijyanye n'Umuganda wa buri kwezi, Inama Njyanama yemeje ko uzajya ukorwa hakurikijwe aho abantu babarizwa. Buri kigo (Institutions) gikorera mu Karere ka Ngoma kigomba kuba gifite ahantu hazwi bakorera umuganda, hakubahirizwa itegeko rigenga umuganda. Bikazaba byashyizwe mu bikorwa ku muganda w'ukwezi kwa cyenda(9), Ubuyobozi bw'Akarere bukagenera buri kigo aho kizajya gikorera umuganda.
47. Ku kibazo cy'inzu Intara ya Kibungo yahawe na 'Maison de Jumelage Rhenanie Palatina', Intara nayo ikayiha Inama Nkuru y'Abagore (CNF) kuyikoreramo, iyo nzu ikaba isabwa na 'SWAA-RWANDA IHUMURE', hashingiwe ku myanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 30/12/2010, Inama Njyanama yemeje ko iyo nzu ikomeza gukorerwamo na CNF

nk'urwego rwa Leta, SWAA-RWANDA igashaka ahandi ho gukorera, ariko igafashwa kubona aho ibika ibikoresho byayo

48. Ku bijyanye n'ikibazo cya Bwana RUBERANDINDA Silas, wari Umuyobozi w'Ikigonderabuzima cya Rukira, hashingiwe ku biteganywa n'itegeko kubijyanye n'umushahara w'Umukozi, Inama Njyanama yemeje ko amezi yamaze yarahagaritswe by'agateganyo atazayahemberwa. Ku bijyanye no gusubizwa mu kazi, hashingiwe ku mpamyabumenyi afite, Inama Njyanama yemeje ko ashakirwa ahandi hatari mu kigo Nderabuzima cya Rukira, kandi agahabwa akazi nk'umuforomo.

49. Ku birebana n'ikibazo cy'abaturage bambuwe imashini zabo esheshatu(6) zitonora umuceri, zigashyirwa kuri polisi kandi aho ziri zikaba zifashwe nabi, aribo SIKUBWABO Francois, RUSAGARA Augustin, MUSONERA Patrice, KAYIRANGA J. D na RUTABAGISHA YVAN, bakaba basaba ko bazihabwa ; Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, na Agoronome w'Akarere igaragaza ko hari amabwiriza ya MINAGRI atemerera umuturage gutunga izo mashini, yemeje ko batazihabwa kuberako zitubahirije ubuziranenge.

50. Ishingiye kuri raporo ya Biro y'Ubutaka y'Akarere n'iya Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, ku kibazo cy'ubutaka busabwa na Bwana MUBERUKA Celestin, buherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Cyasemakamba, Umudugudu w'Amarembo budakoreshwa, bukaba bwarasabwe kugira ngo bubyazwe umusaruro, Inama Njyanama yemeje ko ubwo butaka abuhabwa, agashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje, atabyubahiriza akabwamburwa.

51. Ku birebana n'ikibazo cya Madamu UWITONZE Ziada usaba gusubizwa ikibanza giherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagali ka Karenge, Umudugudu, w'Amahoro ;Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, na Biro y'Ubutaka y'Akarere igaragaza ko ikibanza atari icye kuko yashubijwe ingurane ingana n'amafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000frw) y'ibikorwa yari yarashyizemo, kandi akaba asanganywe n'ubundi butaka yiguriye bungana na **21a 64ca 24** ; inama yemeje ko icyo kibanza atagihabwa.

52. Ku bijyanye n'ikibazo cya Bwana **HARERIMANA Alphonse** wo mu Murenge wa RUKIRA yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kubera umusoro basorera za Butike ungana n'amafaranga ibihumbi bitanu (5000 frw ), kandi ubundi barasoraga amafaranga ibihumbi bibiri (2000 frw).Inama Njyanama ishingiye ku bisobanuro byatanzwe n'Ushinzwe Imisoro mu Karere agaragaza ko abasoresha b'Imirenge bibeshye, bagombaga kwishyura amafaranga ibihumbi bibiri(2000frw), yemeje ko byakosorwa bagakomeza gusora nk'uko byari bisanzwe bikorwa.

53. Ku bijyanye n'ikibazo cy'abaturage banditse bagaragaza ko batanyuzwe n'umwanzuro wafashwe n'ubuyobozi bw'Akarere wo kubimura hakorwa umushinga wo kwagura isoko rya Kibungo, aribo **SINDIKUBWABO Francois,TWIZEYIMANA Emmanuel,**

**MBARUSHIMANA J.Pierre** na **NSENGIYUMVA Emmanuel**, hashingiwe ku itegeko No 18/2007 ryo kuwa 19/4/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo yaryo ya 3 agace ka 2, hashingiwe kandi ku byifuzo byabo aho basaba gusubizwa ibyo bibanza, Inama Njyanama yemeje ko babisubizwa bagashyiramo inyubako zijyanye n'igihe hubahirizwa amabwiriza azatangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere ku bibanza bituriye isoko.

54. Inama yasomewe ibaruwa y'umuyobozi w'Akarere ka Ngoma asaba ikiruhuko cy'umwaka wa 2011, akaba yagombaga kugitangira tariki ya 05/8/2011 kugeza tariki ya 04/9/2011. Inama Njyanama yemeje ko azatangira iki kiruhuko tariki ya **22/8/2011** kugeza kuwa **20/9/2011**.

### 3.1.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 29/9/2011

55. Kubijyanye n'ikibazo cy'amazu y'abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 muri rusange amazu yose yarasakawe arakingwa ndetse hari 24 arimo pavement kuburyo abagenerwabikorwa bayarimo, 73 ateye ibipande andi 17 arasakaye aranakinze.

56. Kubijyanye n'abandikira Inama Njyanama basaba gutizwa ubutaka, hemejwe ko usibye kubakorera muri za Koperative, hazajya harebwa ibikorwa bikorerwa muri ubwo butaka, hagasuzumwa niba imyaka bifuza gutera muri ubwo butaka ari imera vuba, yaba ari itinda ntibutizwe. Inama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gutegura amasezerano hagati y'utijwe ubutaka n'Akarere bitarenze tariki ya 30/10/2011. Hemejwe kandi ko ku birebana n'amasezerano hazajya hagaragazwa ingingo isobanura ko utubahirije ibikubiye mu masezerano, ayo masezerano azajya aseswa kandi yamburwe ibyo yakoreyemo bitari mu masezerano.

57. Ku birebana n'igikorwa cy'abagize Inama Njyanama y'Akarere cyo gufasha abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, hemejwe ko bitarenze tariki ya 15/10/2011, Abajyanama bose baba bagejeje umusanzu wabo ku Munyamabanga Uhoraho w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ungana n'ibihumbi cumi na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (15000 Rwf) ubishoboye akarenzaho.

58. Ku bijyanye n'umwanzuro wemeje ko abakozi bose bakenewe mu Mirenge igize Akarere ka Ngoma bagomba kuba bashyizwe mu myanya, abari mu nama basobanuriwe ko hakozwe ibizamini byanditse, ikizamini cya Interview kikazakorwa bitarenze tariki ya 7/10/2011. Hakozwe kandi lisiti y'Abaveterineri bose bo mu Karere ka Ngoma yoherezwa muri Rwanda Agriculture Board (RAB) kugirango bahabwe amahugurwa mu bijyanye no gutera intanga.

59. Kubijyanye n'umwanzuro wemeje ko abagize staff y'Umurenge n'Inama Njyanama y'Umurenge bazajya bakora descente mu Tugari rimwe mu kwezi, bakamanuka no mu

Midugudu, bigakorwa rimwe mu cyumweru hagendewe aho inteko rusange y'imidugudu iteranira, kandi mu cyumweru cya mbere(1) cy'ukwezi hakaba hamaze gutangwa raporo y'ibyakozwe ikagezwa ku nzego zisumbuye, Inama Njyanama y'Akarere igahabwa kopi, hemejwe ko Komite Nyobozi itegura ifishi n'amabwiriza ikaba yoherejwe mu Midugudu bitarenze tariki ya 10/10/2011.

60. Ku bijyanye n'ikibazo cy'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari badakora neza, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 4/10/2011 abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahindurira umwanya umuyobozi w'Akagali ka Nyagasozi n'uw'Akagali ka Kibare kubera amakosa akabije abagaragaraho mu gihe hagikorwa isuzumabikorwa muri utu Tugari, hakazafatwa umwanzuro wa burundu nyuma y'iryo suzumabikorwa.

61. Kubijyanye n'Akagali ka Birenga, kari mu Murenge wa Kazo, gakorera mu nzu y'umuturage bakaba baranze kwishyura nyir'inzu, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 4/10/2011 ubuyobozi bw'Umurenge bugomba kwishyura uwo muturage batamwishyura abayobozi b'Akarere bakayakura ku mafaranga yohererezwa uwo Murenge akishyurwa umuturage.

62. Ku bijyanye n'ikibazo 'SWAA-RWANDA-IHUMURE'yasabye gufashwa kubikirwa ibikoresho, hemejwe ko baba batijwe icyumba mu nzu y'Akarere yahoze ari iya LWF (Lutheran World Federation) mu gihe cy'amezi atatu.

63. ku kibazo cy'ubutaka busabwa na Bwana MUBERUKA Celestin, buherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Cyasemakamba, Umudugudu w'Amarembo budakoreshwa, bukaba bwarasabwe kugira ngo bubyaze umusaruro Ishingiye kuri raporo ya Biro y'Ubutaka y'Akarere n'iya komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'ubukungu, ishingiye ku mushinga wo kubaka amacumbi afite, Inama Njyanama yemeje ko ubwo butaka abuhabwa burundu, agashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje, atabyubahiriza akabwamburwa hakorwa amasezerano hagati y'uhawe n'Akarere.

64. Ku bijyanye n'ikibanza cyo kubakamo Hotel, cyasabwe na Madamu KANZIGA Francoise uhagarariye HEITZ GROUP HOTEL ; ishingiye kuri raporo ya Biro y'Ubutaka y'Akarere n'iya Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu igaragaza ko aho HEITZ Group yari yemerewe hari harakozwe inyigo yo kuvugurura stade Cyasemakamba, yaje gusinywa ku wa 24/8/2011 nyuma y'uko Inama Njyanama yari yateranye ku wa 12/08/2011. Inama Njyanama yemeje ko HEITZ GROUP HOTEL ihabwa ubutaka busaguka ahateganyijwe kubaka hotel y'Akarere.

65. Ku kibazo cya Koperative ya Kawa 'KOPAKAGA'ibarizwa mu Murenge wa Kibungo, Akagali ka Gatonde basaba aho kubaka aho batunganyiriza Kawa (washing coffee station), Inama Njyanama yemeje ko bandikira Inama Njyanama basaba gutizwa ahandi bakorera kuko aho basabye hari ibindi bikorwa.

66. Kubijyanye n'ikibazo Bwana NTINYA Celestin afitanye na Paruwasi ya Kibungo cy'ubutaka yubatsemo, Paruwasi ivuga ko ari ubwayo, Ntinya nawe akavuga ko yabuhawe

mu gihe cy'itangwa ry'Imidugudu ; byagaragaye ko ubwo butaka butatanzwe ahubwo ari ubwa Paruwasi ya kibungo. Inama Njyanama yemeje ko NTINYA asubiza ubwo butaka, ubuyobozi bwa Paruwasi bukandikirwa bumenyeshwa ko bufite uburenganzira kuri ubwo butaka.

67. Kubijyanye n'ikibazo cya INGABIRE Janvière utuye mu Murenge wa Kazo, ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu, Inama Njyanama yemeje ko asubizwa umutungo w'ababyeyi be yamburwaga n'abanyamuryango be kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kazo yandikira abayimwambuye bakayimusubiza no gutesha agaciro irangizarubanza ryakoze ku mpamvu z'uko atabifitiye ububasha kuko atararahira.

68. Kukibazo cya Koperative y'ikawa MUCOFACO, Inama yemeje ko umuyobozi ushinzwe Amakoperative ku rwego rw'Akarere yabafasha hakorwa lisiti y'abanyamuryango bashya hakurikijwe sitati y'iyi Koperative no kugirana amasezerano hagati y'abanyamuryango n'Akarere, kandi bitarenze tariki ya 10/10/2011 Komite Nyobozi y'Akarere, Biro y'Inama Njyanama, abashinzwe umutekano n'ushinzwe Amakoperative bakabagabanya izo kawa.

69. Ku kibazo cy'amatelefone yatanzwe na BRD akiri mu Karere, Inama Njyanama yemeje ko telefone ijana na mirongo irindwi n'eshatu (173) baziha Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugali andi asigaye akazatezwa cyamunara ibiciro bigashyirwaho n'akanama gashinzwe gutanga amasoko mu Karere.

70. Ku kibazo cy'Abaturage baba mu mazu ya INATEK yahoze ari aya BGM, hashingiwe ku mwanzuro wafashwe n'abatuye muri ayo mazu uvuga ko bitarenze tariki ya 30/11/2011 bazaba batakiri muri ayo mazu, Inama Njyanama yarawemeje.

71. Ku bijyanye n'Imirenge ikiri inyuma mu nyubako z'amashuri cyane cyane mu Murenge wa Rukumberi n'uwa Kibungo, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakwandikira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kibungo asabwa gutanga ibisobanuro.

72. Ishingiye ku ibaruwa ya Bwana KAMANZI Stanislas, Minisitiri w'Umutungo Kamere isaba gusimbura Bwana NGARAMBE Sylver umwe mu bakandida bagize Komisiyo y'ubutaka mu rwego rw'Akarere ka Ngoma, Inama Njyanama yemeje yasimburwa na Bwana Lionel ushinzwe Ibarurishamibare mu Karere ka Ngoma.

Ni muri urwo rwego hemejwe abakandida ba Komisiyo y'Ubutaka bakurikira :

a. Abahagarariye ubutegetsi bwite bwa Leta
    - KUBWIMANA Lionel
    - MUTABARUKA SEMATABARO Mbwecky
b. Abahagarariye sosiyete sivile igizwe n'amashyirahamwe y'abahinzi borozi
    - UWAMAHORO Christine

- KAYITESI Zainabo

c. Uhagarariye urugaga rw'abikorera ku giti cyabo

- ISABWE Vedaste

73. Ku bijyanye n'icyifuzo cy'Ubuyobozi bw'Akarere cyo gushyiraho Civil Eduaction Center, abari mu nama basobanuriwe ko izaba igamije guhuriza hamwe abantu bose bagaragaweho imyifatire itari myiza (inzererezi, abanywa ibiyobyabwenge, indaya,...) kugirango bahabwe inyigisho zijyanye n'uburere Mboneragihugu. Imaze kumva ibisobanuro byatanzwe na Komite Nyobozi y'Akarere, Inama Njyanama yemeje ishyirwaho rya Civic Educational Center y'Akarere ka Ngoma.

74. Kubijyanye no gushyiraho amande acibwa abajura b'ifumbire, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 10/10/2011, Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu ifatanyije n'ushinzwe ubuhinzi ku Karere bazategura ibihano byahanishwa abazaba banyereje ifumbire ikabona kubyemeza.

75. Ku bijyanye n'ikibazo cy'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Rukumbeli Bwana BISANGWABAGABO Venuste, hashingiwe ku ibaruwa y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'abakozi ba leta isaba ko yahagarikwa ku kazi, Inama Njyanama yemeje umwanzuro wa burundu wo kwirukanwa kwa Bwana Bisangwabagabo Venuste wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rukumbeli.

### 3.1.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 27/12/2011

76. Inama Njyanama yagejejweho raporo y'inama y'abagize Inama y'Abaperezida yo kuwa 08/11/2011 igaragaza ahanini isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama. Inama Njyanama yishimiye iyo raporo,ikaba izasesengurwa mu nama y'Abaperezida itaha.

77. Kubijyanye n'ikibazo cya Bwana NYIRIHIRWE Emile yandikiye inama Njyanama asaba ko yasubizwa isambu ye yubatswemo umudugudu; Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'ubukungu ifatanyije n'abatekinisiye bashinzwe ubutaka ku Karere aho igaragaza ko ubutaka bwubatswemo umudugudu mu murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu w'Amarembo ari ubwa Bwana Nyirihirwe, hemejwe ko abashinzwe ubutaka bazafatanya na komisiyo yavuzwe haruguru bagapima uko isambu ye yanganaga akaguranirwa indi sambu.

78. Ku bijyanye n'ikibazo cy'ubuyobozi bw'Umurenge wa Mutenderi cyo guhabwa uruhushya rwo kuguranira Bwana NDIKUBWIMANA Jean Berchmas isambu ingana na hegitare 1, 5 ku mpamvu z'uko isambu ye iherereye mu mudugudu wa Musenyi na Karwema ingana na hegitare ebyiri (2ha) yatanzwemo inzuri. Inama Njyanama yemeje ko ubuyobozi bw'Umurenge bwaguranira Bwana Berchmas ubutaka bwe, hakaba hasabwe Komite

Nyobozi gukurikirana niba amasezerano hagati y'Umurenge n'uwo muturage agaragaza ko yihitiyemo hegitare 1, 5 yarasinywe.

79. Kubirebana n'ikibazo cy'itsinga z'amashanyarazi zinyura hejuru y'ikibanza cyahawe Bwana MUBERUKA Celestin, ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu ifatanije na Biro y'ubutaka igaragaza ko muri ako Kagari ka Cyasemakamba, Umudugudu w'Amarembo ubwo butaka ntakibazo bufite mu gihe atazubaka etage; Inama Njyanama yemeje ko ubwo butaka abuhabwa, agashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje, atabyubahiriza akabwamburwa.

80. Ku bijyanye n'ikibazo Bwana NTINYA Celestin afitanye na Paruwasi Gatolika ya Kibungo cy'ubutaka yubatsemo ibarizo, Paruwasi ivuga ko ari ubwayo, NTINYA nawe akavuga ko yabuhawe mu gihe cy'itangwa ry'imidugudu. Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya komisiyo y'Inama Njyanama yihariye yageze kuri terrain kuwa 23/11/2011, aho yaganiriye n'abaturage bahatuye bakagaragarizwa ko ubutaka ari ubwa paruwasi; Mu rwego na none rwo guhuza NTINYA na Paruwasi Gatolika ya Kibungo, yasabye Paruwasi ko yakodesha Bwana Ntinya, batabyumvikanaho agashaka ahandi akorera akazaba amaze gukuramo ibikorwa bye mu mpera z'ukwezi kwa gatanu 2012.

81. Ku bijyanye n'ikibazo cya Bwana Musangwa Silas asaba amafaranga y'amezi abiri atahawe, ubwo bamwandikiye bamuhagarika ntabone ibaruwa, n'umushahara ugahagarara, Inama Njyanama yemeje ko komite Nyobozi igikurikirana agahabwa umushahara we atabonye.

82. Ku bijyanye n'ikibazo cya Madamu TUMUKUNDE Joselyne wahoze ari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Rugese mu Murenge wa RURENGE, Ishingiye kuri raporo ya Pomisiyo Politiki ifatanyije n'ushinzwe abakozi mu Karere, n'umunyamategeko w'Akarere, Inama Njyanama yemeje ko Madamu TUMUKUNDE Joselyne yakimurirwa ahandi akorera atari mu Murenge wa RURENGE.

83. Ku birebana n'ikibazo cya Bwana RUKUNDO Aimable wahagaritswe mu kazi, ahabwa ibaruwa imwimura 'transfert', ariko ntiyahabwa amafaranga ye y'agahimbazamusyi 'Prime', Inama Njyanama ishingiye kuri raporo y'Umuyobozi w'Uburezi ku Karere, yemeje ko Bwana RUKUNDO Aimable ahabwa amafaranga ye y'amezi atatu (October –December 2010) angana n'ibihumbi mirongo itatu na birindwi n'amafaranga magana atanu (37, 500 frw).

84. Ku bijyanye n'imyanzuro y'igenzura ryakorewe ikigo cy'Ishuri Rikuru ry'Ubuforomo n'Ububyaza rya Kibungo, Inama Njyanama yemeje ko Minisiteri y'Ubuzima yandikirwa igaragarizwa icyo Akarere kabikozeho harimo igenzura ryakorewe icyo kigo, bagasaba Minisiteri y'ubuzima kumenyesha inzego zishinzwe gukurikirana umutungo wa Leta igenzura ryakozwe no gusaba ko hatangwa ikirego mu nkiko.

85. Ku birebana n'igikorwa cy'abagize Inama Njyanama y'Akarere cyo gufasha abana batishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, hemejwe ko

bitarenze tariki ya 6/01/2012, abagize Inama Njyanama y'Akarere bazasura abo bana hagamijwe gukorana nabo ubusabane, bakanaboneraho kubaha impano babageneye igizwe naza Matelas zizahabwa imiryango 36. Guhaguruka ku Karere bikaza kuwa gatanu tariki ya 06/01/2012 isaa yine za mu gitondo.

86. Nyuma yo gutanga ibitekerezo bitandukanye ku bijyanye n'ibizigirwa mu mwiherero w'Inama Njyanama uteganyijwe kuva tariki ya 6/01/2012 kugeza tariki ya 8/01/2012, hemejwe ingingo zikurikira:

    a. Kurebera hamwe imikorere n'imikoranire hagati y'inzego.

    b. Kureberahamwe inziti n'ingamba z'iterambere ry'Akarere.

    c. Kugaragaza gahunda ya Leta, harebwa aho Imihigo y'Akarere ka Ngoma igeze ishyirwa mu bikorwa.

    Uyu mwiherero ukazabera kuri Hotel Betaniya mu Karere ka Karongi.

87. Inama yagejejweho ibaruwa n° 1958/07.05.06 yo kuwa 23/12/2011 y'Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba ko yakwemeza gukodesha amazu y'Akarere yahoze akorerwamo n'umushinga wa LWF n'igiciro cy'ubukode bwayo. Ayo mazu azakorerwamo na Kaminuza yo mu gihugu cya TANZANIYA yitwa 'Open University'. Ishingiye ku iterambere ry'Akarere ryo kubona Kaminuza yigisha icyicyiro cya 'Masters', Inama Njyanama yemeje ko ayo mazu akodeshwa, inasaba Komite Nyobozi gutegura ibiciro byazo kuburyo butababangamiye kugira ngo iyo Kaminuza itangire muri uku kwezi kwa mbere.

88. Inama yagejejweho ibaruwa n° 1959/07.05.06 yo kuwa 23/12/2011 y'Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba kwemezwa burundu kw'Abakozi bakorera ku Karere, mu Mirenge, mu Tugari, mu rwego rw'Ubuzima, mu rwego rw'Uburezi, harimo abatangiye akazi 2006 na 2011 bamaze amezi atandatu mu kazi. Inama Njyanama yemeje urutonde rw'abo bakozi nkuko mubisanga ku mugereka wa I.

89. Inama yagejejweho ibaruwa n° 1960/07.05.06 yo kuwa 23/12/2011 y'Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba ko yakwiga ku kibazo cya toilettes zo mu bwoko bwa ECOSAN ziri ahazubakwa 'Selling point'ya REMERA, MINICOM yemeye kubakira Akarere. Rwiyemezamirimo watsindiye imirimo yo kubaka iryo soko yasabye ko izo toilettes zakwimurwa kubera ko aho kubaka isoko ari hato. Inama Njyanama yemeje ko ECOSAN yari i Remera yahakurwa igashyirwa ahandi kugira ngo isoko rya Remera ryubakwe, ubuyobozi bw'Akarere bugashaka aho yubaka indi ECOSAN. Hemejwe kandi ko Komisiyo ishinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yakurikirana ikibazo ikamenya impamvu za ECOSAN zo mu Karere ka Ngoma zidakoreshwa.

## 3.2. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA MU MWAKA WA 2012

### 3.2.1. Imyanzuro y'umwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuva kuwa 06-08/01/2012

90. Ku bijyanye n'ibyemezo bifatwa n'ubuyobozi bw'Akarere bigasaba ko Inama Njyanama ibyemeza, hemejwe ko ubuyobozi bw'Akarere bwafata ibyemezo by'agateganyo mu gihe ari ngombwa, nyuma bigashyikirizwa Inama Njyanama kugirango byigweho binafatirwe umwanzuro ndakuka nk'uko biteganywa n'itegeko.

91. Ku bijyanye no gushyiraho abakozi 'recruitment'aho akanama gashinzwe gushyiraho abakozi b'Akarere kadahabwa amakuru mbere, hemejwe ko ubuyobozi bw'Akarere bugomba kuzajya bugaragariza ako kanama imyanya ikeneye abakozi kugira ngo hategurwe itangazo hashingiwe ku murimo ukenewe.

92. Ku bijyanye n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge batohereza ku gihe imyanzuro y 'inama z'Inama Njyanama z'Imirenge, cyangwa se ntinatangwe hemejwe ko imyanzuro y 'Inama Njyanama y'Umurenge izajya igezwa ku Karere na Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge cyangwa akagena undi wayihageza.

93. Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko hahuzwa komite z'Inama Njyanama z'Imirenge n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge kugirango higwe uko Njyanama z'Imirenge zakoroherezwa mu gusohoza inshingano zazo.

94. Ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere, Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko Komite Nyobozi yajya ikora incamake y'imyanzuro yashyizwe mu bikorwa n'imigereka yayo (supporting documents), hakanagaragazwa n'itarashyirwa mu bikorwa n'inzitizi bahuye nazo.

95. Kubijyanye no gusubiza imyanzuro y'Inama Njyanama z'Imirenge, bitubahirizwa hakurikijwe icyo itegeko riteganya, Inama yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere yakubahiriza icyo itegeko riteganya.

96. Kubijyanye no guterana rimwe mu kwezi kw'Inama Njyanama z'Imirenge bidakorwa uko bikwiriye,inama yemeje ko bagomba kwibutswa munyandiko icyo amategeko abivugaho no gukurikirana ishyirwa mubikorwa ryabyo.

97. Ku bijyanye n'inama iteganywa n'itegeko ihuza Komite Nyobozi y'Akarere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge buri kwezi idakorwa, Inama yemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bwajya buyiteganya muri gahunda yayo yihariye itavangitiranyijwe n'izindi gahunda. (Utugari, Imidugudu )

98. Ku bijyanye n'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere itagezwa ku Nama Njyanama y'Umurenge, hemejwe ko Komite Nyobozi y'Akarere igomba gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo muburyo bwihuse.

99. Ku bijyanye n'Abajyanama bahagarariye Imirenge badatumirwa mu nama Njyanama z'Imirenge batorewemo, hemejwe ko hagomba kwibutswa mu nyandiko ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge kubatumira buri gihe. Naho kubatumirwa ntibitabire bakwisubiraho.

100. Ku bijyanye no gusubiza imyanzuro y'Inama Njyanama idasubirizwa igihe, hemejwe ko umunyamabanga uhoraho w'Inama Njyanama y'Akarere yajya afasha umuyobozi w'Akarere gusesengura imyanzuro yafashwe akamuha incamake y'imyanzuro imufasha gusubiriza igihe.

101. Kubijyanye no gutegura imihigo, hemejwe ko ubutaha hazajya habaho kugisha inama abatekinisiye kuri buri cyiciro 'domaine'mu nzego zose.

102. Hashingiwe ku gihe cyo kwesa imihigo n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa, hemejwe ko kugirango imihigo yihutishwe, habaho ubukangurambaga na progress report ya buri kwezi izajya isesengurwa mu nama y'Abaperezida y'Inama Njyanama y'Akarere iterana buri kwezi.

103. Kubijyanye no gufasha umuyobozi w'Akarere ujya guhiga no guhigura imihigo, hemejwe ko hazajya habaho kubanza kuyigaragariza Inama Njyanama y'Akarere n'izindi nzego zifatanyije mu miyoborere y'Akarere mu rwego rwo gukora imyitozo n'ubugororangingo bwayo hakiri kare.

104. Ku bijyanye n'imihigo iri munsi ya 50%, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bugomba guteganya ingamba zidasanzwe zo gukurikirana ibikorwa kugira ngo iyo mihigo igere ku ntego yayo, cyane cyane amasoko aba yahawe ba Rwiyemezamirimo.

105. Ku bijyanye n'imihigo iba yahizwe kandi Akarere katabifitiye ubushobozi, hemejwe ko Akarere kajya gahiga imihigo ishobora kweswa hashingiwe ku bushobozi buhari.

106. Ku bijyanye n'umuhigo wo guha inka imiryango itishoboye, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana umubare w'inka zigomba kwiturwa zikamenyekana vuba kugirango umuhigo weswe.

107. Ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta rigorana bitewe n'uko abaturage batagira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibibakorerwa, hemejwe ko abaturage bagira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'iterambere ribateganyirizwa.

108. Ku bijyanye n'ikibazo cy'abafatanyabikorwa batishimira imikoranire iri hagati yabo n'ubuyobozi bw'Akarere, hemejwe ko habaho kwisubiraho bafata neza abafatanyabikorwa ku nyungu rusange z'abaturage.

109. Ku bijyanye n'ibikorwa biba byarakozwe n'abafatanyabikorwa, hemejwe ko hashyirwaho uburyo bwo gukurikirana no guha agaciro ibyo bikorwa aho bihereye kugirango bigirire akamaro abaturage biba byateganyirijwe, n'iterambere ry'Akarere.

110. Ku bijyanye n'ubushobozi bw'Akarere bukiri hasi, bigatuma n'abakozi bako bahora bagenda ku mpamvu z'uko badahabwa agahimbazamusyi (motivation) ndetse n'ibindi bikorwa bikadindira, hemejwe ko ubuyobozi bw'Akarere bwafata ingamba zo kongera ibintu n'ahantu hasoreshwa ndetse n'abatishyura imisoro bagakurikiranwa.

111. Kubijyanye n'ikibazo cy'imyumvire y'abaturage mu igorana ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta, nyuma y'uko inama isanze ko abaturage atari bo kibazo ahubwo uburyo bukoreshwa n'abayobozi aribwo butanoze, hemejwe ko ubukangurambaga (mobilisation) bwajya bukorwa hakiri kare hadategerejwe ko bikorwa ku munota wanyuma itariki ntarengwa yegereje.

112. Ku bijyanye n'imikorere y'Amakoperative afite umusaruro uhagije, hemejwe ko bateganyirizwa amahugurwa n'urugendo shuri ku Makoperative afite inganda ziciriritse zitunganya umusaruro uboneka muri ayo Makoperative mu rwego rwo kwishyiriraho inganda zayo.

113. Ku bijyanye na bamwe mu bayobozi bakifata nk'abategetsi, hemejwe ko abo bayobozi bahindura imyifatire bakemera kuba abagaragu b'abo bayobora.

114. Ku bijyanye no kutisanzura kw'abakozi ku bayobozi ngo bagaragaze ibibazo byabo, hemejwe ko hajya hategurwa imyidagaduro, yakora ubusabane hagati y'abakozi n'abayobozi mu nzego zose. Hifashishijwe umunsi umwe mu cyumweru wahariwe imikino n'imyidagaduro, kandi hagakurikiranwa uko bikorwa.

115. Kubijyanye no guhanga agashya mu Karere kacu, hemejwe ko mu Midugudu hajyaho ikigega cy'ubufatanye mu Mudugudu 'solidarity fund'mu rwego rwo kwiteza imbere no guhanga umurimoKomisiyo y'Ubukugu ikazanononsora uyu mushinga.

116. Kubijyanye no kuvugurura itike y'Abajyanama inama yemeje ivugurura ryayo nkuko bigaragazwa ku rutonde rukurikira:

| **No** | **Imirenge** | **Ticket Yari Isanzwe** | **Ticket Nshya** | **Ayiyongereyeho** |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Jarama | 7000 | 14000 | 7000 |
| 2 | Sake | 4500 | 8000 | 3500 |
| 3 | Rukumberi | 7000 | 14000 | 7000 |
| 4 | Mugesera | 7000 | 8000 | 1000 |
| 5 | Zaza | 4500 | 8000 | 3500 |
| 6 | Karembo | 4500 | 6000 | 1500 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 7 | Gashanda | 4500 | 6000 | 1500 |
| 8 | Rurenge | 3000 | 6000 | 3000 |
| 9 | Kazo | 3000 | 4000 | 1000 |
| 10 | Mutenderi | 4500 | 7000 | 2500 |
| 11 | Kibungo | 1500 | 3000 | 1500 |
| 12 | Rukira | 4500 | 5000 | 500 |
| 13 | Murama | 4500 | 5000 | 500 |
| 14 | Remera | 1500 | 4000 | 2500 |

Hashingiwe ku giciro cya moto ku Kagari ka kure muri buri Murenge, Komite Nyobozi ikiga igihe byatangira gushyirwa mu bikorwa bikurikije n'ubushobozi bw'Akarere buhari.

117. Ku bijyanye n'amafaranga y'itumanaho ry'Abaperezida ba Komisiyo, inama yemeje ko bakongererwa bagahabwa ibihumbi cumi by'itumanaho.

118. Ku bijyanye na mudasobwa kuri buri Mujyanama, inama yemeje ko ku ikubitiro hagurwa laptops 9 z'Abanyamabanga ba za Komisiyo zibafasha mu kazi bashinzwe, haboneka ubushobozi buri Mujyanama akazagurirwa laptops uko ubushobozi buboneka. Izo laptop zikaba umutungo w'Inama Njyanama.

119. Hashingiwe ku mu saruro wagaragaye w'ibyigiwe mu mwiherero, hemejwe ko umwiherero ugomba kujya uba rimwe mu mwaka.

120. Inama Njyanama yemeje ihindurwa ry'imyanya y'abakozi n'Imirenge .

### 3.2.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 27/01/2012

121. a. Inama Njyanama yemeje ivugururwa ry'Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2011-2012. Ingengo y'Imari yemejwe ingana na Miliyari icyenda, miliyoni magana abiri mirongo irindwi n'umunani n'ibihumbi magana cyenda cumi na bitandatu magana cyenda mirongo inani n'icyenda n'ibice mirongo icyenda n'icyenda(**9,278,916,989.99 rwfs)** by'amafaranga y'u Rwanda.

     b. Inama Njyanama yemeje igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko rivuguruye ry'umwaka wa 2011-2012 (revision of specific procurement plan 2011-2012 of Ngoma District).

122. a. Nk'uko byemejwe mu nama y'umwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma wo kuwa **06-08/12/2012**, Inama Njyanama yemeje ko guhera tariki ya **14-15/02/2012** hazakorwa isura 'descente'mu Mirenge yose igize Akarere ka Ngoma igamije gusuzuma aho ibibazo byabajijwe muri isura 'descente'ryakozwe n'Inama Njyanama kuva kuwa 19-21/07/2011 bigeze bikemuka.

b. Inama yemeje koKomisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Ubuyobozi Politike n'Amategeko ifatanyije na Komite Nyobozi y'Akarere ka Ngoma bategura raporo y'ibibazo byagaragaye mu isura 'descente'ryavuzwe haruguru, ibyakemutse, ibitarakemuka n'impamvu bitarakemuka no gutegura imfashanyigisho z'ibiganiro bizatangwa bitarenze tariki ya 10/02/2012.

c. Abari mu nama batoye ibiganiro bizibandwaho mu gikorwa cyo gusura imirenge cyo kuwa 14-15/02/2012 aribyo:

- Kurwanya ruswa
- Kurwanya ubunebwe
- Kurwanya ihohoterwa
- Kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko
- Isuku n'imirire
- Gufata neza umusaruro wabonetse
- Gutegura igihembwe cya kabiri cy'ihinga (season B).

d. Inama Njyanama yemeje kandi ko buri Mujyanama azajya kuri site yari yagiyeho ubushize.

e. Kubera ikibazo cy'imodoka cyagaragaye mu isura 'descente'ry'ubushize, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere izongera umubare w'imodoka zizifashishwa mu rugendo.

123. Ku bijyanye no guhuza Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge na biro z'Inama Njyanama z'Imirenge byari gukorwa bitarenze tariki ya 30/01/2012 ntibikorwe, Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ko habaye gahunda nyinshi harimo igenzura ry'ishyirwamubikorwa ry'imihigo ku rwego rw'Igihugu bigatuma batubahiriza igihe nk'uko byari byemejwe. Inama yemeje ko uwo mwanzuro wahinduka, icyi gikorwa kimuriwe ku itariki ya 7/02/2012.

124. Inama Njyanama ishingiye ku nshingano nyinshi za Komite Nyobozi, yemeje ko Umunyamabanga Uhoraho w'Inama Njyanama n'Umugenzuzi w'Akarere 'Internal Auditor'bajya bibutsa Komite Nyobozi imyanzuro yihutirwa ibareba mu rwego rwo kubahiriza igihe kiba cyateganyijwe.

125. Ku bijyanye n'ikibazo cyagaragaye ubwo RALGA yatangaga ikizamini cyanditse cyo kuwa 13/01/2012, abagize akanama gashinzwe kujonjora abakozi ntibamenyeshwe, Inama Njyanama yemeje ko bazajya bamenyeshwa mbere bakagira uruhare mu itegurwa ry'itangazo ry'akazi, mu guhitamo abazakora ibizamini ndetse n'ikoreshwa ryabyo.

126. Ku bijyanye n'ikibazo cyavuzwe mu ngingo ya gatanu, Abajyanama basabye ko hashyirwaho amabwiriza ya MINALOC yemerera RALGA uburengenzira bwo gukoresha ibizamini yonyine mu Turere, mu rwego rwo kutabangamira itegeko rishyiraho ipiganwa.

127. Abagize Inama Njyanama bemeje urutonde rwa bamwe mu bakozi b'Akarere bahinduriwe imyanya, nk'uko bigaragara mu myanzuro yo kuwa 27/01/2012

128. Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya **31/01/2012**, Komisiyo ya Politiki, Komisiyo y'ubutaka n'inzego z'umutekano, bifashishije komite yatanze ayo mazu n'amasambu yayo, bashingiye no kubuhamya buzatangwa n'abaturage bayatujwemo muri 2007, bakora ibarura ry'amazu yose mu Mudugudu wa KIYANJA, n'amasambu yahawe abo banyarwanda batahutse muri 2007 bavuye mu gihugu cya Tanzaniya, akamenyekana n'abayatuyemo kandi agahabwa numero zisa n'iz'amazu batuyemo, basanga hari abantu bafite ubutaka n'amazu baguze kandi bitemewe bakabwamburwa bukajya mu maboko y'ubuyobozi bw'Akarere bukazahabwa abatishoboye. Ibi bikaba byarakozwe mu rwego rwo gukemura ikibazo mu buryo bwagutse. Inama Njyanama ikazafata ibyemezo bijyanye n'ubutaka nyuma ya raporo izatangwa na ya Komisiyo yihariye yavuzwe haruguru.

129. Kubijyanye n'ikibazo cy'umuryango wa Gakwaya Faustin, Inama Njyanama yemeje ko Komite y'ubutaka mu Karere yakurikirana ikibazo cy'uyu muryango, bitarenze tariki ya **16/02/2012** ikaba yagejeje raporo mu biro by'Inama Njyanama.

130. Ku bijyanye n'ikibazo cy'abaturage bimuwe mu nkengero z'ibiyaga bya Sake na Mugesera, inama yemeje ko bitarenze tariki ya **02/02/2012**Komisiyo y'Ubuyobozi Politiki n'Amategeko ifatanyije na Komisiyo y'ubutaka izasura abo baturage igatanga raporo y'ibibazo byahabonetse.

131. Ku bijyanye n'ikibazo cy'ubutaka kiri hagati ya Bwana NIYOTWAGIRA François n'Ishuri Rikuru ry'Ubuhinzi rya Kibungo 'INATEK', inama yemeje ko bitarenze tariki ya **30/02/2012** BwanaNIYOTWAGIRAyaba yagejeje igiciro cyose cy'ibyo yakoresheje kubuyobozi bwa INATEK ikabona kumusubiza ayo mafaranga yakoresheje.

132. Ku bijyanye no guha inzandiko z'akazi za burundu abakozi b'Akarere batangiye 2006 kugeza ubu, inama yemeje ko bitarenze kuwa kabiri tariki ya **3/02/2012** aba bakozi baba bazibonye, naho ku bakozi batangiye mbere ya 2006 inama yemeje ko hakorwa urutonde rwabo rugashyikirizwa Minisiteri zibashinzwe, Akarere kakabakorera ubuvugizi bitarenze tariki ya **10/02/2012** urwo rutonde rukaba rwohererejwe Minisiteri; hagatangwa itangazo kuri radiyo kugira ngo baze biyandikishe bamenyekane. Inama yemeje kandi ko

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana MUZUNGU Gerard kujya kureba umunyamategeko wa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo 'MIFOTRA', akamugezaho uko ikibazo cyavuzwe haruguru kimeze akamugira inama.

133. Ishingiye kuri serivise nziza igomba gutangwa n'abakozi bakora mu mafaranga n'abashinzwe ubutaka, Inama Njyanama yemeje ko hategurwa amahugurwa y'abakozi bashinzwe gucunga amafaranga n'abakozi bashinzwe imicungire y'ubutaka, ibi bikazashyirwa mu ngengo y'Imari y'umwaka utaha.

134. Ku bijyanye no guhindura ibiciro by'ubukode bw'ubutaka, inama yemeje ko byaguma uko bisanzwe bikazavugururwa mu misoro y'Ingengo y'Imari y'ubutaha ya 2012-2013.

135. Inama Njyanama yemeje abagize inama y'ubutegetsi y'ubwisungane mu kwivuza 'board'mu Karere ka Ngoma ku buryo bukurikira:

| No | Amazina | Urwego Ahagarariye |
|---|---|---|
| 1 | Kirenga Providence | Uhagarariye Akarere |
| 2 | Mugasa Joseph | Uhagarariye amadini |
| 3 | Dr Namanya William | Uhagarariye amavuriro |
| 4 | Iryivuze Isaie | Uhagarariye amashami y'ubwisungane mu kwivuza |
| 5 | Umuhire Angelique | Uhagarariye amashami y'ubwisungane mu kwivuza |
| 6 | Murebwayire Christine | Uhagarariye Amashyirahamwe |
| 7 | Mukarukundo Victoire | Uhagarariye Imirenge |

- Inama Njyanama yemeje ko abahagararira inama y'ubutegetsi ari aba bakurikira:

| No | Amazina | Urwego Ahagarariye |
|---|---|---|
| 1 | Kirenga Providence | Uhagarariye Akarere |
| 2 | Iryivuze Isaie | Uhagarariye amashami y'ubwisungane mu kwivuza |

### 3.2.3. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 07/03/2012

136. Nyuma y'uko impuguke z'ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire mu Rwanda (R.H.A) zimaze gusobanurira abari mu nama ibijyanye '**N'IGISHUSHANYO RUSANGE CY'UMUJYI W'AKARERE KA NGOMA**'abagize Inama Njyanama bemeje icyo

gishushanyo rusange cy’Umujyi w’Akarere ka Ngoma uko kimeze kugeza ubu aho kizafata Utugari 8 tw’Imirenge igize Akarere ka Ngoma aritwo:

a. Akagari ka **Cyasemakamba, Karenge, Mahango na Gahima** two mu Murenge wa **Kibungo**.

b. Akagari ka **Kinunga, Nyamagana na Bugera** two mu Murenge wa **Remera**

c. Akagari ka **Karama** ko mu Murenge wa Kazo.

Igishushanyo mbonera cy’Umujyi w’Akarere ka Ngoma kikaba kizagenda cyagurwa uko ubushobozi bw’Akarere buzagenda buboneka.

137. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y’inama isanzwe yayo yo kuwa **27 Ukuboza 2011** n’iy’inama idasanzwe yo kuwa 27 **Mutarama 2012**, zose imaze kuzisesengura no kuzikorera ubugororangingo.

138. Ku bijyanye n’ikibazo cy’abaturage bo mu Murenge wa Jarama bimuwe bitewe n’iyubakwa ry’ikigega ndetse n’ubwiherero batarishyurwa, abari mu nama bamenyeshejwe koamafaranga yo kubimura azateganywa mu ngengo y’Imari y’umwaka utaha (budget 2012-2013).

139. Inama Njyanama yagejejweho amabwiriza ajyanye n’ikoreshwa ry’ifumbire mvaruganda n’ibihano biteganijwe guhanishwa abahinzi, abacuruzi n’abakozi ba Leta bazafatirwa mu bikorwa byo kunyereza ifumbire. Ishingiye ku bisobanuro byatanzwe na Komisiyo y’Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry’Ubukungu yasesenguye ayo mabwiriza nk’uko byemejwe mu nama Njyanama yo kuwa 27/12/2011, Inama Njyanama yemeje amabwiriza n’ibihano byavuzwe haruguru ku buryo bukurikira:

**Amabwiriza ajyanye n’ikoreshwa ry’ifumbire mvaruganda mu buhinzi.**

1) Buri muhinzi agomba gufata ifumbire ingana n’igice cya Hegitari ni ukuvuga ibiro 50 kuri DAP yo guterana imbuto y’Ibigoli ku mafaranga 300/kg n’ibiro 25 bya UREA yo kubagaza ku mafaranga 240/Kg.
2) Hishyurwa amafaranga 15 000 ku biro 50 bya DAP n’amafaranga 6000 ku biro 25 bya UREA yo kubagaza yose hamwe ni amafaranga 21 000 yishyurwa cash Rwiyemezamirimo watsindiye isoko muri MINAGRI ENAS(Entreprise Nkuburi Alfred and Sons). Binyujijwe ku mucuruzi umuhagarariye muri buri murenge.
3) Abahinzi badashoboye kwishyura ifumbire ako kanya bumvikana na Rwiyemezamirimo uburyo bazishyura bamaze kweza ariko ubuyobozi bw’Umurenge bukishingira kuzakurikirana uburyo uwo mwenda uzishyurwa.
4) Ibiciro bimaze kuvugwa hejuru birareba gusa abantu batishoboye bagenewe nkunganire(Voucher),

5) Abahinzi bafite ubutaka bunini hejuru y'igice cya Hegitari cyangwa se ibigo bya Leta (Gereza, ibigo by'amashuri …), hari amasezerano yihariye asinywahagati y'abo bayobozi n'Ubuyobozi bwa RAB mu Karere.

6) Inzego zose (Ubuyobozi ku Karere kugera ku Mudugudu, inzego za Gisirikare, Inzego za Police, Inkeragutabara, LDF, CPCs, Komite z'Iyamamazabuhinzi n'abandi bafatanyabikorwa bose bo mu buhinzi basabwe gukurikirana ikoreshwa ry'ifumbire yoherejwe mu Karere.

7) Buri Murenge ugomba kuba ufite urutonde rw'Abahinzi bahawe ifumbire yo gukoresha mu buhinzi, kugirango ubashe gukurikirana uburyo yakoreshejwe byorohe.(Amazina yombi, inomero y'irangamuntu, Akagari, Umudugudu atuyemo, ingano y'ifumbire yahawe DAP na UREA, amafaranga yishyuye, ayo asigayemo).

**Ibihano bigenerwa abafatiwe mu bikorwa byo kunyereza ifumbire**

1) Umuhinzi cyangwa undi wese uzafatirwa mu bikorwa byo kunyereza ifumbire azahanishwa gutanga amafaranga n'ibihumbi 30, 000 kuri buri biro 50 bya DAP angana n'agaciro k'iyo fumbire hatarimo nkunganire igenwa na Leta ku bahinzi batishoboye hongeweho amande angana n'amafaranga ibihumbi 5, 000, Rwiyemezamirimo w'ifumbire yishyurwa 15 ,000 kuko nawe aba yarishyuye MINAGRI hanyuma asigaye agashyirwa kuri Konti y'Akarere iri muri Banki y'abaturage ya Kibungo ifite nomero 568126413111.

2) Umuhinzi cyangwa undi wese uzafatirwa mu bikorwa byo kunyereza ifumbire azahanishwa gutanga amafaranga angana n'ibihumbi 23 500 kuri buri 50 bya UREA angana n'aagaciro k'iyo fumbire hatarimo nkunganire igenwa na Leta ku bahinzi batishoboye hongeweho amande angana n'amafaranga 5 000, Rwiyemezamirimo w'ifumbire yishyurwa 12 ,000 kuko nawe aba yarishyure MINAGRI hanyuma asigaye agashyirwa kuri Konti yavuzwe haruguru.

3) Umucuruzi uzafatwa yaguze ifumbire yagenewe gukoreshwa mu buhinzi azahanishwa amande angana n'ibihumbi 5 ,000 kuri buri biro 50 by'ifumbire bitewe n'ubwoko bw'ifumbire DAP cyangwa UREA hongeweho agaciro ka buri biro 50 bya DAP nta nkunganire iriho ni ukuvuga 30, 000Frws niba ari DAP cyangwa 23, 500Frws kuri buri 50 bya UREA.

4) Umukozi wa Leta uzafatirwa mu bikorwa byo kugurisha ifumbire azirukanwa ku kazi kandi acibwe amande hakurikijwe ibyo umucuruzi ufatiwe muri ibyo bikorwa acibwa.

5) Kubijyanye n'abakora umwuga w'ubwikorezi (imodoka, moto, igare, ubwato …),hemejwe ko hazajya hatangwa ibihano ku buryo bukurikira: Imodoka izafatanwa ifumbire yanyerejwe izafungirwa kuri Station la Police mu gihe cy'Iminsi 20, kandi nyirayo acibwe amande angana n'ibihumbi magana atanu(500, 000Frws), ashyirwe kuri Konti y'Akarere yavuzwe mu ngingo ya mbere.

6) Moto izafatanwa ifumbire yanyerejwe izajya ifungirwa kuri station ya Police mu gihe cy'Iminsi 20, kandi nyirayo acibwe amande y'amafaranga 150 ,000Frws.

7) Igare zizafatanwa ifumbire yanyerejwe rizafungirwa ku biro by'Umurenge mu gihe cy'iminsi 20 kandi nyiraryo acibwe amande angana n'ibihumbi 70, 000Frws.

8) Ubwato buzafatanwa ifumbire yanyerejwe buzafatwa bufungirwe ku buyobozi buri hafi yaho bwafatiwe mu gihe cy'iminsi 60 kandi nyirabwo acibwe amande angana n'ibihumbi 200, 000Frws, niba ari ubwato bufite Moteri izafungirwa kuri Station ya Police mu gihe cy'Ukwezi hanyuma azayisubizwe nyuma y'iminsi 60.

9) Hemejwe kandi ko umuntu wese mu nzego zavuzwe hejuru kimwe n'abandi, bazatanga amakuru ku bijyanye n'Ifumbire yanyerejwe bazahabwa igihembo cy'amafaranga anagana na 10% y'amafaranga azashyirwa kuri Konti y'Akarere nyuma yo kwishyura Rwiyemezamirimo wazizanye wahawe isoko na MINAGRI ENAS (Entreprise Nkubiri Alfred and Sons).

10) Abahinzi bazafatanwa ifumbire ya DAP mu ngo zabo nyuma yo gutera ndetse na UREA nyuma yo kubagara bazahanishwa ibihano biri mu ngingo ya mbere y'ibihano.

11) Kubera ko mu Mirenge nta bubiko bwizewe bwabika ifumbire mu gihe kirekire, nyuma yo gutera no kubagara bitarenze kuwa 25/11 buri mwaka kugirango hirindwe inyerezwa ryayo Rwiyemezamirimo wayizanye ENAS(Entreprise Nkubiri Alfred and Sons), agomba kuyisubirana ikajya kubikwa neza.

12) Kubera ko bitewe n'IIgihembwe cy'Ihinga Ibiciro bya DAP na UREA bishobora guhinduka, ibi bihano bizajya bihinduka bitewe n'Igiciro cy'Ifumbire MINAGRI izaba yashyizeho.

140. Ku bijyanye n'ikibazo cy'imyanzuro iba yaremejwe ntigezwe ku baturage, ku mpamvu z'uko haba hari imyanzuro iba yasabwe n'ubuyobozi bw'Intara ko ibanza kunononsorwa ikabona kwemezwa, Inama Njyanama yemeje ko Umunyamabanga Uhoraho w'Inama Njyanama y'Akarere azajya areba imyanzuro yemejwe ikagezwa ku baturage, itaremewe ikagaragazwa ukwayo ikazigwaho kugirango inononsorwe.

141. Abajyanama bagejejweho icyifuzo cy'Ubuyobozi bw'Akarere, cy'uko isura 'descente'rya Njyanama riteganyijwe mu Mirenge igize Akarere ka Ngoma rigamije gusuzuma aho ibibazo Abajyanama bagejejweho mu isura ryakozwe ubushize tariki ya 19-21/7/2011 bigeze bishyirwa mu bikorwa yahurizwa hamwe n'isura ry'abayozi b'Akarere n'inzego z'umutekano ryo gukora evaluation y'imihigo mu Mirenge. Nyuma y'uko Abajyanama basanze guhuza izo gahunda ebyiri bitoroshye hemejwe ko muri iryo sura 'descente'ry'ubuyobozi bw'Akarere riteganyijwe guhera kuwa gatanu tariki ya 09/03/2012 hazajya hamenyeshwa umujyanama watorewe mu Murenge uri busurwe agafatanya

n'itsinda ryasuye Umurenge we. Hemejwe kandi ko gahunda yo gusura abaturage y'Abajyanama yari iteganyijwe, izakorwa nyuma y'iryo sura ry'ubuyobozi bw'Akarere.

142. Nyuma yo gusobanurirwa icyo "**One Stop Center**" ari cyo n'impinduka izazana mu mitangire ya service, nk'uko byemejwe mu nama yahuje inzego z'ibanze yo kuwa 16/01/2012, Inama Njyanama yemeje ishyirwaho rya '**One Stop Center',** ikazaba ikoresha abakozi bari basanzwe bakorera mu biro by'ubutaka, wongeyeho umukozi ushinzwe ibikorwaremezo 'Infrastructure',abandi bakazongerwamo uko ubushobozi buzagenda buboneka.

143. Inama Njyanama yemeje ko havanwa mu bitabo by'umucungamari w'Akarere urutonde rugaragaza ko hari ibirarane by'ubukode bw'ubutaka rungana na **28 887 534,04frw** rutari rwubahirije amategeko, rugasimburwa n'urutonde rw'abaturage 205 bafite ibyo birarane rungana na **5 795 290 frw** kubera ko arirwo rukurikije amategeko.

144. Inama Njyanama ishingiye ku Iteka rya Minisitiri n$^0$ 01/03 ryo kuwa 17/02/2003 rihindura iteka rya Minisitiri n$^0$ 01/16/00 ryo kuwa 14/07/2005 rigenga imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda ;

Inama Njyanama yemeje ibiciro by'ubukode by'ubutaka ku buryo bukurikira:

| **Icyo Ubutaka Bukoreshwa** | **Aho Buherereye** | **Ibiciro Biteganywa N'iteka Rya Minisitiri** | **Ibiciro Byemejwe N'inama Njyanama** | **Ibiciro Bishya Byemejwe** |
|---|---|---|---|---|
| Ibibanza byo guturaho (**Ingingo ya 4**) | Umujyi wa Kibungo | 20Frw-60Frw/m² | 40Frw/m² | 20Frw/m² |
| Ibibanza by'ubucuruzi (**Ingingo ya 4**) | Umujyi wa Kibungo | 30Frw-80Frw/m² | 80Frw/m² | 40Frw/m² |
| Ibibanza by'inganda | Umujyi wa Kibungo | 20Frw/m² | 0Frw/m² | 20Frw/m² |
| Ibibanza byo guturaho (**Ingingo ya 5**) | Muri santire z'ubucuruzi | 3Frw-6Frw/m² | 0Frw/m² | 4Frw/m² |
| Ibibanza by'ubucuruzi (**Ingingo ya 5**) | Muri centre z'ubucuruzi | 4Frw-8Frw/m² | - | 6Frw/m² |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Ubutaka bwo guhinga cyangwa ubworozi butarengeje **2ha (Ingingo ya 9)** | Mu cyaro | Busonewe ubukode | - | Busonewe ubukode |
| Ubutaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi bufite ubuso buri hagati ya **2ha** na **20ha (Ingingo ya 9)** | Mu cyaro | 100Frw-1000Frw/ha | 0Frw | 500Frw/ha |
| Ubutaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi bufite ubuso buri **hejuru** ya **20ha (Ingingo ya 9)** | Mu cyaro | 1000Frw-1000Frw/ha | 2000Frw | 1000Frw/ha |
| Ubutaka bwagenewe guterwaho ishyamba (**Ingingo ya 9**) | Mu cyaro | Busonewe ubukode | Busonew e ubukode | Busonewe ubukode |
| Ubutaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi buri hagati ya **2ha** na **20ha (Ingingo ya 9)** | Mu mbago z'Umujyi | 1 000Frw/ha | - | 1 000Frw/ha |
| Ubutaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi bufite ubuso buri hejuru ya **20ha** | Mu mbago z'Umujyi | 2 000Frw/ha | 2000Frw | 2000Frw/ha |
| Ibibanza by'ubucuruzi (**Ingingo ya 5**) | Ahandi | 2Frw/m²-4Frw/² | - | 2Frw/m² |
| Ibibanza by'inganda (**Ingingo ya 5**) | Ahandi | 2Frw/ m² | - | 2Frw/m² |

145. Ku bijyanye n'ibyemezo by'inama y'ubuyobozi bwa Farumasi y'Akarere ka Ngoma, byo kuwa 20 Gashyantare 2012, mu ngingo yayo ya 11 isaba ko amafaranga y'insimburamubyizi ibihumbi cumi (10, 000 RFW) bahabwa, yakwiyongeraho ibihumbi bitanu by'itumanaho 'communication'; Inama Njyanama imaze kubona ko uwo mwanzuro utandukanye n'umwanzuro w'Inama Njyanama wafashwe kuwa 21/04/2011, yemeje ko

hakurikizwa umwanzuro wari wafashwe mu nama y'Inama Njyanama y'Akarere yavuzwe haruguru.

146. Kubijyanye n'umushahara wa 'Local Defence'barinda umutungo wa leta ku Karere ka Ngoma, hemejwe ko bahembwa amafaranga ibihumbi 30, 000frw, ubakuriye agahembwa 50, 000. Inama yasabye ko polisi yacunga ku Karere nimugoroba, Inkeragutabara zigacunga ahandi hose bafatanyije na local defence.

147. Umwanzuro wo gutanga telefoni ziri mu bubiko bw'Akarere. Komisiyo yifuje ko byakwihutishwa zigahabwa abakuru b'Imidugudu, abashinzwe umutekano mu Midugudu, ndetse n'Abaperezida ba Njyanama z'Utugari. Inama Njyanama yemejwe ko zitangwa.

148. Ku kibazo cya MUKAGATARE Anathalie usaba kurenganurwa kandi yaragajeje ikibazo cye ku Rwego rw'Umuvunyi, inama yemeje ko Madamu MUKAGATARE yandikirwa amenyeshwa ko agomba gutegereza igisubizo azahabwa n'urwego rw'Umuvunyi.

149. Inama Njyanama yemeje ko amafaranga y'ibinyabiziga ahabwa Ingabo na Polisi yavanwa ku 150, 000 rwf agashyirwa kuri 200, 000frw bakazayahabwa mu byiciro bibiri. Bazahabwa 100, 000frw mu ntangiriro z'ukwezi, andi 100, 000rwf bakayahabwa mu gihe habaye ibikorwa bidasanzwe bashobora gukora byemejwe na Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa n'inama y'umutekano y'Akarere igihe hakenewe descente zidasanzwe.

150. Inama Njyanama yemeje ko amafaranga y'itumanaho y'inzego z'umutekano avanwa kuri 30, 000rwf agashyirwa kuri 50, 000rwf hakubiyemo na code.

151. Inama yagejejweho ibaruwa n° 0551/07.05.06 yo kuwa 05/02/2012 y'Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba kwemeza ibiciro bishya bizakoreshwa mu kwakira patente 2012 hashingiwe ku itegeko rishya rigomba gushyirwa mu bikorwa guhera muri Mutarama 2012. Inama Njyanama ishingiye kuri za santeri z'ubucuruzi, zemejwe mu nama Njyanama yo kuwa 04/06/2011, yemeje ibiciro bishya bizakoreshwa mu kwakira patente 2012 (**TARIF 2012**).

152. Ku bijyanye n'inzu yahawe inama y'igihugu y'abagore (CNF) n'Intara ya Kibungo, ntibahabwe urupapuro rugaragaza ko bagomba kuyikoreramo nk'urwego rwa Leta, nk'uko byemejwe mu nama Njyanama yo kuwa 30/12/2011, Inama Njyanama yemeje ko bahabwa urwo rwandiko hashingiye ku cyemezo cyafashwe n'Inama Njyanama yavuzwe haruguru, CNF igakomeza gucunga no gufata neza iyo nzu.

153. Inama yasomewe ibaruwa n0 0549/07.05.06 yo kuwa 05/02/2012 y'umuyobozi w'Akarere igaragaza imishinga izaterwa inkunga na RLDSF, Akarere ka Ngoma gateganya gukora mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2012-2013. Muri iyo mishinga harimo imishinga ya 2011-2013

izakomeza n'imishya. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku bijyanye n'imishinga yavuzwe haruguru, Inama Njyanama yemeje imishinga izaterwa inkunga na RLDSF nk'uko igararagara ku mugereka.

154. Inama yasomewe ibaruwa y'umuyobozi w'Akarere yo kuwa 02/03/2012 isaba ko bagurira Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge Modems kandi bakazigenera amafaranga y'ifatabuguzi ya buri kwezi, mu rwego rwo kwihutisha iterambere rishingiye ku ikoranabunga nk'uko byemejwe mu myanzuro y'inama ya Management y'Intara y'Iburasirazuba yo kuwa 31/08/2011. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kuri iyi ngingo ; Inama Njyanama yemeje uyu mwanzuro.

### 3.2.4. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 30/03/2012

155. Ku bijyanye no kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe abatutsi 1994, Inama yemeje ko buri Mujyanama agomba kwitabira gahunda y'ibikorwa iteganyijwe mu cyunamo mu Mirenge itandukanye no gukurikirana ko ibiganiro byashyikirijwe abagomba kubitanga.

156. Ku bijyanye no gufasha abacitse ku icumu batishoboye, Inama Njyanama yemeje ko amafaranga yagenewe gufasha abatishoboye (social protection fund) bakuraho amafaranga azifashishwa mu kugura inzugi n'amadirishya byo gukinga amazu y'abacitse Ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi batishoboye yubatswe 2009, kuko hatanzwe amabati gusa yo kubaka ayo mazu.

157. Ku bijyanye no gufata neza inzibutso, Inama Njyanama yemeje inzibutso 6 z'Akarere ka Ngoma arizo:

    1. Urwibutso rwa Remera
    2. Urwibutso rwa Rukumberi
    3. Urwibutso rwa Mutenderi
    4. Urwibutso rwa Zaza
    5. Urwibutso rwa Kibungo
    6. Urwibutso rwa Rukira

Izi nzibutsoakaba arizo zizajya zishyingurwamo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe batutsi 1994 uko izajya iboneka no kuhimurira imibiri ishyinguye mu nzibutso zitameze neza. Izindi nzibutso zubatse neza zizajya zikorerwa isuku nk'urwibutso rwa **SAKE**, urwibutso rwa **ADPR Rukumberi** n'ahandi.

158. Ku bijyanye n'umuganda rusange, abari mu nama bagejejweho ibiganiro bizatangwa nyuma y'umuganda wo ku wa 31 werurwe 2012 n'ibikorwa bizibandwaho mu muganda rusange harimo gusukura inzibutso no gusana amazu y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi 1994.

159. Mu rwego rwo guha agaciro umuganda rusange, Inama Njyanama yongeye kwibutsa abagize Komite Nyobozi umwanzuro wo kugenera ibigo bya Leta n'iby'abikorera ku giti cyabo biri mu Karere ka Ngoma aho bizajya bikorera umuganda rusange bikaba umwihariko wa buri kigo.

160. Ku bijyanye n'ikibazo cyo gutinza ishyirwa mu myanya ry'abarimu mu mwaka w'amashuri 2012 (placement y'abarimu 2012) Abajyanama bagejejweho inzitizi zabayemo, ko ikibazo cyagaragaye mu rwego rw'Igihugu ariko hakaba hagaragajwe uburangare bw'uwari umukozi ushinzwe uburezi mu Karere utarubahirije igihe cyari cyagenwe n'ibyasabwaga bitari byubahirijwe neza. Abagize Komite Nyobozi bakaba basabye imbabazi z'ikosa ryabaye. MINECOFIN yemeye iyo placement, abarimu bazahembwa vuba.

161. Ku bijyanye no kwemeza ibiciro by'ubukode bw'amazu y'Akarere, nyuma y'uko hagaragajwe ikibazo cy'amazu amwe atagaragara kuri uru rutonde inama yasabye ko cyasubizwa muri Komisiyo y'Ubukungu ikabarura ahari amazu yose y'Akarere ikanagena ibiciro by'ubukode bwayo bikazemezwa mu nama y'Inama Njyanama itaha.

162. Ku bijyanye n'ibaruwa ya Bwana NIYOTWAGIRA François yo kuwa 27/03/2012 utashoboye kwitabira iyi nama y'Inama Njyanama ku mpamvu z'uburwayi, asaba kwegura mu Nama Njyanama y'Akarere no kubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma ku mpamvu ze bwite, Inama Njyanama yakiriye inemeza icyifuzo cyo kwegura kuri iyo myanya yombi ku bwiganze burunduye bw'Abajyanama.

### 3.2.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 02/05/2012

163. Ku bijyanye n'ikibazo kiri hagati y'Ubuyobozi bw'Ikigo Nderabuzima cya Rukoma mu Murenge wa Sake n'Umukozi ushinzwe ububitsi (caissier) Bwana MATATA Charles, Inama Njyanama ishingiye kuri raporo zitandukanye zakozwe kuri icyo kibazo, ndetse n'umwuka utari mwiza wagaragaye hagati y'Ubuyobozi bw'Ikigo Nderabuzima na MATATA Charles ; Inama Njyanama yemeje ko Bwana MATATA Charles yimurirwa ku kindi kigo nk'umukozi ushinzwe ububitsi (cassier). Akaba yarimuriwe ku kigo Nderabuzima cya KIRWA.

164. Kubijyanye no guhiga Imihigo y'Akarere, Inama Njyanama ishingiye ku bitekerezo bitandukanye byatanzwe n'abari mu nama, hemejwe ko hazajya habaho kuyimurikira (presentation) abaturage cyangwa ibigo bigomba kuyishyira mu bikorwa kugirango Akarere katazahura n'imbogamizi mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo yahizwe hatagishijwe inama abagomba kuyishyira mu bikorwa.

165. Ku bijyanye n’umuhigo ujyanye na Biogaz wagaragaye ko ukiri hasi, Inama Njyanama yemeje ko abagize Biro y’Inama Njyanama y’Umurenge bari ahakorerwa ibikorwa bya Biogaz mu Mirenge bawukurikirana bakamenya imbogamizi zituma umubare wazo utazamuka.

166. Inama Njyanama yemeje ko hagomba kumenyekana Biogaz zikora n’izidakora bityo umukozi wa MININFRA akabibazwa. Hemejwe kandi ko bitarenze tariki ya 09/5/2012, hazasurwa Madamu MUKANDORI wo mu Murenge wa Zaza wubakiwe Biogaz nyuma ntiyakora, hasuzumwa ikibazo yari yaragize. Mu rwego rwo gukora (mobilisation) bakazagaragariza abaturage ibyiza bya Biogaz bifashishije abazifite kandi zikora neza.

167. Ku bijyanye n’umuhigo ujyanye no gutanga inka, Inama Njyanama yemeje ko hasuzumwa urutonde rw’abagomba kwitura inka bose rukamenyekana, zigahabwa abandi.

168. Kubijyanye n’amatara yo ku muhanda mu Mujyi wa Kibungo (Rond point-Hopital Kibungo), abari mu nama bagaragarijwe ko Ubuyobozi bw’Akarere bwahaye Ubuyobozi bwa ‘EWASA’ibyo busabwa byose kugirango uyu muhanda ushyirweho amashanyarazi. Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana ikibazo ‘EWASA’yagize, bitarenze tariki ya 23/5/2012 Umujyi wa Kibungo ukaba wamaze gucanwa.

169. Nyuma yo kugaragarizwa imihigo itandatu (6) itaragera ku kigereranyo cyiza ku mihigo mirongo itanu n’ine (54) yahizwe n’Akarere ka Ngoma, Inama yemeje ko habaho gukurikirana imihigo ikiri hasi, bitarenze tariki ya 23/5/2012 Ubuyobozi bw’Akarere bukazaba bufite raporo igaragaza ibyakozwe.

170. Ku bijyanye n’ikibazo cya MUKAMUDENGE Emeritha wasabaga kwegurirwa inzu y’Akarere iherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu wa Musamvu, inama yemeje ko Komisiyo ishinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage izifashisha abatekinisiye bo mu biro by’ubutaka bagakurikirana ibyo bibazo bakabashakira ahandi batuzwa ndetse bakerekana neza imbago z’aho hantu kuko hari abantu baturanye batwaye ubutaka bw’aho Emerita MUKAMUDENGE atuye. Mu gihe batarabona aho batuzwa, bakomeza kuba muri ayo mazu kugeza igihe hazabonekera.

171. Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi wa Farumasi yahabwa communication ingana n’ibihumbi makumyabiri (20, 000frw) ariko abandi bakozi bo ntayo bahabwa ku mpamvu z’uko amakuru yose aba yakurikiranywe kandi agatangwa n’Umuyobozi wabo.

172. Umwanzuro ujyanye n’insimburamubyizi (Jeton de presence), hemejwe ko hakurikizwa umwanzuro wafashwe mu nama Njyanama yo kuwa 21/4/2011 uvuga ko buri muntu uri mu

nama ya Farumasi y'Akarere witabiriye inama yahabwa amafaranga angana n'ibihumbi icumi (10, 000frw) mu gihembwe.

173. Abagize Inama Njyanama bemeje urutonde rw'Imirenge yose igize Akarere ka Ngoma hakurikijwe urwego rw'ubukene ku buryo bukurikira:

    1. GASHANDA
    2. ZAZA
    3. KAZO
    4. KAREMBO
    5. RUKUMBERI
    6. MUGESERA
    7. JARAMA
    8. MUTENDERI
    9. RURENGE
    10. MURAMA
    11. SAKE
    12. REMERA
    13. RUKIRA
    14. KIBUNGO

174. Komisiyo y'Inama Njyanama y'Akarere ishinzwe Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko, yagejeje ku bari mu nama ibibazo byagaragaye mu mazu n'amasambu y'Abanyarwanda batahutse bavuye mu gihugu cya Tanzaniya bagatuzwa mu Murenge wa Rurenge, Akagari ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja. Hagaragaye ko amazu yavuzwe haruguru nta kibazo afite, Ikibazo cyagaragaye ku masambu aho usanga hari abayagurishije kandi bitari byemewe. Inama Njyanama yemeje ko hakurikiranwa amasambu afitwe n'abantu batayahawe ndetse n'abayaguze agasubizwa mu mutungo rusange wa Leta. Hemejwe kandi ko mu rwego rwo gucunga neza umutungo wa Leta, n'ahandi haba hari ibibazo bisa n'ibyavuzwe haruguru byakurikiranwa.

175. Abari mu nama bagaragarijwe imyanya itagira abakozi batandukanye bo mu Mirenge aribo : Ushinzwe Irangamimerere (Etat civil), ushinzwe Imibereho y'Abaturage (Social affairs), Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu (Social Economic Development of Cell) n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari (Executive Secretary of Cell). Abagize Inama Njyanama bemeje ko amanota y'abapiganishijwe ikizamini na RALGA namara kuboneka hazarebwa abatsinze ku myanya yagaragajwe ikuzuzwa.

176. Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere butanga isoko ryo gusubirishamo inyigo ya 'Hôtel'yari yarakozwe mbere kugira ngo buzashobore gutangirana n'umwaka w'ingengo y'Imari ya 2012-2013 bubishyira mu bikorwa. Isoko ry'inyigo ndetse n'isoko

ryo gukurikirana iyubakwa ryayo rikazatangwa muri uyu mwaka wa 2011-2012 kugira ngo bizababafashe gutanga isoko ryo kubaka iyi 'Hôtel'hakiri kare.

177. Inama Njyanama yasomewe urwandiko No 2070/07.05.06 rwo kuwa 27/4/2012 rw'Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere rugaragaza raporo y'igenzura ryakorewe amazu yubakiwe abacitse ku icumu rya Jenoside yo muri 1994 batishoboye. Nyuma yo kugezwaho mu nshamake ibikubiye muri raporo yavuzwe haruguru, hemejwe ko iyo raporo ihabwa Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage ikazayisesengura ikazageza ku nama Njyanama raporo ku buryo burambuye ikayifataho umwanzuro.

178. Inama Njyanama yasomewe inzandiko zijyanye n'ikibazo cya Bwana BUHIGA Josue zikurikira :
Urwandiko N$^{o}$ 577/TPEL/12 rwo kuwa 20/4/2012 rwa Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta, rukaba rwarageze mu bunyamabanga bw'Inama Njyanama kuwa 24/4/2012. Komisiyo yandikiye Inama Njyanama iyisaba gushyira mu bikorwa umwanzuro waKomisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta uvuga ku kibazo cya BUHIGA. - Urwandiko N$^{o}$ 321/07.05.01 rwo kuwa 18/4/2012 rwa Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba yandikiye Bwana BUHIGA Josue amugira inama yo kuzajya yifashisha inzego zikuriye Akarere (Intara), mbere yo kwandikira izindi nzego.

Nyuma yo kumva ibikubiye mu mabaruwa yavuzwe haruguru, hatanzwe ibitekerezo bitandukanye ku kibazo cya Bwana BUHIGA Josue wasabaga gusubizwa mu mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ku mpamvu z'uko ibaruwa yandikiwe n'uwari Umuyobozi w'Akarere yateshejwe agaciro n'Inama Njyanama y'Akarere ndetse na Komisiyo y'Abakozi ba Leta ikabishimangira mu ibaruwa yayo yo kuwa 24/4/2012 yavuzwe haruguru. Inama Njyanama yemeje ko Bwana BUHIGA Josue ashyirwa mu mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kazo, ariko mbere y'uko ahabwa ibaruwa imusubiza mu kazi akazabanza kugirwa inama mu nyandiko ndetse akazatumizwa mu nama Njyanama y'ubutaha kugirango agirwe inama bityo azabashe kuzuza neza inshingano ahawe.

### 3.2.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 29/05/2012

179. Mu isesengura ry'inyandikomvugo yo kuwa 02/5/2012, hagarutswe ku mwanzuro wa 10 ujyanye n'iyubakwa ry'amazu y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 batishoboye. Ku bijyanye na raporo yagaragarijwe Inama Njyanama y'amazu yubakiwe abacitse ku icumu rya Jenoside yo muri 1994 batishoboye ataruzura, ibi bikaba byaratewe n'ibikoresho bitakoreshejwe neza, harimo na za sima zitakoreshejwe kandi zibikwa nabi bityo zikaba zarangiritse bitewe n'uburangare bw'abagombaga kuzikurikirana, Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya **12/6/2012**Komisiyo y'Inama Njyanama

ishinzwe Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho myiza y'Abaturage izageza ku nama Njyanama raporo y'aya mazu isesenguye neza ndetse ikanatekereza ku mwanzuro wafatirwa ababigize mo uruhare bose.

180. Ku bijyanye n'ikibazo kiri hagati y'Ubuyobozi bw'ishuri ry'abakobwa riri i Zaza na bamwe mu barimu bakorera muri icyo kigo batahembwe ukwezi kwa mbere k'umwaka wa 2012; hagarutswe ku kibazo cy'umwarimu udakora kugeza ubu avuga ko ategereje umwanzuro w'Urukiko. Inama Njyanama ishingiye ku ngaruka bigira ku banyeshuri bavutswa uburenganzira bwabo bwo kwiga, hemejwe ko umwarimu yandikirwa yibutswa inshingano ze. Hemejwe kandi ko bitarenze tariki ya **4/5/2012**, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yifashishije umutekinisiye ushinzwe uburezi mu Karere n'ushinzwe uburezi mu Murenge bakurikirana icyo kibazo mu mizi bakamenya impamvu abo bakozi batahembwe kandi byaremejwe mu nama y'abayobozi b'ibigo by'amashuri.

181. Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ishingiye ku nama yagiriwe na Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba yo kuzajya yifashisha Komisiyo y'ubutaka mu gukemura ibibazo by'ubutaka bwa Leta, yemeje umwanzuro wa Komisiyo y'ubutaka wafashwe ku kibazo cy'Umuryango wa GAKWAYA Faustin ugaragara muri raporo y'iyo Komisiyo yo kuwa **11/05/2012**, mu ngingo yayo ya gatanu, aho ugaragaza ko Umuryango wa Bwana GAKWAYA Faustin ufite uburenganzira kubutaka bungana **na 20 a79ca**. Hemejwe kandi ko mu gihe byagaragara ko Leta nta handi yatuje uyu muryango, uzasubizwa ubwo butaka bungana na **20 a 79 ca**, ku mpamvu z'uko nta gikorwa Akarere kigeze kabukoreramo.

182. Ku bijyanye n'ikibazo cy'umukozi wari ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage mu Murenge wa Rukira wagaragawe ho amakosa yo kunyereza umutungo w'imisanzu yagenewe gufasha abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, aho usanga hari amafaranga yagiye atanga uburenganzira bwo kuyabikuza kandi atabyemerewe. Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komite y'ubugenzuzi y'Inama Njyanama « Audit Committee » yo kuwa **15/5/2012**, yemeje ko Komite Nyobozi yifashishije Umugenzuzi w'Akarere bagaragaza uwaba yaragize uruhare wese mu inyerezwa ry'uyu mutungo agakurikiranwa, uwo icyaha kizahama akazabihanirwa kugirango uyu muco mubi ucike burundu. Hemejwe kandi ko Komite Nyobozi yifashishije umukozi ushinzwe abakozi ndetse n'umunyamategeko w'Akarere bagikurikirana, byaba ngombwa bakandikira Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta bagisha inama kubijyanye n'iyirukanwa rya burundu ry'uyu mukozi wari ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage mu Murenge wa Rukira kugira ngo igihe yahawe cy'ihagarikwa ry'agateganyo kitararenga.

183. Ku bijyanye n'ikibazo cy'ubutaka kiri hagati ya NCIYIMIHIGO Alexis na NDAHIRO Carriope, ishingiye ku nama yagiriwe na Madamu Guverineri kubijyanye no kugeza kuri Komisiyo y'ubutaka amasezerano y'ubukode bw'ubutaka aba yakozwe hagati y'Akarere

n'abaturage batizwa ubutaka, hemejwe ko bitarenze tariki ya 10/6/2012 amasezerano arebena n'itizwa ry'ubutaka bw'abaturage bavuzwe haruguru ahabwa Komisiyo ishinzwe ubutaka ikayasesengura, ikanareba niba amakimbirane yari hagati yabo yararangiye. Bitarenze tariki ya **20/6/2012**, Komisiyo y'ubutaka ikazageza ku nama Njyanama umwanzuro yafashe kuri iki kibazo kugirango izawemeze mu nama Njyanama itaha.

184. Ku bijyanye no kwemeza ibiciro by'amazu y'Akarere. Ishingiye kuri raporo ya komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Inama Njyanama yemeje ibiciro by'amazu y'Akarere ku buryo bukurikira:

**Urutonde rw'amazu y'akarere akodeshwa akeneye guhabwa ibiciro**

| **Aho Inzu Iherereye** | **Uyikodesha** | **Amafaranga Yishyurwaga** | **Amafaranga Yatangwa** |
|---|---|---|---|
| Musamvu | Mayor | 50000 | 60000 Frw |
| Remera | Se | 30000 | 30000 Frw |
| Zaza | Se | 20000 | 20000 Frw |
| Sake | Se | 30000 | 30000 Frw |
| Mutenderi | Etat Civil | 15000 | 15000 Frw |
| Mutenderi | Afso | 15000 | 15000 Frw |
| L W F | Dpc | 40000 | 40000 Frw |
| L W F | Nss | 40000 | 40000 Frw |
| L W F | V/Mayor Fed | 40000 | 40000 Frw |
| Amashuri /Ibiro Bizakodeshwa Muri LWF | Tanzaniya University | - | 600 Dollars |
| Amazu yo ku isoko rya Sake(17) | Abacuruzi | 10000 | 10000 Frw |
| Amazu yo ku isoko rya Kibungo Manini | Abacuruzi | 50000 | 50000 Frw |
| Amazu yo ku isoko rya Kibungo (amato) | Abacuruzi | 15000 | 15000 Frw |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Kibungo | RPF | 60000 | 60000 Frw |

Hemejwe kandi ko hategurwa na contrat z'ubukode zigasinyishwa abayakodesheje. Hemejwe na none ko ku ngengo y'Imari y'umwaka utaha (budget 2013-2014) Ubuyobozi bw'Akarere buzavugurura amazu y'Akarere yose kugira ngo buri nzu ihabwe igiciro kijyanye n'imiterere yayo ndetse naho ihererey e. Naho kubijyanye n'amazu y'Akarere ari mu Murenge wa Rukira, hifujwe ko akurikiranwa n'Ubuyobozi bw'Akarere ku mpamvu z'uko yo atari mu mazu y'icyahoze ari 'BGM'nk'uko byibazwaga ko yeguriwe Kaminuza ya INATEK.

185. Ku bijyanye na Telefone ziri mu bubiko bw'Akarere 'store', Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Inama Njyanama Ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, yemeje ko Komite Nyobozi ishakisha igihe kidasanzwe, ikanatumiza abanyamakuru mu itangwa ry'izo telefone. Zikaba zizatangwa mu rwego rwa 'motivation', zigahabwa abakuru b'Imidugudu, ushinzwe Umutekano, ndetse na Perezida w'Inama Njyanama y'Akagari. Izisigaye zikazahabwa indashyikirwa ku rwego rw'Akarere.

186. Ku bijyanye n'ikibazo cyagaragajwe na Komite y'ubugenzuzi cy'abakirizi b'imisoro badatanga raporo ya buri munsi ndetse bagatinda kubitsa imisoro bakusanyije, Inama Njyanama ishigiye kuri raporo ya Komite y'ubugenzuzi yemeje ko bitarenze tariki 15/6/2012 buri mwakirizi yashakirwa amafaranga y'itumanaho kugirango ushinzwe imisoro ku Karere ajye ahabwa raporo ya buri munsi. Hifujwe ko buri mwakirizi w'imisoro yahabwa amafaranga ibihumbi bitanu (5000frw), bivuga ko ku bantu 8 byaba ibihumbi mirongo ine ku kwezi (40, 000frw). Ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana iki kibazo bukareba niba bitashoboka ko ajya abitswa mu Mirenge SACCO mu gihe abakirizi batabashije kugera kuri Banki yabigenewe.

187. Inama Njyanama yasomewe urwandiko **N°0372/07.05.06** rwo kuwa **28/5/2012**, rw'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana MUZUNGU Gerald rusaba uburenganzira bwo guteza cyamunara ibikoresho by'Akarere bidakoreshwa kugirango bazabashe kugura ibindi bikenewe mu kazi. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe na Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Inama Njyanama yarabyemeje.

188. Inama Njyanama yasomewe urwandiko rwo kuwa **25/5/2012** rw'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga isaba gushyiraho umukozi ushinzwe ibikorwa by'inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga mu Karere ka Ngoma, ndetse inasaba ko mu mihigo y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2012-2013 hagaragaramo imihigo iteza imbere abafite ubumuga. Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro ku buryo burambuye byatanzwe n'Umujyanama NKURAYIJA Marcel akaba n'umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu

yabafite ubumuga, Inama Njyanama yemeje ishyirwaho ry'umukozi uhoraho w'inama y'Igihugu y'abafite ubumuga.

189. Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko babonye Umujyanama mushya w'Umurenge wa Kibungo Bwana NAMBAJE Aphrodise yasimbuye Bwana NIYOTWAGIRA François wari watorewe kuba Umujyanama w'Umurenge wa Kibungo, akaba atakiri mu mirimo yatorewe.

### 3.2.7. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 17/08/2012

190. Hasomwe ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ko Konti ya Farumasi y'Akarere yakwigenga. Nyuma yo kugaragarizwa ko hari amabwiriza ya MINISANTE asaba ko Farumasi y'Akarere yakwigenga, abari mu nama bemeje ko iyo konti ya Farumasi y'Akarere yigenga. Inama yemeje ko Abasinyateri kuri konti ari aba bakurikira :

- Umuyobozi wa Farumasi : RUTAGANDA Fiacre
- Ushinzwe Stock ya Farumasi : UWIMBABAZI Josiane
- Data Manager wa Farumasi : NYIRAMINANI Spéciose

Abajyanama bifuje ko Umugenzuzi w'Imari (Auditeur) w'Akarere azajya agenzura imikorere n'imicungire y'iyo farumasi hagatangwa na raporo yanditse, bityo ubuyobozi bw'Akarere bukajya bukurikiranira hafi ibikorwa by'iyo farumasi.

191. Hashingiwe ku ibaruwa ya MINISANTE yo mu kwezi kwa Gashyantare isaba ko ikigo cy'ubwisungane mu kwivuza mu Karere cyigenga, hashingiwe kandi ku ibaruwa yanditswe na MINISANTE ifite N°20/4073/HFU/2012 yageze mu Karere kuwa 03/08/2012 isaba Akarere gukomeza gukurikirana ibikorwa by'Ikigega cy'ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé), kandi iyanditswe muri Gashyantare ifite N°20/0362/HFU/CTAMS/2012, yarasabaga ko icyo kigega cyakwigenga. Abagize inama y'Inama Njyanama, nyuma yo kubona ayo mabaruwa uko ari abiri kandi akaba avuguruzanya, bemeje ko uko kwigenga kw'ikigega cy'ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé) byakwemezwa by'agateganyo, kuko MINISANTE ubwayo igaragaza ko hari ibitaranozwa neza bigakurikiranwa n'Akarere.

192. Hashingiwe ku ibaruwa ya Ministere y'Abakozi ba Leta n'umurimo (MIFOTRA), igenera abakozi ba Leta 30% aziyongera ku mishahara, abari mu nama bamaze kurebera hamwe imishahara mishya ya buri mukozi uhembwa n'Akarere no kubyungurana ibitekerezo, nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'umukozi w'Akarere ushinzwe imari (DAF) agaragaza ko nta mpungenge zagaragara iramutse yemejwe ko yabazwe mu gihe cy'amezi 12 yose ikaba yaranonosowe neza. Yasobanuye kandi impamvu y'ubusumbane bugaragara

muri iyo mishahara ku bakozi bakora akazi kamwe, ko ubwo busumbane bwaturutse ku burambe ndetse n'amashimwe yagenewe umukozi wakoze neza imirimo ashinzwe.

Abajyanama bamaze kumva ibyo bisobanuro byatazwe no kungurana ibitekerezo kuri iyo ngingo, bemeje ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mishahara mishya.

193. Hashingiwe ku ibaruwa ya Minisitiri ushinzwe abakozi ba Leta n'umurimo (MIFOTRA) yo kuwa 16/08/2012 yandikiye Uturere, agaragaza ko abakozi bagengwa n'amasezerano batemewe, ko iyo Akarere gakeneye abo bakozi kandikira Minisiteri gasaba kwemererwa gushyiraho uwo mukozi.

Kuri iyi ngingo hemejwe ko umukozi ushinzwe abakozi b'Akarere yategura inshingano za buri mukozi uri ku rutonde rw'abasabirwaga kwemezwa nk'abakozi bagengwa n'amasezerano. Urwo rutonde n'inshingano bigashyikirizwa inama y'Abaperezida ikazabyigaho mu nama yayo igafata umwanzuro kuri icyo kibazo.

194. Ku kijyanye n'ibaruwa isaba kwemeza ishyirwaho ry'umukozi ushinzwe amakuru n'itumanaho, Inama Njyanama yemeje ko hategurwa inshingano ze agashyirwa ku rutonde ruzashyikirizwa inama y'Abaperezida, bigafatirwa umwanzuro hamwe.

195. Ku kijyanye n'ibaruwa isaba gusonera abaturage umwenda wa Telefone bahawe:

- Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro ku ibaruwa yanditswe n'Ubuyobozi bw'Akarere hasabwa ko hasonerwa umwenda wa Telefone abaturage bafitiye Akarere, abari mu nama bagarutse ku mibare y'amatelefone ari mu bubiko bw'Akarere ndetse n'amafaranga asabwa ko byasonerwa abaturage, bikagaragazwa mbere y'uko hemezwa uko gusonerwa. Hashingiwe ku bikubiye mu ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere hemejwe ko hazabanzwa kwigwa Dosiye y'abazihawe, hakagaragazwa abafite ubushobozi bwo kwishyura bakishyuzwa, abadafite ubushobozi nabo bakagaragazwa, Inama Njyanama ikazabona kubifataho umwanzuro.
- Hemejwe ko Komisiyo y'Ubukungu yategura iyo dosiye kandi bakazifashisha imyanzuro y'Inama Njyanama yacyuye igihe, ndetse na raporo y'Umugenzuzi wa Leta "Audit general", bakazagaragariza Inama Njyanama ibyo basabwe gukurikirana ku mitangire y'izo telefone, bakazatanga raporo mu gihe cy'ukwezi kumwe bitarenze tariki ya 18/09/2012.

196. Ku kijyanye n'Abakozi b'Akarere basabirwa kwemezwa burundu bataremezwa n'Inama Njyanama, hagaragajwe abakozi bahawe akazi n'Akarere bakaba baramaze amezi atandatu y'igeragezwa ateganywa n'itegeko, bakaba bagifite ibaruwa ibashyira mu kazi by'agateganyo. Hagaragajwe kandi umukozi utaremezwa burundu mu kazi yaratangiye akazi mu kwezi kwa 12/2010.

Hamaze gusuzumwa dosiye zabo ndetse n'isuzuma (Evaluation) bakorewe,

Abagize Inama Njyanama bemeje abo bakozi, basaba ko bahabwa inzandiko za burundu.

Abo bakozi ni aba bakurikira:

| Sn | Amazina | Igihe yatangiye akazi | Icyo ashinzwe | Aho akorera (Umurenge, Akarere) | Akagari cg ikigo cy'ishuri | Amanota yabonye muri evaluation |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Byukusenge Pierre Celestin | 10/19/2011 | Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri | Jarama | G.s Jarama | 88, 95% |
| 2 | Dusabe Eugene | 10/19/2011 | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | Rurenge | Akagari ka akagarama | 88, 4% |
| 3 | Dusingize Jean De Dieu | 10/19/2011 | Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri | Gashanda | Ikigo cy'ishuri cya Kansana | 85% |
| 4 | Gasirimu Jean Olivier | 10/19/2011 | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | Gashanda | Akagari ka Munege | 88, 5% |
| 5 | Hategekimana Jonas | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Rukumberi | Akagari ka Ntovi | 78, 2% |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 6 | Hitayezu Emmanuel | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Murama | Akagari ka Mvumba | 76% |
| 7 | Iribagiza Evodia | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Rukumberi | Akagari ka Rwintashya | 79, 65% |
| 8 | Kaneza Noela | 10/19/2011 | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | Jarama | Akagari ka Kigoma | 81, 45% |
| 9 | Karekezi Eugene | 10/3/2011 | Ushinzwe non budget agency | Ku Karere | | 81, 5% |
| 10 | Mugiraneza J.Paul | 11/7/2011 | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | Jarama | Akagari ka Karenge | 74, 45% |
| 11 | Muhawenimana Drocella | 5/4/2011 | Imibereho Myiza y'abaturage mu Murenge | Murama | | 86% |
| 12 | Muhoza Theogene | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Zaza | Akagari ka Nyagasozi | 82% |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 13 | Mukiza Delice | 10/19/2011 | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | Rurenge | Akagari ka Rugese | 88% |
| 14 | Ndacyayisenga Grace | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Rukumberi | Akagari ka Rubago | 83, 5% |
| 15 | Niyontezeho Floribert | 10/19/2011 | Ushinzwe Irangamimerere | Kibungo Sector | | 80% |
| 16 | Nsengimana Joel | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Kazo | Kinyonzo | 82% |
| 17 | Nshimiyimana J.Claude | 9/14/2011 | Ushinzwe Imincungire y'ibikoresho (logistics) | Ku Karere | | 88% |
| 18 | Nshizirungu J.M.V | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage ubukungu n'iterambere mu kagari | Murama | Akagari ka rurenge | 76% |
| 19 | Ntankirutimana J.M.V | 12/10/2010 | Usinzwe Imibereho Myiza y'abaturage | Murama | Akagari ka Sakara | 85% |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | | | |
| 20 | Nyiragwiza Souzana | 10/19/2011 | Ushinzwe Irangamimerer e | Rukira | | 85% |
| 21 | Nyiramucyo Chantal | 11/10/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Kibungo | Akagari ka Gatonde | 71% |
| 22 | Rukenura Kiyonga Pacifique | 10/19/2011 | Ushinzwe Irangamimerer e | Remera Sector | | 90% |
| 23 | Seminega Kanyange Clarisse | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Kazo | Gahurire | 78, 5% |
| 24 | Tumushime Joseph | 10/19/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Rurenge | Akagari ka Rugese | 86, 9% |
| 25 | Turigenga Aimable | 10/19/2011 | Umunyamaban ga Nshingwabikor wa w'Akagari | Zaza | Akagari ka Ruhembe | 85% |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 26 | Twizeyimana Leonidas | 11/7/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Zaza | Akagari ka Nyagatugunda | 81% |

197. Inama Njyanama yiyemeje gufata iyambere mu gushyigikira ikigega '**Agaciro Development Fund'**yemeza ko izatanga inkunga y'amafaranga nibura ibihumbi magana atanu y'amanyarwanda (500.000frw). Abajyanama biyemeje ko kugira ngo icyo gikorwa kigerweho, buri Mujyanama azatanga nibura amafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000frw), akaba yamaze gutangwa bitarenze tariki ya 30/08/2012, agashyikirizwa Ubunyamabanga Buhoraho bw'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma kugirango atangirwe hamwe.

### 3.2.8. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 28/08/2012

198. Inama Njyanama yasesenguye umushinga w'Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma izakoreshwa mu mwaka wa 2012-2013, ingana n'amafaranga y'u Rwanda **MILIYARI ICUMI NA MILIYONI MAGANA ARINDWI MIRONGO INE N'ICYENDA N'IBIHUMBI MAGANA ANE MIRONGO ITANU NA BITANDATU NA MAGANA ARINDWI MIRONGO IRINDWI NA RIMWE (10,749,456,771 FRW).**

199. Inama Njyanama yemeje amafaranga angana na **Miliyoni magana atanu na mirongo itatu y'u Rwanda** yinjizwa n'Akarere (**530 000 000frw**).

200. Inama Njyanama yemeje inkunga y'ubutegetsi bwite bwa Leta ingana na **Miliyari icyenda na Miliyoni magana atatu mirongo ine n'imwe n'ibihumbi magana atanu mirongo itandatu na bitanu na magana atandatu mirongo ine n'atanu y'U Rwanda (9 341 565 645 frw).**

201. Inama Njyanama yemeje inkunga ituruka mu baterankunga **ingana na Miliyoni magana atanu mirongo inani n'esheshatu n'ibihumbi magana atandatu mirongo inani na magana atandatu mirongo inani na ane y'u Rwanda (586 680 684frw**).

202. Inama Njyanama yemeje amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'Imari isanzwe angana na **Miliyari esheshatu, Miliyoni magana atanu mirongo icyenda n'icyenda n'ibihumbi**

**magana arindwi na cumu na magana cyenda mirongo cyenda y'u Rwanda (6 599 710 990frw).**

203. Inama Njyanama yemeje amafaranga azashorwa mu mishinga y'Iterambere angana na **Miriyari enye, Miliyoni magana abili cumi neshatu n'ibihumbi magana tandatu n'icyenda na magana arindwi mirongo itandatu n'Abiri y'uRwanda (4 213 609 762frw**).

204. Inama Njyanama yemeje amafaranga azakoreshwa n'Akarere asaranganyijwe hakurikijwe inzego z'imirimo mu Karere ndetse nuko ibikorwa bisaranganyijwe mu rwego rw'ubukungu nkuko bigaragara mu gitabo cy'ingengo y'imari y'umwaka wa 2012- 2013.

205. Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe n'umukozi w'Akarere ushinzwe 'Urban development'agaragaza ahafashwe nk'imbago z'umujyi anasobanura impamvu y'ihindurwa ry'igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Ngoma cyakozwe na'Rwanda Housing Authority', Inama Njyanama yemeje imbago nk'Imidugudu ifatwa nk'Umujyi (Urban villages) n'Imidugudu iri mu nkengero z'umujyi wa Ngoma(suburban villages) ku buryo bukurikira:

| **URBAN VILLAGES** | **CELL** | **SECTOR** |
|---|---|---|
| Amahoro, Gatare, Ihuriro, Kabeza, Ubumwe | Karenge | KIBUNGO |
| Amarembo, Bwiza, Kabeza, Kiruhura, Rubimba | Cyasemakamba | KIBUNGO |
| **SUBURBAN (36):** | **CELL** | **SECTOR** |
| Musamvu, Isangano | Karenge | KIBUNGO |
| Gatoro | Cyasemakamba | KIBUNGO |
| Gasoro, Karenge, Kabeza, Rwamihoro, Rutovu, Rebezo, Nyamigina | Gahima | KIBUNGO |
| Mpandu, Rango, Kabimba, Kagusa, Karenge | Karama | KAZO |
| Bukizanzuki, Kabuye, Kaguruka, Kinanira, Nyakabingo, Rebero, Rubimba, Ruhama, Ryinteko, Tonero | Nyamagana | REMERA |
| Karungu, Misange, Nyagakiza, Nyagatuvu, Nyakabungo, Rubona | Gatonde | KIBUNGO |
| Karambi, Gisaka, Kacyiru, Ruhinga, Kabimba | Mahango | KIBUNGO |

### 3.2.9. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 04/10/2012

206. Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yemeje inyandikomvugo y'inama yayo isanzwe yo kuwa 29/05/2012, iy'inama idasanzwe yo kuwa 28/06/2012 n'iy'inama idasanzwe yo kuwa 17/08/2012, nyuma yo kuzisesengura no kuzikorera ubugororangingo.

207. Mu isesengura nyandiko hagaragaye ikibazo cy'umwanzuro wafashwe mu mwiherero wa Njyanama wabereye i Karongi, ahari hemejwe kugura Lap Top enye (04) zikagenerwa amakomisiyo y'Inama Njyanama ndetse n'Umunyamabanga w'inama Njyanama y'Akarere, zizajya zifashishwa mu inozwa ry'imirimo bashinzwe, nyuma yo kugaragarizwa ko mu ngengo y'imari y'Akarere ya 2012-2013 hategaijwe kugura izo mashini enye, Umuyobozi w'Akarere yasabwe gukurikirana igurwa ry'izo mashine zikaboneka vuba kuko zihutirwa, izo mashini zikazabarwa mu mutungo w'inama Njyanama y'Akarere aho kuba umutungo w'Abajyanama.

208. Kubijyanye n'ingengo y'imari y'uyu mwaka wa 2012-2013, aho imishinga imwe n'imwe yatanzwe n'Uturere hakagaragara amakosa mugukora 'saisie'y'iyo ngengo y'imari. Aho usanga amafaranga yagenewe igikorwa runaka ahabwa ikindi gikorwa atari yaragenewe mu ngengo y'imari yatanzwe n'Akarere « reallocation » nyuma y'ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa bwana Muzungu Gerard, Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu yashyikirizwa iyo 'Budget Implementation Plan'ikayisesengura ikazayigeza mu nama Njyanama itaha ikemezwa muri 'revision budgetaire'.

209. Ku kibazo cya telefone zikiri mu bubiko bw'Akarere, aho inama Njyanama yari yeremeje ko zihabwa abakuru b'Imidugudu, abashinzwe umutekano, Abaperezida b'inama Njyanama z'Utugari ; nyuma y'itangwa ryazo byagaragaye ko mu bubiko hari izindi zasigayemo, inama Njyanama yemeza ko hashakwa abandi bantu mu byiciro bitandukanye babaye indashyikirwa mu bikorwa by'iterambere bakazihabwa. Inama Njyanama kandi yasabye ko bitarenze tariki ya 28/10/2012, inama y'Abaperezida yaba yarashyikirijwe urutonde rw'abahawe izo telefone mu byiciro byombi (icyiciro cya mbere : Abakuru b'Imidugudu, abashinzwe umutekano, Abaperezida b'inama Njyanama z'Utugari ; Icyiciro cya kabiri : Indashyikirwa mu byiciro bitandukanye).

210. Nyuma yo gusomerwa ibaruwa numero 2929/07.0506 yo kuwa 04/09/2012, ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye inama Njyanama bugaragaza imbogamizi mu ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyo guhindura ticket igenerwa Abajyanama bitabiriye inama Njyanama cyafatiwe mu mwiherero w'Abajyanama b'Akarere wo kuwa 06-08/01/2012, ahavugaga kugura Lap top z'amakomisiyo y'Inama Njyanama, ihindurwa ry'amafaranga y'urugendo 'Ticket'ndetse n'amafaranga y'itumanaho ahabwa Abaperezida b'izo Komisiyo, inama Njyanama imaze kubisuzumana ubushishozi uwo mwanzuro, isanga ntambogamizi byatera, isaba kuwushyira mu bikorwa nk'uko wari wafashwe mu myanzuro y'umwiherero wabaye ku matariki yavuzwe haruguru.

211. Inama Njyanama imaze gusoma no kungurana ibitekerezo ku ibaruwa numero 2980/070506 yo kuwa 13/09/2012 ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye inama Njyanama busaba gushyiraho akanama gashinzwe ibijyanye n'ikoranabuhanga « ICT Steering Commettee »,

inama Njyanama imaze kumva impamvu y'ishyirwaho ry'iyo Komite no kurebera hamwe inshingano zabo, yemeje iyo Komite igizwe n'abababakurikira :

1. Perezida : Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu n'Iterambere,
2. Visi Perezida : Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere,
3. Umwanditsi : Umukozi Ushinzwe Ikoranabuhanga,
4. Umujyanama : Umukozi Ushinzwe Igenamigambi mu Karere.

212. Ku bijyanye no gutanga ibibanza byo kubakamo Umurenge Sacco aho zitari zubakwa, hasabwe ko Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'ubutaka, yaziga icyo kibazo cy'ubwo butaka busabwa kubakwamo Imirenge Sacco ikabishyikiriza inama Njyanama kugirango byemezwe babuhabwe. Iyo raporo ikazaba yakozwe bitarenze le 15/10/2012.

213. Ku bijyanye n'abaturage bavuga ko batahawe ingurane z'ibibanza byabo byatanzwemo Imidugudu, inama yemeje ko hakorwa descente y'Inama Njyanama barikumwe na Komisiyo y'ubutaka mu Karere bakareba Imirenge yose ifite abaturage bafite ibyo bibazo bikazigirwa hamwe muri rusange, hifashishijwe amategeko agenga isaranganya, nyuma yo gukora igenzura ko batahawe izo ngurane koko.

214. Nyuma yo gusoma ibaruwa numero 2984/07.0506 yo kuwa 13/09/2012 ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza Tarif y'amahoro hashingiwe ku iteka rya Perezida ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze. Inama Njyanama imaze kumva ko iyi tarifu yasuzumwe na Komisiyo ya Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Inama Njyanama yemejeko byazigwa mu nama y'Abaperezida bigafatirwa umwanzuro.

**3.2.10. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 15/11/2012**

215. Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo Ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, aho hifujwe ko hakorwa ingengabihe (time table) yo kwiga ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wo kuvugurura ingengo y'imari (Revision Budgetaire 2012-2013) n'umushinga wo gutegura ingengo y'imari y'umwaka utaha (2013 - 2014). Inama Njyanama yemeje ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Abatekinisiye bireba bafatanije na Komisiyo Ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu bategura iyo ngengabihe ikaba yamaze kugezwa mu nama Njyanama bitarenze itariki ya 30 Ukuboza 2012.

216. Ku kijyanye na Telefone zo mu bwoko bwa 'Black berry'zisabwa kugurirwa Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Abayobozi b'amashami mu Karere, Inama Njyanama imaze kubyunguranaho ibitekerezo yasanze atari ngombwa, kuko Imirenge yose ifite 'Modem na Lap Top'bikaba bashobora kwifashishwa mu buryo bwo guhana amakuru.

Naho 'Black berry'bikaba byashyirwa mu ngengo y'imari y'umwaka utaha 2013-2014 cyangwa bagafashwa kuzigurira.

217. Kubijyanye no kongera umubare w'Abakozi bakoresha 'code'aho bisabwa kuva kuri 37 bakagera kuri 163, Inama Njyanama yemeje ko bahabwa izo code, hakongerwamo Abayobozi b'ibigo Nderabuzima n'ibigo by'amashuri ya Leta n'ayigengabakabimenyeshwa mu nyandiko.

218. Kubijyanye na Tarifu y'Amahoro yasabirwaga kwemezwa hashingiwe ku iteka rya Perezida n°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, Inama Njyanama imaze gusuzuma no kurebera hamwe uko iyo tarifu iteye, Inama Njyanama yarayemeje isaba ko yamenyeshwa abaturage batanga ayo mahoro.

219. Ku kijyanye n'ikibazo cy'Abaturage basenyewe ahubatswe isoko Rikuru rya Kibungo Ntibahabwe ingurane aribo : Bagirishya J.Bosco, Ngarambe Zenock, Kazimiri Juvens, Bajeneza Alfred, Nyirabahizi Jacqueline, Mukantagara Apolonie, Rutahumbira John, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yifashishije abatekinisiye babishinzwe, ko babarira abo baturage bagahabwa ingurane y'amazu basenyewe, bakagirana n'amasezerano y'igihe bazaba barayiherewe. Icyo gikorwa cyo kubabarira umutungo wabo kikazaba cyarangiye bitarenze tariki ya 30/12/2012.

220. Ku bijyanye n'abantu batandukanye bandikiye Inama Njyanama basaba gutizwa ubutaka bwa Leta, Inama Njyanama imaze kumva ibitekerezo binyuranye byatanzwe n'Abajyanama muri rusange, bagaragaje ko abasaba gutizwa ubutaka ari benshi ugereranije n'ubutaka bwa Leta dufite, Inama Njyanama yemeje ko ubutaka bwa Leta bwajya butizwa cyangwa buhabwa abatishoboye badafite aho kuba, ibigo bya Leta, abantu bishyize hamwe kandi bagamije ibikorwa rusange bifitiye abaturage akamaro;(Amakoperative, amashyirahamwe n'ibindi bikorwa bifitiye inyungu rusange abaturage nka abashaka kubaka amashuri). Bakabutizwa nyuma yo gusinyana amasezerano hagati y'Ubuyobozi n'Ubutijwe.

221. Inama Njyanama yemeje ko Koperative **CCP Urumuri** yo mu Murenge wa Rukumberi isaba gutizwa ubutaka bungana na 30ha buherereye ku nkengero z'ikiyaga cya Birira, itabuhabwa. Hemejwe ko abasaba gutizwa ubutaka bwa Leta buherereye hafi y'ibiyaga, hajya hasuzumwana ubushishozi icyo gikorwa bifuza gukoreramo, mugihe hari ababusabye bifuza kububyaza inyungu, hemejwe ko buzajya buhabwa Abashoramari bafite ibikorwa by'ubukerarugendo, bityo bikaba byateza imbere Akarere kacu ka Ngoma n'Igihugu muri rusange.

222. Kubijyanye n'ikibazo cya **Muhwezi Stephen**wo mu Murenge wa Mugesera usaba ibyangombwa by'ikibanza cyo kubakamo ishuri ry'imyuga, afite abanyeshuri 81 bigira mu

nzu yahoze ari SFG. Inama Njyanama yemeje ko itorero ahagarariye ryasaba ikibanza cyangwa rikigurira aho gusaba mu zina rye.

223. Inama Njyanama yemeje ko **Rwabuhungu Stephen** wo mu Murenge wa Kazo, usaba kwegurirwa urwuri bari baratijwe nka Koperative yabagamo nyuma igasenyuka, hemejwe ko ataruhabwa ahubwo yashaka abandi bagakora koperative bagasaba gutizwa urwo rwuri bundi bushya kuko Koperative yari yabutijwe itakiri muri urwo rwuri.

224. Inama Njyanama yemeje koKoperative **KOIKA** yo mu Murenge wa KAREMBO isaba aho guhinga ibobere, yahabwa ubutaka bungana na 10ha nk'uko babusabye, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'ubutaka, igaragaza ko ari Koperative ifite ibyangombwa byuzuye kandi ikaba izatanga akazi ku baturage bahaturiye ndetse ikaba igamije n'ibikorwa by'iterambere muri rusange.

225. Inama Njyanama yemeje ko **Mwesigwa Augustin** usaba kubarurwaho ubutaka bungana na 30ha, ngo yaba yarabuguze n'uwitwa Kagame nawe waguze n'uwitwa Rwabuhungu wari mu ishyirahamwe (Inyabutatu) rigizwe n'abantu batandatu, ariko bakaza kubwigabanya buriwese akororera mu ruhande rwe, inama yemeje ko atahabwa ibyo byangombwa by'ubwo butaka kuko byakagombye guhabwa ishyirahamwe Inyabutatu. Hemejwe ko Mwesigwa Augustin yagirwa inama yo kwinjira mu ishyirahamwe doreko n'ubundi akorera mu rwuri rwaryo kandi akaba akora nkaryo.

226. Inama Njyanama yemeje ko abaturage banditse basaba gutizwa ubutaka bwa Leta, batagomba kubuhabwa kuko bashaka kubukoresha mu nyungu zabo bwite. Ahubwo bagirwa inama zo kwibumbira mu Makoperative cyangwa bakaba bakigurira ubutaka bakeneye. Abo ni :

- HABIMANA Augustin wo mu Murenge wa Kazo
- RUBAGUMYA Appolinaire wo mu Murenge wa Rukira
- INGABIRE Anne Marie wo mu Murenge wa Kibungo

227. Inama Njyanama yemeje ko amabaruwa akurikira yandikiwe Inama Njyanama yoherezwa muri Komite Nyobozi y'Akarere ikabanza gukora raporo kubibazo n'ibyifuzo byabo, bikazashingirwaho mu gufata umwanzuro mu nama Njyanama itaha. Ayo mabaruwa ni aya akurikira :

- Ibaruwa ya Bwana Rurangirwa Callixte isaba inzu iri i Zaza yahoze ikoreramo Papeteri.
- Rwayitare Wilson wo mu Murenge wa Rukumberi usaba isambu kuko iyo yari afite yayibonye mu gihe cy'isaranganya akaba yarayatswe igasubizwa nyirayo kuko yari umwana w'imfubyi.

228. Inama Njyanama yemeje ko Koperative **KOAIRE** y'Abajyanama b'ubuzima ba Remera basaba ibibanza bibiri itabihabwa, nyuma yo gusesengura neza icyifuzo cyabo no kugenzura ubwo butaka basaba, kuko ibikorwa bashaka gukoreramo atari ibikorwa rusange bifitiye abaturage muri rusange akamaro.

229. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe na Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu, ku isesengurwa ry'amadosiye asaba ibibanza byo kubakamo Imirenge Sacco, Inama Njyanama yemeje ko ibyo bibanza bingana na metero 20mx30m byo kubakamo basaba babihabwa.

230. Ku kijyanye n'inzu ya Koperative Umwalimu Sacco yatijwe asaba kwegurirwa, Inama Njyanama imaze gusuzumana ubushishozi, ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yemeje ko iyo nzu batayihabwa, ahubwo bakwigurira ikibanza bakubaka hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Ngoma kuko bafite ubushobozi.

231. Ku kijyanye n'inzu Polisi station ya Kibungo ikoreramo, bakaba basaba kuzegurirwa, nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo, Inama Njyanama yemeje ko Polisi ku rwego rw'Igihugu ariyo yakwandika isaba kwegurirwa izo nzu.

232. Inama Njyanama yemeje ko Kandida Rusegura Fred, Mujyambere Ananias na Sebintu Bernard banditse basaba gutizwa igishanga, batagihabwa nyuma yo gusuzuma bagasanga atari Koperative. Ubuyobozi bw'Akarere bwarasabye ko ibyo bishanga byajya bitizwa Koperative zihinga imboga.

233. Ku kijyanye n'ikibazo cya garaje 'GHG Kibungo'ya ISABWE Vedaste avuga ko yakoze imodoka y'ibitaro ariko ntibamwishyure, Inama Njyanama yasabye ko yazana kontaro yasinyanye n'ibitaro imwemerera isoko ryo gukora iyo imodoka, ndetse akazana 'autorisation'zasinywe n'abari babifitiye uburenganzira, hakabonwa gufata umwanzuro ku kibazo cye.

234. Inama Njyanama yemeje amafaranga angana na miliyoni makumyabiri n'eshanu(25, 000, 000frw) atangwa n'Akarere nk'umusanzu wa RALGA. Nk'uko babimenyeshejwe mu ibaruwa n°564/12/K.T./k.b yanditswe na RALGA.

235. Ku kijyanye n'Abakozi basabirwa guhagarikwa burundu aribo :**Kabano Saidi** na **Twagiramungu Pierre Celestin**, hashingiwe ku cyemezo cyafashwe na Komisiyo y'Abakozi ba Leta mu ibaruwa N°1683/IPELB/12 yo kuwa 30/08/2012 n'ibaruwa n°1732/IPELB/12 yo kuwa 05/09/2012. Hashingiwe ku makosa yabaranze mu kazi bari bashinzwe, Inama Njyanama yemeje ko birukanwa burundu mu kazi. By'umwihariko ku kibazo cy'amafaranga y'ibirarane ya Kabano Saidi, Inama Njyanama yemeje ko agomba kuyahabwa nk'uko amategeko agenga abakozi ba Leta abiteganya.

236. Ku bijyanye n'ikibazo cya **Mukandekizi M.Josée**, wasabaga kurenganurwa agashakirwa umwanya uri mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo nk'uko yari yarawukuweho, arasaba kuva ku mwanya w'abagengwa n'amasezerano (Contractuelle), Inama Njyanama imaze gusesengura ibikubiye mu ibaruwa n°2990/070506 igaragaza ko mu Murenge wa Jarama hari umwanya w'Ushinzwe Uburezi, hemejwe ko Miheto Mutabazi Philemon wari ushinzwe irangamimerere n'ibibazo by'abaturage mu Murenge wa Rukumberi yimurirwa ku mwanya w'ushinzwe uburezi mu Murenge wa Jarama naho Mukandekezi M.Josée akagirwa ushinzwe Irangamimerere n'ibibazo by'Abaturage (Etat Civil) w'Umurenge wa Rukumberi.

237. Inama Njyanama yemeje abakozi nyuma yo gusuzuma amafishi y'isuzuma bakorewe, hemezwa ko bahabwa inzandiko zibashyira mu kazi burundu (affectation definitive) kuko bari bafite inzandiko z'agateganyo, kandi bakaba bararangije igihe cy'igeragezwa giteganywa n'amategeko agenga abakozi ba Leta. Abo bakozi ni aba bakurikira :

| Sn | Amazina | Igihe Yatangiye Akazi | Icyo Ashinzwe | Umurenge | Akagari | Amanota Yabonye Muri Evaluation |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | UWIMANA Jacqueline | 16/03/2012 | Ushinzwe Uburezi mu Murenge | Karembo | | 89% |
| 2 | RUTURWA NYUNGURA Jacques | 16/03/2012 | Ushinzwe Uburezi mu Murenge | Mugesera | | 86% |
| 3 | KWISABA NYIRINKINDI Theophile | 01/03/2012 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'iterambere mu Kagari | Mugesera | Akabungo | 74% |
| 4 | KANUMA Alfred | 01/03/2012 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'iterambere mu Kagari | Remera | Kinunga | 85 |
| 5 | KWIZERA | 07/11/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza | Mutenderi | Karwema | 72% |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | ELIAS | | y'abaturage Ubukungu n'iterambere mu Kagari | | | |
| 6 | MPUMURO Joseph | 18/01/2012 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'iterambere mu Kagari | Sake | Gafunzo | 80, 5% |
| 7 | NZAMWITA Martin | 07/11/2011 | Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Ubukungu n'iterambere mu Kagari | Mutenderi | Kibare | 71% |

238. Inama Njyanama yemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana ibibazo by'abantu bandikiye Inama Njyanama batahutse bava muri Tanzaniya, basaba ko bahabwa aho gutura no guhinga basanga ntaho bafite bakahashakirwa bagatuzwa nk'abandi Banyarwanda. Abo ni : Mukandayambaje Xavera, Ndagijimana Innocent, Nkiranuye Damascene, imiryango itatu yatahutse iva mu gihugu cya Tanzaniya.

239. Inama Njyanama yasuzumye ibibazo abaturage bagejeje muri Presidence kuva mu mwaka wa 2010 kugeza muri Gashyantare 2012, nk'uko byohererejwe Inama Njyanama, imaze kubisuzuma, isanga ibyinshi byaramaze gukemurwa, isaba Ubuyobozi bw'Akarere gukurikirana ibitaracyemuka bigacyemurwa kandi vuba.

240. Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo ishinzwe Amategeko na Politike, ku kibazo cya **Havugimana Emmanuel** utuye Sakara ho mu Murenge wa Murama, usaba kurenganurwa agahabwa amafaranga yatsindiye mu rubanza, aberewemo n'abantu batandukanye. Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bakurikirana icyo kibazo cye akayahabwa.

241. Inama Njyanama imaze gusuzuma ibibazo by'abaturage basaba gusubizwa ubutaka baburaniye mu nkiko bakabutsindira ariko bakaba batarabusubizwa, Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana ibyo bibazo bakabusubizwa. Abo baturage ni aba bakurikira : Rwekaza Gedeon wo muri Cyasemekamba ho mu Murenge wa Kibungo ; Nyirahabimana Eurerie wa Sakara ho mu Murenge wa Murama.

242. Inama Njyanama yemeje icyifuzo cya Komisiyo Ishinzwe Amategeko naPoritike cyo kohereza amabaruwa yandikiwe Inama Njyanama, asaba kurenganurwa ku kubona ibyangombwa by'ubutaka. Agasuzumirwa muri Komisiyo y'ubutaka hashingiwe ku mategeko agenga ubutaka, hakazafatwa umwanzuro nyuma yo kubona raporo ya Komisiyo y'ubutaka. Ayo mabaruwa ni aya akurikira :

    - Ibaruwa yanditswe na RUCYAHANA Raphael usaba guhabwa icyangombwa cy'ubutaka buherereye mu Kagari ka Karenge Umurenge wa Kibungo.
    - Ibaruwa yanditswe na MUJYAMBERE Abeli wo mu Mukagari ka Mahango Umurenge wa Kibungo, usaba kwibaruzaho ubutaka yahawe na Leta.

243. Ku kijyanye n'ikibazo cya Madamu **UWITONZE Zaida**wo mu Kagari ka Karenge Umurenge wa Kibungo wandikiye Inama Njyanama ayigaragariza ko nta ngurane yigeze ahabwa aho yari atuye, Inama Njyanama imaze gusuzuma ibivugwa mu ibaruwa ye. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere yageneye kopi bwakurikirana ikibazo cye bukamenya ko iyo ngurane yaba atarayihawe koko, byagaragara ko atayihawe, ubuyobozi bw'Akarere bukamufasha mu kuyibona.

244. Ku kijyanye n'amasambu aherereye mu Murenge wa Rurenge, yari yarahawe abatahutse bava muri Tanzaniya nyuma bakayagurisha, Inama Njyanama yemeje ko yagaruzwa mu mutungo bwite wa Leta.

245. Ku kijyanye n'ikibazo cya **Mukamudenge Emeritha** usaba kwibaruzaho inzu yatijwe n'Akarere iherereye i Musamvu mu Murenge wa Kibungo, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwazasura aho hantu, we nabagenzi be baturanye uko ari bane bahawe na Leta bakongera bakagabanywa 'paricelle'kuburyo buri wese agira inzu ifite igikoni n'ubwiherero bikaba byakozwe bitarenze tariki ya 27/12/2012.

246. Ku kijyanye n'ikibazo cya **Mujawamariya Felecie** wandikiye Inama Njyanama asaba kubonerwa icumbi, Inama Njyanama yemeje ko yafashwa kwishyurizwa abantu bamusenyeye inzu ye i Remera, agafashwa kandi gukurikiranirwa imitungo ye iri mu Karere ka Kirehe aho akomoka, hemejwe kandi ko haramutse habonetse uburyo yakubakirwa kimwe n'abandi batishoboye badafite aho baba bafashwa kubonerwa amacumbi.

247. Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo y'Imibereho Myiza isaba ko ikigo cy'amashuri cya Gahima hakorwa igenzura ry'amafaranga yagenewe inyubako z'amashuri, Inama Njyanama yemeje ko iryo genzura ryakorwa byumwihariko ku kigo cya G.S Gahima.

248. Inama Njyanama yemeje ko Ntimuguranayo Elizaphanie wasabye gusonerwa imisoro ya Butike kubera ubumuga afite, atasonerwa iyo misoro nk'uko abisaba, kuko amategeko agenga abasoreshwa atabimwemerera.

249. Ku bijyanye n’Abarimu bandikiye Inama Njyanama basaba kurenganurwa kuko bahemberwa A2 kandi bafite A0, nyuma yo gusobanurirwa ko impamyabumenyi ya A0 bafite itajyanye n’amasomo bigisha bityo bigatuma bakomeza guhemberwa A2. Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi w’Akarere Wungirije ufite uburezi mu nshingano ze akurikirana icyi kibazo kigakemurwa hifashishijwe amabwiriza ya Minisitiri ku birebana n’iki kibazo.

250. Ku bijyanye n’ibikoresho byari bigenewe kubakira abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yo muri Mata 1994, byangiritse ibindi bikaburirwa irengero, Inama Nyanama imaze gusuzuma ibisobanuro byatanzwe n’Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Imirenge ndetse n’abashinzwe Imibereho Myiza mu Murenge yagaragayemo iki kibazo, hemejwe ko babyishyura amafaranga agasubira mu ishami ry’Imibereho Myiza agakoreshwa ibyo yaragenewe. Iyo Mirenge ni iyi: Rukira, Rukumberi, Kibungo, Remera, Kazo, Mutenderi na Karembo.

**3.2.11. Imyanzuro y’inama idasanzwe y’Inama Njyanama y’Akarere yo kuwa 30/11/2012**

251. Ku kijyanye n’umushinga wo kwaka inguzanyo yo kubaka Hotel ‘EPIC’na Hotel ya Ngoma, nyuma yo kungurana ibitekerezo ku itangwa ry’iyi migabane yo kubaka Hotel ya EPIC, Abajyanama bamaze kubona ko Akarere ntahandi kakura ubushobozi uretse gusaba inguzanyo muri Banki, Inama Njyanama yemeje ko hasabwa inguzanyo muri BRD ingana na miliyoni ijana na mirongo inani (180.000.000frw) kuko miliyoni makumyabiri (20.000.000frw) zamaze gutangwa, kugirango Akarere kabone iyo migabane. Hemejwe ko iyo migabane yahita itangirwa icyarimwe, bityo Akarere kakaba karangije kwishyura imigabane yako bitarenze 30/12/2012 nyuma yo kubona iyo nguzanyo.

Hemejwe ko kandi iyo nguzanyo yakwishyurwa mu myaka itatu (3 ans). Naho ku kijyanye no kwaka inguzanyo yo kubaka Hotel Ngoma hafashwe umwanzuro ko bizigirwa mu nama isanzwe itaha iteganijwe mu kwezi kwa 12/2012, nyuma yo kunoza neza uwo mushinga.

252. Kukijyanye no kwemeza ishyirwa mu myanya ry’abakozi batsinze ibizamini by’akazi, Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo yoherejwe na Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta ku ishyirwa mu myanya ry’abo bakozi, hemejwe ko abatsinze ibizamini bashyirwa mu myanya mu buryo bukurikira:

| N° | UMWANYA W‘AKAZI | AHO UBARIZWA | UWAWUTSINDIYE | AMA NOTA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu n’Imibereho Myiza | Umurenge wa Rurenge Akagari ka Rujambara | NZAHABWANAYO Gaspard | 72% |
| | | Umurenge wa Mutenderi | MUSANABANDI | 70.5% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | mu Kagari | Akagari ka Muzingira | Marie Jeanne | |
| | | Umurenge wa Sake Akagari ka Nkanga | NGABONZIZA Jean Baptiste | 70.5% |
| 2 | Secretary and Customer Care | Umurenge wa Mutenderi | MUKAHIGIRO Donatha | 74% |
| | | Umurenge wa Rukira | MUKAMURENZI Francine | 71% |
| 3 | Community Health Supervisor | Ku Bitaro bya Kibungo | HATEGEKIMANA Jean Baptiste | 71.5% |
| 4 | Land Bureau Inspector | Ku Karere | NTAWUHARUWE Napoleon | 75.8% |
| 5 | Permanent Secretary/ District Council | Ku Karere | UWAMAHORO Marie Laetitia | 81% |
| 6 | Statisticien | Ku Karere | HATEGEKIMANA Dieudonne | 71% |
| 7 | Director of Finance | Ku Karere | SEGAHUTU Evergiste | 71.5% |
| 8 | Consultant | CDLS | BIKORIMANA Emmanuel | 73% |

Naho ku kijyanye n'umukozi watsindiye umwanya w'ushinzwe guhuza ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga mu Karere utagaragajwe muri iyi mbonerahamwe, hashingiwe ku nama Komisiyo y'Abakozi ba Leta n'Umurimo yagiriye Akarere, ko mbere yo gushyiraho uwo mukozi yakongerwa kurutonde rw'Abakozi bagengwa n'amasezerano (Contractuelle), Inama Njyanama yasabye ko bitarenze tariki ya 31/12/2012, hakorwa urutonde rw'abakozi bose bakenewe bagengwa n'amasezerano rukohererezwa MINALOC bakamenyesha MIFOTRA kuburyo mu kwa mbere 2013 abemerewe gukora bazaba batangiye.

253. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umuyobozi w'Akarere, asobanura ko hari imiryango yabaruwe ituye ahantu hahanamye (High Risk Zones), isabirwa ko yakwimurwa aho hantu batuye, hunguranywe ibitekerezo kuri iyi ngingo; hafatwa umwanzuro wo kwimura imiryango icyenda ikimurirwa mu Murenge watoranijwemo site iherereye mu

Murenge wa Kazo, Akagari ka Gahurire Umudugudu wa Rebero, hangana na 2ha 18a 71ca62%. Inama Njyanama imaze kubona ko icyo gikorwa cyihutirwa, yemeje ko ubwo butaka butuzwaho iyo miryango icyenda ku ikubitiro. Abandi bakazahimurirwa hamaze kubarurwa abatishoboye n'abadafite ubushobozi bwo kubaka bijyanye n'igishushanyo cy'Umujyi wa Ngoma.

254. Kukijyanye n'ikibazo cya Ntinya Celestin afitanye na Paruwase Gatorika ya Kibungo ndetse n'ikibazo cy'Umuryango wa Gakwaya Faustin uhagarariwe na Rwigamba Clement, nyuma yo kungurana ibitekerezo binyuranye kw'Abajyanama ku kibazo cya Ntinya Celestin, hagaragajwe ko hifashishijwe igishushanyo (map) yatanzwe na Paruwase Gatorika ya Kibungo, Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu ikayishingiraho igaragaza ko ubwo butaka atari ubwa Paruwase. Inama Njyanama yafashe umwanzuro wo kohereza abagize Inama y'Abaperezida bakajyayo hagamijwe kureba niba koko bornes zashinzwe abaha ishuri rya ASPEK ubutaka mu bwa Paruwase Gatorika ya Kibungo, hari ubundi butaka bwasigaye inyuma yahatewe borne. Hemejwe ko kandi Abagize Inama y'Abaperezida bazasuzumira rimwe ikibazo cy'Umuryango wa Gakwaya Faustin, bikaba byamaze gukorwa mbere y'inama isanzwe y'Inama Njyanama itaha mu kwezi kwa 12/2012.

255. Ku bijyanye no kwemeza akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Farumasi y'Akarere, Komisiyo Ishinzwe Imibereho Myiza yagaragaje ko hari ikibazo cyihutirwa cy'ibura ry'imiti n'ibindi bikoresho kuko mbere yo kwigenga kwa Farumasi, isoko ry'imiti ryatangwaga n'akanama gashinzwe amasoko k'Akarere. Inama Njyanama imaze gusuzuma icyo kibazo yemeje by'agateganyo abagize ako kanama aribo:

1. KARURANGA Eric : Procument officer w'Akarere
2. NZAHUMUNYURWA Thadée:Pharmacien in Kibungo Hospital
3. NYIRAMINANI Speciose : Data manager in District Pharmacy

Hemejwe ko mu nama isanzwe itaha hazemezwa abagize ako kanama kuburyo buhoraho.

## 3.3. IBYEMEZO BYAFASHWE N'INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2013

### 3.3.1. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, yateranye kuwa 10/01/2013

256. Hasuzumwe ikibazo cy'amafaranga ya 'Jeton'na 'Ticket'yagenewe Abajyanama bitabiriye Inama Njyanama, ariko ntibayabonera ku gihe, kuva aho batangiriye kuyanyuza ku ma konti yabo kandi yakagombye kubafasha kugirango babashe kwitabira inama, abari mu nama bamaze kurebera hamwe imbogamizi zose kuri icyo kibazo, basanze nta mpamvu yatuma batajya bayabona uko bitabiriye inama bakayahabwa mu ntoki aho kuyanyuza ku makonti

yabo kuko atinda kubageraho. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ko amafaranga ya 'Ticket na Jeton'bigenwa n'itegeko ku Mujyanama witabiriye inama Njyanama cyangwa inama ya Komisiyo yajya abikuzwa mbere bakayahabwa inama irangiye Kuri uwo munsi.

257. Hemejwe ko akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Farumasi y'Akarere kakomeza gukora naho mu ba 'signataires'bakongeramo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

258. Harebwe imisanzu y'Abajyanama biyemeje gushyira mu kigega 'Agaciro Development Fund'biyemeza ko bitarenze ukwezi kwa Mutarama azaba yarangije gutangwa uko byateganijwe.

259. Ku kijyanye n'ikibazo cy'abaturage basenyewe ahubatswe isoko rya Jarama, hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo Ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu, hemejwe ko hategurwa uburyo bwo kwishyura imitungo y'abaturage basenyewe ahubatswe isoko rya Jarama, kuko imitungo yabo yamaze kubarurwa bikazateganwa mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2013/2014. Naho kubari bafite imitungo ahubatswe isoko rya Kibungo ikibazo cyabo kizasuzumirwa mu kwezi kw'Imiyoborere Myiza kuzarangira mu mpera z'igihembwe ni ukuvuga mu kwezi kwa Werurwe 2013.

260. Mu gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama, hasanzwe haraho batinda gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama Njyanama, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu yamaze impungenge abari mu nama ko bigeye kuzajya byihutishwa kuko bashinze umukozi ushinzwe Imiyoborere Myiza mu Karere kujya akurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama Njyanama. Hemejwe ko yakora agatabo k'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama byose byafashwe mu mwaka wa 2012.

261. Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo Ishinzwe Amategeko na Politike, nyuma yo gusuzuma ibaruwa yanditswe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rurenge asabira abaturage batandatu bahejejwe inyuma n'amate bo mu Murenge wa Rurenge gutuzwa kuko badafite aho baba, kandi agaragaza ko baramutse babonye ubwo burenganzira ubutaka batuzwaho buhari muri uwo Murenge. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kw'Abajyanama kuri icyo kibazo, Inama Njyanama yemeje ko batuzwa muri ubwo butaka buherereye mu Murenge wa Rurenge Akagari ka Kigese Umudugudu Kiyanja.

### 3.3.2. Imyanzuro y'inama Isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere Ka Ngoma yo kuwa 14/02/2013

262. Hafashwe umwanzuro ku bikoresho byangiritse byatanzwe mu mwaka 2011-2012 byari bigenewe kubaka amazu y'abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi

mu 1994, mu Mirenge 7/14 igize Akarere ka Ngoma, aho byagaragaye ko hangiritse ibintu bifite agaciro k'amafaranga angana na 4 298 000frw nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo gihombo cyagaragaye muri iyo Mirenge uko ari irindwi, Inama Njyanama yemeje ko abishyuzwa(Abanyamabanga Nshigwabikorwa n'Abashinzwe Imibereho Myiza bari mu Mirenge icyo gihe) bagomba kutarenza imyaka ibiri kandi bagafatanya kwishyura umwe 50% n'undi 50%.

263. Hafashwe umwanzuro ku kibazo cya MUKAMUDENGE wasabaga kwibaruzaho inzu atuyemo ya Leta iherereye i Musamvu mu Murenge wa Kibungo. Hemejwe ko yashyirwa ku rutonde rw'abandi batishoboye bazajyanwa kuri site yagenwe y'abatishoboye iri mu Murenge wa Kazo, naho BATAMURIZA Jacqueline wibarujeho inzu ya Leta, hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana ibyo byangombwa bigateshwa agaciro nawe akazubakirwa mu batishoboye.

264. Hasuzumwe uburyo haboneka ibiti by'imbuto mu rwego rwo kurwanya imirire mibi no kuzamura imibereho myiza y'abaturage. Inama Njyanama yemeje ko hakorwa umushinga wo gukwirakwiza ibiti by'imbuto mu Mirenge cyane amacunga, imyembe, n'amapapayi hakagenwa amafaranga mu ngengo y'Imari ya 2013-2014 yo gukora pepiniyeri y'ibiti by'imbuto.

265. Ku bijyanye n'isoko rya Remera ridakoreshwa neza, iki kibazo cyavuzwe muri rusange n'andi masoko ari hirya mu Mirenge igize aka Karere, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana abacururiza hanze y'isoko no mu mihanda bagahagarikwa burundu bagaca ako kajagari. Hemejwe kandi ko n'uzajya afatwa acururiza hanze y'isoko azajya acibwa amahoro nk'uwakoreye mu isoko ryemewe na leta.

266. Ku bijyanye n'imitangire ya serivisi n'isuku mu bigo by'amashuli n'ibigo Nderabuzima, ahagaragaye umwanda mu kigo, Inama Njyanama yemeje ko umuyobozi w'ikigo yaba ariwe uhanwa agacibwa amande nk'uko biteganywa n'amabwiriza No 387 yo kuwa 28/01/2013 yemejwe n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 30/12/2010 mu ngingo yayo ya 9 arebana n'isuku ndetse akandikirwa.

267. Ku bijyanye no kwimura abayobozi b'ibigo by'amashuli n'ibigo Nderabuzima bamaze igihe kinini, hunguranyweho ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ko abayobozi bamaze igihe kirekire ku buyobozi bahindurwa bagashyirwa mu bindi bigo.

268. Hamaze kurebwa ibiri ku murongo w'ibyigwa n'aho amasaha yari ageze abagize Inama Njyanama bemeranyijwe ko ibyigiwe mu ma Komisiyo ndetse n'ibiri mu ngingo ya VI y'ibintu n'ibindi byazasuzumirwa mu nama itaha.

269. Nyuma harebwe ingingo ya III yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye (budget revision 2012-2013), ingana miliyali icyenda na miliyoni Magana abiri na makumyabiri n'imwe

ibihumbi Magana inani mirongo itanu na bitatu n'amafaranga Magana atatu(9, 221, 853, 300frw) inama imaze kumva ibisobanuro birambuye byatanzwe n'umukozi ushinzwe ingengo y'imari (budget officer) afatanyije n'umugenga w'ingengo y'imariy'Akarere ka Ngoma(chief budget officer), abagize Inama Njyanama y'Akarere bize ku ngingo ku yindi barayemeza

a. Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n'Akarere angana na 634, 671, 343frw.

b. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'inkunga z'ubutegetsi bwite bwa leta angana na 6, 997, 773, 838frw.

c. Inama yemeje amafaranga y'izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta angana na 704, 196, 543frw.

d. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'abaterankunga angana na 594, 001, 134frw.

e. Inama Njyanama yemeje amafaranga yari kuri konti y'Akarere mu ntangiriro z'umwaka 2012-2013 angana 291, 210, 442frw.

270. Inama Njyanama yagaragarijwe iteganyabikorwa ry'iterambere ry'Akarere (District Development Plan) nk'uko byari biteganyijwe ku murongo w'ingingo zizweho mu ngingo ya IV. Nyuma yo kubona ko muri DDP hakiri ibitekerezo byinshi bikwiye kongerwamo, Inama Njyanama yemeje ko yashyikirizwa Komisiyo zose z'Inama Njyanama zikayitangaho ibitekerezo bitarenze ukwezi kwa kabili /2013.

271. Inama Njyanama yagejejweho umushinga wo kongerera abakozi b'Akarere ubushobozi (capacity building), nyuma yo kunguranaho ibitekerezo Inama Njyanama yarayemeje isaba ko abayiteguye bakongeramo ibitekerezo byatanzwe n'Abajyanama mbere yo kuyishyira mu bikorwa.

272. Inama Njyanama y'Akarere yize ku bijyanye n'umwiherero yemeza ko umwiherero w'Abajyanama waba kuwa 16/02/2013 ukabera mu cyumba gito cy'inama cy'Akarere ka Ngoma.

### 3.3.3. Imyanzuro y'umwiherero wa kabili w'inama njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuwa 16.02.2013

273. Ku bijyanye no kugeza Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere mu Mirenge, abari mu mwiherero bemeje ko hakwifashishwa ikoranabuhanga mu kohereza iyo myanzuro kugirango ishyirwe aho abaturage bashobora kuyibona.

274. Ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere, abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi y'Akarere gukoresha inyito nyayo y'inzego z'Akarere aho kuba Imiyoborere Myiza bikaba urwego rw'Imiyoborere Myiza mu Karere.

275. Ku bijyanye n'inama iteganywa n'itegeko ihuza Komite Nyobozi y'Akarere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge iba buri kwezi, abari mu mwiherero basabye ko hashyirwamo ingufu cyane harebwa niba koko izo nama ziterana mu Mirenge no mu Tugali nk'uko biteganywa n'Itegeko No 28/01 ryo kuwa 06 Nyakanga 2009 rihindura kandi ryuzuza iteka rya Perezida No 57/01 ryo kuwa 15/10/2006 rigena inshingano, imitere n'imikorere by'umudugudu, iby'Akagari n'iby'Umurenge, hemejwe ko Komite Nyobozi y'Akarere yakubahiriza icyo itegeko riteganya

276. Ku bijyanye n'Abajyanama bahagarariye Imirenge badatumirwa mu nama Njyanama z'Imirenge batorewemo, abari mu mwiherero bemeje ko Komite Nyobozi yakongera kwibutsa Inama Njyanama z'Imirenge gutumira Abajyanama b'Akarere bakomoka muri iyo Mirenge. Ku bijyanye n'inama ziteganywa n'itegeko abari mu mwiherero basabye ko Umunyamabanga w'Inama Njyanama afatanyije n'Umunyamabanga Uhoraho w'inama Njyanama w'agateganyo gukora gahunda y'inama ziteganywa n'itegeko.

277. Ku bijyanye n'umuhigo wo guha inka imiryango itishoboye, hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana umubare w'inka zigomba kwiturwa zikamenyekana vuba kugirango umuhigo weswe, abari mu mwiherero bamaze gusuzuma ishyirwa mubikorwa ryawo basabye Komite Nyobozi ko yagaragaza umubare w'inka zihari, izigomba kwiturwa n'abasigaye batariturwa.

278. Abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa n'abaterankunga biri mu Karere.

279. Ku bijyanye n'ubushobozi bw'Akarere bukiri hasi, bigatuma n'abakozi bako bahora bagenda ku mpamvu z'uko badahabwa agahimbazamusyi (motivation) abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi kugaragaza ijanisha ku izamurwa ry'imishahara y'abakozi hashingiwe ku byari biteganyijwe mu ngengo y'Imali y'Akarere ya 2011-2012, ikindi kandi Abajyanama basabye Komite Nyobozi kugaragaza ibindi bikorwa bikorerwa ku rwego rw'Akarere bifasha abakozi gushimishwa n'akazi bakora bikagezwa no mu nzego z'Imirenge n'Utugali nk'uko bikorwa mu Karere.

280. Ku bijyanye n'imikorere y'Amakoperative afite umusaruro uhagije, hemejwe ko bateganyirizwa amahugurwa n'urugendo shuri ku Makoperative afite inganda zicириritse zitunganya umusaruro uboneka muri ayo Makoperative mu rwego rwo kwishyiriraho inganda zayo. Abari mu mwiherero bamaze gusuzuma uko washyizwe mu bikorwa, bemeje ko amakoperative afite umusaruro uhagije ariyo yakora urwo rugendo shuli aho kuba byarakozwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

281. Kubijyanye n'Abayobozi bakifata nk'abategetsi, abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi kwegera inzego z'Imirenge n'Utugali harebwa imitangire ya serivise n'imyifatire y'Abayobozi.

282. Ku bijyanye n'amafaranga y'itumanaho ry'Abaperezida ba Komisiyo, abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi ko uwo mwanzuro washyirwa mu bikorwa uko wari wemejwe, naho umushinga w'impinduka mu itumanaho ukorwa na Komite Nyobozi y'Akarere uzashyikirizwa Komisiyo y'Ubukungu n'Iterambere ry ' Akarere.

283. Ku bijyanye na mudasobwa z'Abajyanama, nyuma y'ibisobanuro byinshi byatanzwe, abari mumwiherero bahawe ibisobanuro ko hatanzwe isoko rya mudasobwa12(laptops), mudasobwa 9 ari iz'Inama Njyanama y'Akarere nk'uko byari byasabwe mu mwiherero wa mbere, Komite Nyobozi ikaba yabijeje ko hasigaye gusinya amasezerano hagati y'Akarere na Rwiyemezamirimo.

284. Nyuma yo gusesengura no gukora ubugororangingo bw'imyanzuro y'Umwiherero wa mbere wo kuwa 06-08/01/2012, abari mu mwiherero bemeje iyo myanzuro y'umwiherero.

285. Kubijyanye n'ingurane y'ubutaka ahantu hubatswe imidugudu nahasaranganyijwe h'abana bacitse kw'icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994, Abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi ko yakwifashisha Komisiyo na Biro y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere kugaragaza ubutaka bwose bwa Leta kugirango Inama Njyanama ifate icyemezo cyo gutanga ingurane y'ubwo butaka kuri abo bana.

286. Kubijyanye n'ikurikiranwa ry'ibibazo by'imitungo y'abana b'imfubyi bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi ko yazatanga umurongo n'igihe na gahunda yo kujya gucyemura ibyo bibazo,

287. Abari mu mwiherero barebye imihigo ikiri inyuma hasabwa yuko habaho ingamba kugirango iyo mihigo ikiri inyuma yihutishwe.

288. Ku kibazo cy'ibikoresho by'inyubako z'amashyuri;hagaragaye ko inzugi Rwiyemezamirimo yatanze zitujuje ubuziranenge bitewe n'uko engineer Akarere kahawe na MINEDUC adakurikirana neza niba ibikoresho by'amashuli bitangwa byujuje ubuziranenge. Abari mu mwiherero bemeje ko:

- Hagomba gukoreshwa abatekenisiye b'Akarere basanzwe bazi iby'ubwubatsi
- Guhemba ba Rwiyemezamirimo hamaze gusuzumwa uko ibyo bikoresho byujuje ubuziranenge.
- Kugaragaza ba Rwiyemezamirimo bagaragayeho imikorere mibi bakandikirwa bikamenyeshwa Ikigo k'Igihugu gishinzwe imitangire y'amasoko(RPPA.

- Gutegura neza ibigenderwaho mu gutanga isoko ry'ibikoresho bikenewe.

289. Ibijyanye n'imihigo abari mu mwiherero basabye ko bajya bohererezwa raporo y'aho imihigo y'Akarere igeze (progress report) kuri email z'Abajyanama bakanabimenyeshwa kuri za telephone zabo.

290. Ku bijyanye n'abafatanyabikorwa mu kwesa imihigo, Inama Njyanama yemeje ko ibyo bemeye byajya bigaragazwa mu nyandiko.

291. Abari mu mwiherero basabye Akanama gashinzwe ubugenzuzi (audit committee) ko bakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry imitangire y'amasoko (procurement plan).

292. Abari mu mwiherero bemeje ko Komite Nyobozi yashyikirana n'Ubuyobozi bw'Uruganda rwa Soya kugirango hakorwe amasezerano hagati y'Ubuyobozi bw'Uruganda n'Abaturage ko bazagurirwa umusaruro wabo, abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi ko bakora ubukangurambaga bwimbitse kugirango abaturage bitabire guhinga icyo gihingwa hifashishijwe ibitangazamakuru bitandukanye n'inama zisanzwe z'abaturage.

293. Mu rwego rw'imikoranire y'inzego, abari mu mwiherero bemeje ko hagomba kubaho uburyo bw'ihererekanyamakuru mbere y'uko Inama Njyanama iterana cyane cyane ku nyandiko zisaba kwemezwa nayo.

294. Abari mu mwiherero bemeje ko hajya hasinywa amasezerano hagati ya Rwiyemezamirimo n'Akarere y'igihe ibikorwa bizatangirira n'igihe bigomba kurangirira.

295. Abari mu mwiherero bemeje ko hashyirwaho gahunda y'inama hagati yUbuyobozi bw'Akarere na ba Rwiyemezamirimo bakomoka mu Karere ka Ngoma, abahatuye n'abakorera ahandi no gukora ubuvugizi ku iterambere rya Ngoma.

296. Abari mu mwiherero basabye ko habaho gufata neza ba Rwiyemezamirimo bagana Akarere no kwishyurira ku gihe abahari.

297. Abari mu mwiherero basabye ko habaho gutsura umubano n'Utundi Turere mu rwego rw'Iterambere ry'Akarere

### 3.3.4. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 04/04/2013

298. Inama Njyanama yemeje umwanzuro wo guhagarika umwanzuro wa 6 w'Inama Njyanama y'Umurenge wa Mutendeli wasabiraga Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'uwo Murenge, amafaranga ibihumbi 50.000frw yo gucunga umutekano ya buri kwezi.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ihagarikwa ry'uwo mwanzuro, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gushyiraho uko umutekano wacungwa mu buryo busa mu Mirenge yose.

299. Hafashwe umwanzuro wo kwemeza abakozi bagashyirwa mu myanya mu buryo bwa burundu nyuma y'isuzumwa ryakorewe abo bakozi.

Abamaze gukorerwa isuzumwa bemejwe burundu bari mu mbonerahamwe ikurikira

| NUM | AMAZINA | UMWANYA ARIMO | AHO AKORA |
|---|---|---|---|
| 1 | KAYIHURA Vedaste | Umucungamali bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza Rukira-Murama | Ikigo nderabuzima cya Rukira- Murama |
| 2 | IRAMBONA Patrick | Umucungamutungo w'ishami ry'Ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukoma-Sake |
| 3 | UWAMAHORO Olive | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Kibungo |
| 4 | GASANA RUBERA Japhet | Umucungamutungo w'ishami ry'Ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Jarama |
| 5 | HAKIZABERA Jean Baptiste | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Jarama |
| 6 | IMANIRAFASHA Fabien | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Nyange |
| 7 | BYIRINGIRO Samuel | Umucungamutungo w'ishami ry'Ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Nyange |
| 8 | NSHIMIYIMANA Donat | Umucungamutungo w'ishami ry'Ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukumbeli |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9 | HANYURWIMFURA Prudent | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukumbeli |
| 10 | GASANA Desire | Umucungamali w'ishami ry'ubwisungane | Ikigo nderabuzima cya Sangaza |
| 11 | MBARAGA Vincent | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Kirwa/Rurenge |
| 12 | HATEGEKIMANA Evariste | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Mutendeli |
| 13 | BIZIMANA Billy | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukira -Murama |
| 14 | NDORIMANA Xavier | Umucungamali w'ishami ry'ubwisungane | Ikigo nderabuzima cya Zaza |
| 15 | MBONIBOGORA Zawadi | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Sake |
| 16 | UWERA Brigitte | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Remera |
| 17 | DUKUZEYEZU Gisele | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Zaza |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 18 | KEPEGI Penninah | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi no gucunga Ububiko bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Gituku |
| 19 | NYIRAMUGISHA Chantal | Umucungamali bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukumbeli |
| 20 | ABAYISENGA Esther | Umucungamali bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Mutendeli |
| 21 | MUJAWAYEZU Gaudence | Umucungamali bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Nyange |
| 22 | INGABIRE Yvonne | Umucungamali bw'Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Rukoma-Sake |
| 23 | HAKIZIMANA Jean Paul | Umucungamutungo w'ishami ry'Ubwisungane mu kwivuza | Ikigo nderabuzima cya Zaza |
| 24 | Bwana Jomo Isaie | Ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi. | Ibitaro bya Kibungo |
| 25 | UWIMANA J.M Vianney | Ushinzwe irangamimerere | Umurenge wa Rurenge |
| 26 | GIKWERERE MUTATSI Eric | Ushinzwe irangamimerere | Umurenge wa Gashanda |
| 27 | HABIYAKARE Emmanuel | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali/Mvumba | Umurenge wa Murama |
| 28 | BIGIRIMANA Schadrack | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali/Rujambara | Umurenge wa Rurenge |
| 29 | MUSAFIRI Francois Xavier | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali/Ntaga | Umurenge wa Mugesera |
| 30 | MBONIGABA Theodomir | Ushinzwe ubuzima n'imibereho Myiza | Umurenge wa Mutendeli |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 31 | NKWASIBWE Donatien | Ushinzwe Irangamimerere | Umurenge wa Mutendeli |
| 32 | INGARAGU SIKUBWABO PHILOS Elyse | Ushinzwe ubukungu n'iterambere/akagali ka Kihanika | Umurenge wa Jarama |
| 33 | KIMENYI Alphonse | Ushinzwe Irangamimere | Umurenge wa Murama |
| 34 | MUHOZA Alphonse | Ushinzwe Irangamimere | Umurenge wa Zaza |
| 35 | KARASIRA Colette Latifa | Ushinzwe ubukungu n'iterambere/akagali ka Nyagasozi | Umurenge wa Zaza |
| 36 | BARIHUTA Assiel | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali/Gafunzo | Umurenge wa Sake |

300. Hafashwe umwanzuro ku mushinga w'ibihano by'Abakozi bagaragaweho imyitwarire mibi. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ko abo bakozi bahabwa ibihano mu buryo bukurikira nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza.

| NUM | AMAZINA | ICYO YAKORAGA | AHO YAKORAGA | UMWANZURO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | NIYITEGEKA Ildebrande | Irangamimerere | Umurenge wa Rukira | Kwirukanwa burundu |
| 2 | UWIZEYE Velens | Umunyamabanga Ncungamatungo | Umurenge wa Jarama | Kwirukanwa burundu |
| 3 | RUDASINGWA J. Damascene | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali | Akagali ka Kibimba, Umurenge wa Jarama | Kwirukanwa burundu |
| 4 | GASIRIMU J.Olivier | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali | Akagali ka Munege/Umurenge wa Gashanda | Kwirukanwa burundu |
| 5 | NIZEYIMANA | Umunyamabanga Nshingwabikorwa | Akagali ka Karama/Umurenge | Guhagarikwa amezi atatu. mu gihe |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Aline | w'Akagali | wa Kazo | tugitegereje ko ubujurire Akarere kakoze buhabwa agaciro na komisiyo y'abakozi ba Leta. |

301. Hashingiwe ku cyemezo cy'Umukuru w'Intara asaba Inama Njyanama y'Akarere kugaragaza igihe cyagenwe mu mwanzuro wa 7 w'Inama Njyanama yo kuwa 14 Gashyantara/2013, wemezaga ihindurwa ry'Abayobozi b'ibigo by'amashuli n'ibigo nderabuzima, hemejwe ko bizajya bikorwa nyuma y'imyaka itatu, ariko bidakuyeho ko mu gihe ari ngombwa abo bayobozi bahindurwa mbere y'icyo gihe kandi bigakorwa bamaze gukorerwa isuzuma.

302. Inama Njyanama yemeje ko Bwana NDENGABAGANIZI Ephrem, usaba gutizwa ubutaka buri mu Murenge wa Mutenderi, Akagali ka Nyagasozi Umudugudu wa Nyagasozi bungana na Ha 11, Komisiyo y'Ubukungu yifashishije aba tekinisiye bajya gupima ubwo butaka bakagaragaza igishushanyo cyaho hantu atijwe kugirango atazarengera naho atahawe, raporo y'abakozi bo mu biro by'ubutaka igashyikirizwa Komisiyo y'ubutaka bikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha.

303. Inama Njyanama yemeje umubare w'amafaranga y'itumanaho ku bakozi ko yava ku mafaranga (908 500frw) ukagera ku mafaranga (656 500frw), nyuma yo kugaragarizwa ko ingengo y'Imali y'Akarere yagabanutse, hasabwe ko iryo gabanywa ryayo mafaranga ryazarangirana n'ingengo y'imali y'uyu mwaka, bikazahindurwa mu ngengo y'imali itaha ya 2013-2014.ku mugereka w'iyi myanzuro murahasanga urutonde rw'abakozi ruriho n'amafaranga bahabwa.

304. Inama Njyanama ishingiye ku **Iteka rya Perezida wa Repubulika** n° **25/01** ryo kuwa **09/07/2012** rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, yemeje ibyiciro by'ubutaka butangirwa ubukode buherereye mu Karere ka Ngoma nkuko bigaragazwa n'imbonerahamwe igaragaza ibyiciro by'ubutaka n'ibiciro by'ubukode bw'ubutaka iri ku mugereka w'iyi myanzuro.

305. Inama Njyanama yemeje ko ku mafaranga yagenewe gutunganya urwibutso rwa Rukumbeli miliyoni cumi n'eshanu (15, 000, 000frw) hakurwaho miliyoni eshanu (5, 000, 000frw) agakoreshwa mu gushyingura imibiri 5008 mu Murenge wa Zaza, akazasubizwaho mu ngengo y'imali y'umwaka utaha.

306. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ikibazo cy'urwibutso ruri mu Murenge wa Remera aho Padiri INCIMATATA yifuza ko bazibuka ku itariki ya 20/04/2013 hagamijwe kwagura urwo rwibutso. Komite Nyobozi yasabwe kuganiriza Padiri

INCIMATATA ko hakurikizwa itariki ya 14-15 kandi iyi taliki ikaba yaremejwe mu nama itegura icyunamo mu rwego rw'Akarere harimo n'abahagarariye abarokotse jenoside bo muri uyu murenge.

Inama Njyanama yemeje umunsi wo gutangira no gusoza icyumweru cy'icyunamo hagenwa umunsi wa buri Murenge:

- Ku rwego rw'Akarere icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa mu Murenge wa Rurenge.
- Ku rwego rw'Akarere icyumweru cy'icyunamo kizasorezwa mu Murenge wa Zaza ahazashyingurwa imibiri 5008.
- Indi Mirenge uko izagenda yibuka biri mu mbonerahamwe ikurikira:

**GAHUNDA YIHARIYE YO KWIBUKA MU MIRENGE**

| No | UMURENGE/IKIGO | ITALIKI YO KWIBUKA | |
|---|---|---|---|
| | | Ijoro ryo kwibuka | Umuhango wo gusoza |
| 1 | GASHANDA | kubera igikorwa cyo gushyingura i Zaza imibiri yimuwe muri iyi Mirenge, ijoro ryo kwibuka rizabera i zaza kuwa 12/04/2013 hahurire abo muri iyi Mirenge bose | kuwa 13/04/013 hazaba umuhango wo gushyingura Imibiri yimuwe. |
| 2 | KAREMBO | | |
| 3 | MUGESERA | | |
| 4 | ZAZA | | |
| 5 | JARAMA | 09/04/2013 | 13/04/2013 (i Rukumberi ) |
| 6 | KAZO | 12/04/2013 | 13/04/2013 |
| 7 | KIBUNGO | 14/04/2013 | 15/04/2013 |
| 8 | MURAMA | abaturage b'iyi Mirenge bahurira Rukira kuwa 12/04/2013 | 13/04/2013 |
| 9 | RUKIRA | | |
| 10 | MUTENDERI | 16/04/2013 | 17/04/2013 |
| 11 | REMERA | 14/04/2013 | 15/04/2013 |
| 12 | RUKUMBERI | 13/04/2013 | 14/04/2013 |
| 13 | RURENGE | 12/04/2013 | 13//04/2013 |
| 14 | SAKE | Nta joro ryo kwibuka riteganyijwe, abaturage bibukira Rukumberi. | 16/04/2013 |

307. Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho umukozi w'umushinga wo kurengera inkengero z'igishanga cy'ikiyaga cya Rweru n'uruzi rw'Akagera no guhanga amaterase y'indinganire kuri Ha 140. (Lac Victoria Environmental Management Project/REMA LVEMP) uzakorera mu Murenge wa Jarama, hakazakurikizwa ibisabwa byose mu ishyirwaho ry'abakozi.

308. Inama Njyanama yemeje inashyira umukono ku nyandiko ngenderwaho ku mitangire ya serivise zihabwa abaturage ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagali " standard service charters"

309. Inama Njyanama yarebye imihigo muri rusange yibanda ku mihigo ikiri inyuma, igaragarizwa inzitizi zagaragaye, ihabwa icyizere ko bazayesa. Nyuma yo guhabwa icyo kizere, Inama Njyanama yasabye ko Akarere katazasubira inyuma ku mwanya kari kagize mu isuzuma ry'imihigo y'ubushize hifujwe ko hongerwa imbaraga kugirango imihigo ikiri inyuma yihutishwe.

### 3.3.5. Imyanzuro y'inama isanzwe y'abagize inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/05/2013

310. Bwana **BIZIMANA Innocent «Consultan**t» Akarere kohererejwe na MINECOFIN wagize uruhare mu itegurwa ry'Iteganyabikorwa ry'Iterambere ry'Akarere ry'imyaka itanu (District Development Plan), wasobanuriye Abajyanama ndetse n'abandi bitabiriye Inama Njyanama y'Akarere. uko Akarere gahagaze, asaba ko hakongerwa imbaraga mu kuvugurura imiturire, kongera ingufu z'amashanyarazi kandi hagatangwa amakuru kugihe no kuyahererekanya, hagashyirwaho n'ikigega cy'ibiribwa. Yakomeje agaragaza imishinga minini irimo **kwagura imihanda, kubaka agakiriro, gusana uruganda rukora impapuro ruri mu Murenge wa Zaza,gutunganya ibishanga, kubaka amasoko atatu agezweho (Gituku, Murama na Rurenge ) kubaka hotel y'Akarere mu mujyi w'Akarere ka Ngoma.** Yagaragaje ko kugirango ibyo byose bishoboke hakenewe amafaranga angana na miliyari mirongo irindwi n'esheshatu na miliyoni magana arindwi mirongo itatu n'imwe n'ibihumbi Magana ane mirongo ine (**76,731,440,000frw**).

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kw'abagize Inama Njyanama n'abandi bari bitabiriye inama hafashwe imyanzuro ikurikira:

311. Basabye ko Itsinda ryateguye iri teganyabikorwa ry'Akarere "DDP 2013-2018" ryanozwa neza hagendewe ku bitekerezo byatanzwe n'Abajyanama ndetse n'abandi bitabiriye inama Njyanama.

312. Basabye ko mu Iteganyabikorwa ry'Iterambere ry'Akarere haba harimo, uko byari bimeze mbere«baseline», intego twihaye « target», ingamba zafashwe« strategie» ibipimo

ngenderwaho (indicators) z’Igihugu, gukosora amakosa yagaragayemo «Document ya DDP». yose ikosoye igomba kuba yabonetse ku itariki ya 07/06/2013.

313. Abagize Inama Njyanama bamaze kumva ibisobanuro byatanzwe bemeje Iteganyabikorwa ry’Iterambere ry’Akarere ka Ngoma ry’imyaka itanu(2013-201) itorwa ku buryo burunduye bw’Abajyanama bitabiriye inama.

314. Ku bijyanye n’imishinga y’Akarere ka Ngoma iteganyijwe mu mwaka wa 2013-2014, Umujyanama NAMBAJE Aphrodise akaba n’Umuyobozi w’Akarere niwe wamuritse ibikorwa by’Akarere biteganyijwe gukorwa mu 2013-2014.

1. **Mu bukungu:**

1° Umushinga wo kurangiza Hotel y’Akarere,

2° Umushinga wo kubaka imihanda,

3° Umushinga wo kubaka Cyasemakamba development center,

4° Umushinga wo kubaka amazu 30 y’abatishoboye azaba ari umudugudu w’ikitegererezo mu Murenge wa Rukumbeli,

5° Kubaka ubwanikiro mu Murenge wa Mugesera

6° Kongera amashyamba, amaterasi y’indinganire mu Murenge wa Jarama

7° Gusana no kwagura umuyoboro w’amazi muri Kazo

8° Kubungabunga ikiyaga cya Rweru n’Akagera

9° Hazubakwa Biogaz mirongo itanu(50)

10° Gutera inkunga imishinga y’urubyiruko

11° Gusana icyombo cy’Akarere cyakoreraga mu kiyaga cya Mugesera

12° Gutanga amazi Gatonde, Mvumba, Sakara, na Nyagasozi bikiri umushinga utarigwa kugeza ubu.

2. **Mu Mibereho Myiza:**

1° Kwagura Ikigo nderabuzima cya Gashanda,

2° Hazubakwa ibyumba by’amashuli 68 n’ubwiherero 100

3° Hazubakirwa abatishoboye amazu 40

3. **Imiyoborere Myiza:**

1° Hazatangwa amahugurwa kuri (Local Defense Force) b’Akarere mu rwego rwo gukumira ibyaha.

315. Inama Njyanama yemeje ko iyi mishinga y'umwaka 2013-2014, yashyikirizwa Komisiyo zose akaba arizo zizabinononsora bakareba ko iyo mishinga iri mu yemejwe muri "DDP 2013-2018" bikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha.

### 3.3.6. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 26/06/2013

316. Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yagaragarije Abajyanama ingego y'Imali y'Akarere y'umwaka wa 2013/2014 aho ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari icumi na miliyoni Magana ane na cumi n'eshatu n'ibihumbi birindwi Magana inane na mirongo ine n'atatu (**10,413,007,843fr**w) yasobanuye ko ku ngengo y'Imali y'uyu mwaka hiyongereyeho 12, 92% kuy'ubushize. Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yagaragaje kandi ko amafaranga yose azakoreshwa mu ngingo eshanu zigize ingengo y'Imali y'Akarere, Abagize Inama Njyanama y Akarere ka Ngoma bemeje;

1° Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n'Akarere anganana (**735,086,331frw**

2° Inama Njyanama yemeje amafaranga aturuka ku nkunga z'ubutegetsi bwite bwa Leta angana na (**1,129,800,921frw**).

3° Inama Njyanama yemeje kandi amafaranga y'izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta angana na (**732,623,876frw**)

4° Inama Njyanama yemeje amafaranga aturuka mu baterankunga angana na (**498,951,697frw**)

5° Inama Njyanama yemeje amafaranga ari kuri konti z'Akarere mu ntangiriro y'umwaka angana na **(733,073,360frw)**

317. Nyuma yo kugaragarizwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Amahirwe y'Akarere ( Ditrict Potentialities) yagaragaje amahirwe y'Akarere mu byiciro bikurikira:

- Ubuhinzi,
- Ubworozi;
- Ubwikorezi bw'amabuye y'Agaciro;
- Ubukorikori n'Ubukerarugendo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakomeje asobanurira Abajyanama ko hazashyirwaho Inganda ziciriritse, Amakoperative atandukanye, gusana uruganda rw'impapuro ruri mu Murenge wa Zaza, gukora umuhanda Ngoma-Nyanza ukaba uzafasha mu bukerarugendo nko gusura ibiyaga biherereye mu Karere ka Ngoma, korohereza abakora ingendo hifashishijwe amato ariko bigakorwa n'ababigize umwuga. yagaragaje kandi ko hari Ibigo bya Leta naza Minisiteri zitandukanye byiteguye gufasha Akarere mu kubyaza ayo mahirwe umusaruro ufatika aribyo: MINAGRI, NAEB, RAB, MININFRA, EWSA, FER, MINECOFIN, MINALOC, MINICOM, RDB Ndetse na ba Rwiyemezamirimo biteguye gukorera muri aka Karere,

Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma hemejwe ko hakwitabwaho ibi bikurikira:

1°. Gushyiraho ingamba zihamye kugirango aya mahirwe yose abashe kugera ku baturage batuye mu Karere ka Ngoma

2°. Gushingira ku kwihangira imirimo ndetse n'Ikoranabuhanga (ICT)

3°. Guteza imbere ibikorwa by'ubuhinzi

4°. Guteza imbere ibigo by'imyuga

5°. Kongera ingamba kuzari zisanzwe

Hamaze kunozwa inyandiko irebana n'ingengo y'Imali yashyizweho umukono na Visi-Perezida w'Inama Njyanama Bwana **BANAMWANA Bernard** n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama Madamu **UMUTONIWASE Claudine** ishyikirizwa Umugenga w'Ingengo w'Imali **Bwana MUZUNGU Gerald.**

### 3.3.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 28/07/2013

318. Hemejwe ko Bwana Anicet NKUNZABAGABO nyuma yo koherezwa mu kigo cy'ishuli cya Jarama cy'Abihayimana nk'uko byari byakozwe no mu bindi bigo by'amashuli ari mu Karere ka Ngoma ariko abaPadiri ntibamwemere. Inama Njyanama yemeje ko yoherezwa mu Kigo cy'Ishuli cya Mbuye.

319. Hemejwe ko ku kijyanye n'ibikoresho byari bigenewe gusana no kubaka amazu y'abacitse ku icumu batishoboye byangiritse ibindi bikaburirwa irengero bifite agaciro kangana na amafaranga na miliyoni enye n'ibihumbi magana abiri mirongo icyenda n'umunani y'u rwanda (4, 298, 000frw) nkuko byemejwe n'Inama Njyanama yo kuwa 14/02/2013, ko iyo mitungo yakwishyurwa n'abagaragaweho kunyereza no gucunga nabi ibyo bikoresho, Inama Njyanama yemeje ko hagaragazwa ishyirwamubikorwa ry'uwo mwanzuro mu nama itaha.

320. Hemejwe ko ku kibazo cya NIZEYIMANA Aline Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Karama mu Murenge wa Kazo wari wahagaritswe by'agateganyo, hategerezwa igisubizo cya Komisiyo y'Abakozi ba Leta, n'ibizava mu isuzuma rikorerwa abakozi.

321. Hemejwe ko ku kijyanye n'umwenda wa telefoni abaturage bahawe mu mwaka wa 2008, kugeza ubu 2013 bikagaragara ko hari abatishyuye, bitewe nuko hashize igihe kinini hakaba hari imvugo yavuzwe n'Abaturage ko bazihawe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika nk'impano none bakaba baranze kwishyura bavuga ko bazigenewe, hashingiwe ko zari

zatanzwe ku nguzanyo ya« BRD » ariko kugeza ubu Akarere ka kaba kararangije kwishyura uwo mwenda, Inama Njyanama yemeje ko basonerwa uwo mwenda ukavanwa mu myenda Akarere gafitiwe.

322. Hemejwe ko ku kibazo cya RWABUHUNGU Jonatha usaba gusubizwa ubutaka bwe bwari bufitwe na Bwana MBARIZAMUNDA batuye mu Murenge wa Remera mu Kagali ka Bugera, nyuma y’uko iki kibazo cyizwe na komisiyo y’Ubutaka mu Karere bigashyikirizwa Komisiyo y’Ubukungu y’Inama Njyanama, Inama Njyanama yemeje ko Bwana RWABUHUNGU Jonathan asubizwa ubutaka bwe kuko uwari aburimo hagaragajwe ko afite ahandi yasaranganyijwe.

323. Hemejwe ko Komisiyo zigize Inama Njyanama y’Akarere zajya ziterana mbere y’inama y’aba Perezida kugira ngo ibyigiwemo bishyikirizwe Inama y’Aba Perezida nayo ibisesengure hanyuma bishyikirizwe Inama Njyanama.

324. Hemejwe ko Inama Njyanama z’Imirenge zikwiye kujya zitanga raporo ku buyobozi bw’Akarere bakagenera kopi Inama Njyanama y’Akarere buri kwezi mu rwego rw’imikoranire.

325. Hemejwe ko ku kijyanye n’Abayobozi b’Ibigo Nderabuzima bihaye imishahara y’icyiciro cya mbere cya kaminuza « A1» kandi bafite impamyabumenyi y’amashuli atandatu yisumbuye «A2» byemejwe n’inama itabifitiye ububasha « coordination meeting», Inama Njyanama yemeje ko abo Bayobozi bagomba kwishyura ayo mafaranga.

326. Inama Njyanama yemeje ko umwenda Ibigo nderabuzima bifitiye « Rwanda Social Security Board» wakwishyurwa ku agahimbazamusyi kagenerwa Ibigo Nderabuzima «Performance bassed financing».

327. Hemejwe ko ku kijyanye n’abakozi b’Ibigo Nderabuzima bajya mu kazi bidaciye mu ipiganwa, Inama Njyanama yemeje ko Abayobozi b’Ibigo Nderabuzima bagomba kugaragaza imyanya ikenewemo abakozi igashyirwa ku isoko bagakoreshwa ibizamini bakabona kujya mu kazi.

328. Hemejwe ko Ibigo Nderabuzima n’ibindi bigo bya Leta byahabwa amahugurwa ajyanye n’imitangire y’amasoko bitarenze ukwezi kwa munani muri uyu mwaka wa 2013 mu rwego rwo kwirinda amakosa akomoka ku mitangire mibi y‘amasoko.

329. Hemejwe ko raporo y’imikoreshereze y’Imali mu Karere igomba kuba yabonetse bitarenze tariki ya 31/07/2013.

330. Hemejwe ko Akarere kandikira Gorilland SAFALI gafitiye umwenda ungana n’amafaranga ( 2, 009000frw) na RUKA Entreprise gafitiye umwenda ungana n’amafranga (3, 429,

981frw) gusaba ko bazana ibyangombwa bisabwa « supporting documents » kugirango babashe kwishyura iyo myenda.

331. Hashingiwe ku myanzuro ya Komisiyo y'Abakozi ba Leta.Hemejwe ko abakozi bakurikira birukanwa ku kazi. bitewe n'amakosa yabo yagaragaye nyuma yo gusesengura dosiye zabo.

- **Bwana KARANGWA Evariste**: wari Umuyobozi w'Ishuli rya Kabilizi, nyuma yo gusesengura dosiye ye hanashingiwe kandi ku myanzuro ya Komisiyo y'Abakozi ba Leta ikubiye mu ibaruwa N°690/IPER13 yo kuwa 06/05/2013, Inama Njyanama yemeje ko yirukanwa ku kazi.
- **Bwana UDAHEMUKA Prosper:** wari ushinzwe amakoperative mu Mirenge ya Murama na Rukira. nyuma yo gusesengura dosiye ye hanashingiwe kandi ku myanzuro ya Komisiyo y'Abakozi ba Leta ikubiye mu ibaruwa N°740/IPER13 yo kuwa 16/05/2013, Inama Njyanama yemeje ko yirukanwa ku kazi

332. Hemejwe ko Abakozi bakurikira bahagarika imirimo yabo;

- **Bwana RUTAYISIRE Gilbert**: wari umukozi ushinzwe ubuhinzi mu Karere Inama Njyanama yemeje ko ahagarikwa ku kazi mu gihe kitazwi hashingiwe ku myanzuro ya komisiyo y'abakozi ba Leta iri mu ibaruwa N°780/IPER13 yo kuwa 21/05/2013.
- **Madamu CYEWUSI Genevieve:** wari umwarimukazi mu rwunge rw'amashuli ya Nyamugali, Inama Njyanama yemeje ko ahagarikwa ku kazi nta mpaka kubera ikibazo cy'uburwayi, hashingiwe kandi ku myanzuro ya komisiyo y'abakozi ba leta, akazafashwa kigirango abone icyo amategeko amuteganyiriza nkuko biri mu ibaruwa N°1068/IPER13 yo kuwa 20/06/2013.

333. Hemejwe ko ku bijyanye n'umwenda Ibitaro bya Kibungo bifitiye farumasi y'Akarere hagomba gukorwa ihererekanyabubasha uyu mwenda ugashyikirizwa Farumasi ugashyirwa mu bitabo by'icungamutungo byayo ukava mu bitabo by'Akarere kuko ubu Farumasi y'Akarere isigaye yigenga.

334. Bitewe n'aho amasaha yari ageze Abagize Inama Njyanama bemeranyijwe ko raporo za Komisiyo zizigwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'ubutaha.

335. Hemejwe Imihigo y'Akarere 2013-2014 n'ishyirwamubikorwa ryayo ikubiye mu nkingi 3 za Guverinoma arizo :

- Ubukungu:
    - Ubuhinzi
    - Ubworozi.
    - Ibikorwa remezo

- Ibidukikije

- Imibereho Myiza:
  - kuvugurura no kubaka ibyumba by'amashuli n'ubwiherero
  - gukoresha uburyo bwo kuringaniza urubyaro
  - kurwanya imirire mibi
  - gukora isuzuma mu bigo by'amashuli.
  - Kubaka «poste de sante» ya Gashanda
  - Kubakira abatishoboye.
- Ubutabera:
  - Kurangiza imanza.

336. Hemejwe urutonde rw'imihanda« Road classification» nyuma yo kumva umukozi w'Akarere ushinzwe ibikorwa Remezo akagaragaza ahazakorwa imihanda y'Akarere, Abagize Inama Njyanama barayemeje.

337. Hemejwe umushinga w'imishahara y'abakozi hashingiwe ku itegeko n°08/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Akarere mu ngingo yayo ya 20, 4 n'iya 71, hashingiwe kandi ku iteka rya Perezida N°17/01 ryo kuwa 23/02/2013 rishyiraho imbonerahamwe nshya y'urutonde rw'imirimo mu butegetsi bwa leta;Inama Njyanama yemeje imishahara mishya y'abakozi b'Akarere, Imirenge n'Utugali.

338. Hemejwe gupiganisha imyanya y'akazi nyuma y'uburenganzira bwatanzwe na Minisiteri y'abakozi ba Leta mu ibaruwa yabo ifite N°1530 yo kuwa 18/07/2013, no gusobanurirwa n'Umugenga w'Ingengo y'Imali ko hari «budget line » kuri iyo myanya y'akazi.

339. Hemejwe amabwiriza azagenderwaho u micungire ya za mudasobwa ( laptop) zizakoreshwa n'abajyanama b'Akarere.

### 3.3.8. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 27/09/2013

340. Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko Madamu MUKARUKUNDO Victoire Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera ahagarikwa by'agateganyo hakurikijwe ibikubiye mu itegeko N°22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta (mu ngingo ya 90, 92, 93, 94). Agahabwa igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kingana n'amezi 3. nyuma yo gusuzuma ibikubiye mu ibaruwa twandikiwe n'Umuyobozi w'Akarere yatwandikiye idusaba gusuzuma imyanzuro y'Inama Njyanama y'Umurenge wa Remera n'ibikubiye muri

raporo ya Komisiyo idasanzwe y'Inama Njyanama yagiye gukurikirana ikibazo cy'uwo Murenge igasanga hari ibibazo bikurikira.

- Nta mikorere n'imikoranire hagati y'Umuyobozi w'Umurenge n'abo ashinzwe kuyobora;
- Ntashoboye guhuza ibikorwa by'Abakozi by'uwo Murenge;
- Nta mikorere n'imikoranire n'abayobozi be hafi ya bose ku rwego rw'Akarere (Nyobozi yose) Hagaragajwe imvugo y'Uwo Muyobozi yateje umwuka mubi mu baturage mu cyunamo cy'uyu mwaka wa 2013 aho yagize ati « Turi hano ngo dufatane mu mugongo kuko nta munyarwanda utarapfushije»;
- Kutorohereza abafatanyabikorwa bifuza gukorera muri uwo Murenge;
- Kutubaha abakozi no kubatesha agaciro;
- Kugira ubwiru bw'Imikoreshereze y'Ingengo y'Imali igenerwa uwo Murenge;
- Kuba nyamwigendaho (Abavuze bose babihurijeho)

Umuyobozi w'uwo Murenge ahawe umwanya ngo agire icyo avuga, yavuze ko haribyo atubahirije kandi yisabira ko yahindurirwa aho gukorera.

Iyo Komisiyo yagiye gukurikirana ikibazo mu Murenge wa Remera yafatanyije n'inzego zikurikira:

- Inzego z'Umutekano
- Inama Njyanama y'Umurenge
- Abavuga rikumvikana
- Abakozi b'Umurenge n'Utugali.

341. Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ishingiye ku byavuye muri raporo ya komisiyo idasanzwe yasesenguranye ubushishozi ubujurire bwa bamwe mu bakozi b'Akarere, yemeje amanota y'ubujurire bw'Abakozi b'Akarere bakorewe isuzuma ry'umwaka wa 2012-2013 ku buryo bukurikira :

| **N°** | **AMAZINA** | **ICYO AKORA** | **AMANOTA AJURIRIRA** | **AMANOTA/ NYUMA Y'UBUJURIRE** |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Madamu MUKARUKUNDO Victoire | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera | 54, 8% | 54, 6% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2 | Bwana NDATINDA KAZADI Charles | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gashanda | 55, 7% | 62, 6% |
| 3 | Bwana MULISI Japhet | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutendeli | 55, 6% | 69, 7% |
| 4 | Bwana NYAMIHANA SAKALIBU Philipe | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kibungo | 63% | 68, 1% |
| 5 | Madamu UWITEGETSE Laurence | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Ntaga/ Mugesera | 58 | 68, 2% |
| 6 | Bwana KAREKEZI Eugene | Umucungamutungo w'Akarere | 55, 7% | 67, 9% |
| 7 | Bwana RUDASINGWA Augustus | Umucungamutungo w'Akarere | 66, 3% | 66, 3% |

Inama Njyanama kandi yemeje ko:

- Isuzuma mikorere ryakorwa buri gihembwe.
- Umuyobozi ushinzwe Ubutegetsi n'Imicungire y'Abakozi akwiye kumanuka akegera abakozi mugihe gihoraho;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge babonye amanota abashyira mu rwego rwo kugirwa inama bahindurirwa Imirenge bakoreramo, iryo hinduranywa rikazemezwa mu nama Njyanama itaha;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Ntaga, Umurenge wa Mugesera n'umukozi ushinzwe Imibereho Myiza n'Iterambere ry'Ubukungu muri ako Kagali bimurwa bakavanwa muri uwo Murenge.
- Komite Nyobozi yakubaka ubushobozi bw'Abakozi ku nzego zose.
- Ku mugereka wa mbere hari raporo isesenguye yerekana uko

342. Inama Njyanama ishingiye ko hari abatari ku mbonerahamwe y'abakozi, yemeje abakozi bagengwa n'amasezerano ashobora kuvugururwa mu gihe cy'umwaka aribo :

- Bwana KAYIRANGA Seminari : ushinzwe Umutekano mu Karere
- Bwana KAREKEZI Eugene: Umucungamutungo w'Akarere
- Bwana KARURANGA Eric: Ushinzwe imitangire y'amasoko
- Bwana RUDASINGWA Edgar: Ushinzwe ibikorwa by'amazi mu Karere.

343. Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Ubukungu y'Inama Njyanama ifatanyije na Komisiyo y'Ubutaka y'Akarere, yemeje ko Bwana NDENGABAGANIZI Ephraim usaba gutizwa ubutaka bwo kwaguriraho igihingwa cya kawa bungana na Ha 4 buherereye mu mudugudu wa Nyagasozi Akagali ka Nyagasozi Umurenge wa Mutendeli yabutizwa mu gihe cy'imyaka 20 (imyaka makumyabiri).

344. Inama Njyanama y'Akarere ishingiye kuri raporo ya komisiyo y'Ubukungu y'Inama Njyanama, Komisiyo y'Ubutaka y'Akarere n'umu tekinisiye w'ibiro by'butaka mu Akarere yemeje kuguranira Madamu MUNYAKAZI Jeannette ubutaka bungana na Ha 3, 06 bwo kwaguriraho umushinga wo kubaka amacumbi mu Murenge wa Sake mu nkengero z'ikiyaga cya Mugesera.

345. Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Umuryango.Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage ku isesengurwa ry'umushinga w'amabwiriza ajyanye n'ibimina by'ubwisungane mu kwivuza yemeje Amabwiriza N° 1 yo kuwa 27/09/2013 y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma Agena ishyirwaho ry'Ibimina by'ubwisungane mu kwivuza mu Midugudu igize aka Akarere.

346. Inama Njyanama y'Akarere yemeje abakozi b'Akarere bamaze gukorerwa igeragezwa aribo:

- Bwana HATEGEKIMANA Dieudonne: Umukozi ushinzwe Ibarurishamibare mu Karere
- Bwana SEGAHUTU Evergiste: Umuyobozi w'Imali mu Karere ka Ngoma
- Bwana MURENZI Valens: Umukozi ushinzwe gupima ubutaka mu Karere (land survey)

347. Inama Njyanama y'Akarere yemeje ibihano n'amande ku bantu batema ibiti by'imiguruka biri gukendera, ko bahanishwa amande angana n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu ( 50.000frw) ku giti kimwe n'ibihano byo kwamburwa ibyakivuyeho ( imbaho n'amakara).

### 3.3.9. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 08/11/2013

348. Hemejwe ko SEBITUZI Jean Baptiste wandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro y'ubucuruzi akora, atasonerwa nk'uko yabisabye hashingiwe ku itegeko no 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze

rikanagena imikoreshereze ya byo cyane cyane mu ngingo ya ryo ya 18 aho iyo ngingo isobanura ibintu cyangwa imitungo isonewe.

349. Hafashwe umwanzuro wo kwemeza abakozi bakurikira bagashyirwa mu myanya mu buryo bwa burundu nyuma y'uko Komisiyo isuzumye neza isuzumwa ryabakorewe :

| No | AMAZINA | UMWANYA ARIMO | AHO AKORA |
|---|---|---|---|
| 1 | MUKAMURENZI Francine | Umunyamabanga w'Umurenge | Umurenge wa Murama |
| 2 | MUKAHIGIRO Donatha | Umunyamabanga w'Umurenge | Umurenge wa Mutenderi |
| 3 | MUSANABANDI Marie Jeanne | Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Umurenge wa Mutenderi, Akagari ka Muzingira |
| 4 | NGABONZIZA Jean Baptiste | Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Umurenge wa Sake, Akagari k'Akabungo |
| 5 | NZAHABWANAYO Gaspard | Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Ubukungu n'Iterambere mu Kagari | Umurenge wa Rurenge, Akagari ka Rujambara |

350. Nk'uko byari byemejwe mu myanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 10/01/2013 ko Bwana TWAGIRAYEZU Pascal, Bwana HABUMUGISHA Claver, Bwana RUTABANA Philibert na Bwana NZEYIMANA Innocent basenyewe ahubatswe isoko rya Jarama bakishyurwa ku ngengo y'imari y'uyu mwaka wa 2013-2014, Inama Njyanama yemeje ko bakishyurwa bitarenze 15/04/2014.

351. Nyuma y'uko hagaragaye amakimbirane mu ngo abyara ubwicanyi, Inama Njyanama yemeje ko abayobozi b'inzego z'ibanze barushaho kwegera abaturage, bifashishije umugoroba w'ababyeyi n'itorero byose bibera mu midugudu, bigafasha mu kugabanya no guhosha amakimbirane.

352. Mu rwego rwo kwirinda impuha, bimaze gusuzumwa na Komisiyo ishinzwe Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko, Inama Njyanama yemeje ko imyanzuro y'Inama Njyanama yajya itangazwa n'ababifitiye ububasha, abashyuhaguza bakihangana.

353. Ku bijyanye n'ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko hakwemezwa ibigenerwa umukozi ugiye mu butumwa imbere mu Karere, abari mu nama bemeje ko umukozi ugiye mu butumwa yagenerwa amafaranga ibihumbi bitatu (3, 000 rwfs) by'ifunguro aho Rwiyemezamirimo watsindiye isoko atagera.

354. Ku bijyanye n'imbanzirizamushinga ya misiyo na transport y'abajyanama mu Nama Njyanama bimutse mu Karere ka Ngoma kubera impamvu z'akazi, hemejwe ko Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'ubukungu yabanza ikabyigana ubushishozi inabanje kureba uko bigenda ahandi.

355. Muri gahunda ya biogaz n'isuku muri rusange, hemejwe ko habyazwa umusaruro ibiva mu misarane yo mu ngo na za centres z'ubucuruzi yuzuye ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'ibitaro n'ubw'Akarere.

356. Ku ibaruwa Bwana NIRAGIRE Gregoire yandikiye Inama Njyanama asaba guhindurirwa ikigo akava kuri G.S Gituza akajya kuri G.S.Muzingira, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana bukareba niba yafashwa.

357. Hagendewe ku ibaruwa No 2127/07.05.06 yo ku wa 24/09/2013 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama isaba gufata icyemezo ku mafaranga yagenewe gutera inkunga amashyirahamwe ane y'abafite ubumuga, inama yifuje ko habanza kugaragazwa ibigenderwaho mu gutoranya Koperative iterwa inkunga kuko hari nyinshi.

358. Ku bijyanye n'Abayobozi b'ibigo Nderabuzima basabye kurenganurwa ku mwanzuro bafatiwe n'Inama Njyanama ujyanye n'amafaranga bihembye abari mu nama bemeje ko iki kibazo cyazigwa na Komisiyo ishinzwe Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko.

359. Ku kibazo cy'abakozi b'Abaforomo bari mu kazi batarapiganwe, bakaba banafite dosiye z'akazi zituzuye hemejwe ko abo bakozi bakuzuza byihutirwa dosiye za bo, abatabikoze bakirukanwa.

360. Hemejwe ko hashyirwaho ibihembo by'abantu bitabira gahunda yo kuringaniza no kuboneza imbyaro ibyo bihembo bikaruta ibigenerwa abagore bubahiriza gahunda yo kwipimisha mu gihe batwite.

361. Hemejwe ko umushinga wo guhinduranya abayobozi b'ibigo Nderabuzima wazashyirwa mu bikorwa nyuma yo gusuzuma raporo ya "audit committee" imaze guhuzwa n'iya Komisiyo

ishinzwe iterambere ry’umugore, Urubyiruko, Siporo, Umuco n’imibereho Myiza y’Abaturage ku isurwa ryakorewe ibyo bigo Nderabuzima.

362. Hemejwe ko Koperative **KIDAFAKO** nk’uko yabisabye yakemererwa kubaruza ubutaka yubatseho, nyuma ya raporo yatanzwe na Komisiyo y’ubutaka y’Akarere ka Ngoma ku bufatanye na Komisiyo y’Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry’Ubukungu.

363. Hemejwe ko Madamu **MUKANKUSI Therese** yahabwa ingurane y’ubutaka bungana n’ubwo aho Ikigo Nderabuzima cya Mutenderi cyaguriye inyubako yacyo hari hasanzwe ari aha **MUKANKUSI Therese** ubwo butaka bungana na m50 kuri m52**.**

364. Hemejwe ko HITIMANA Vedaste usaba aho yakwagurira ibikorwa bye biri mu kibanza no 1607 yakumvikana na ba nyir’ibibanza akabaha ingurane.

365. Hemejwe ko EAR Musamvu yasabye ubutaka bwo kubakamo ibibuga no kwaguriramo ibikorwa yazabisaba ababifitiye ububasha kuko aho isaba ari aha RAB.

366. Hemejwe ko HUMURA Project yakandikira urwego rubifitiye ububasha kuko ubutaka yasabye bwo gukoreramo ibikorwa ari ubwa MINAGRI.

367. Hemejwe gahunda y’ikiruhuko cy’umwaka ku bagize Komite Nyobozi y’Akarere ka Ngoma ku buryo bukurikira:

    a) Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu n’Imari azajya mu kiruhuko mu kwezi kwa cumi na kumwe(Novembre 2013),
    b) Umuyobozi w’Akarere azajya mu kiruhuko mu kwezi kwa mbere (Janvier 2014),
    c) Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage azajya mu kiruhuko mu kwezi kwa kabiri(Fevrier 2014).

368. Inama Njyanama yemeje koUmunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Kibungo Bwana **NYAMIHANA S.Phillipe** ahindurinwa akajya gukorera mu murenge wa SAKE, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Sake **Bwana MAPENDO Gilbert** akaba ariwe uza gukorera mu murenge wa Kibungo.

Umuyobozi w’Inama yasoje ashimira Abajyanama bitabiriye inama.

## 3.4. IBYEMEZO BYAFASHWE N’INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2014

### 3.4.1. Imyanzuro y’inama isanzwe y’Inama Njyanama y’Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/01/2014

369. Inama Njyanama yemeje ingengo y’imari ivuguruye (budget revision)ku buryo bukurikira:

Ingengo y’imari ivuguruye ingana na miliyali cumi n’imwe na miliyoni ijana na mirongo itatu n’umunani n’ibihumbi magana ane na mirongo itatu na bitanu na magana atatu na cumi n’atatu (**11,138,435,544 rwfs**) inama imaze kumva ibisobanuro birambuye byatanzwe n’umukozi ushinzwe ingengo y’imari (budget officer) afatanyije n’umugenga w’ingengo y’imariy’Akarere ka Ngoma(chief budget officer), abagize Inama Njyanama y’Akarere bize ku ngingo ku yindi barayemeza

a. Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n’Akarere angana na **1,574,272,240frw**.
b. Inama Njyanama yemeje amafaranga y’inkunga z’ubutegetsi bwite bwa leta angana na **6,862,056,973frw**.
c. Inama yemeje amafaranga y’izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta angana na **787,578,792frw**.
d. Inama Njyanama yemeje amafaranga y’abaterankunga angana na**771,346,479frw**.
e. Inama Njyanama yemeje amafaranga y’imishahara angana na **1,124,151,916frw**
f. Inama Njyanama yemeje andi mafaranga y’abafatanyabikorwa angana na**19,028,913 frw.**

370. Ku bijyanye n’amabaruwa yanditswe n’Abayobozi b’ibigo Nderabuzima bakurikira:

NDAYISHIMIYE Frederic Umuyobozi w’ikigo Nderabuzima cya ZAZA;

MUNYANEZA Etienne Umuyobozi w’ikigo Nderabuzima cya SANGAZA;

MUNYENGANGO Josue Umuyobozi w’ikigo Nderabuzima cya REMERA;

GASHANANA RAFIKI Ephrem Umuyobozi w’ikigo Nderabuzima NYANGE;

Banditse basaba kurenganurwa kuko Ubuyobozi bw’Akarere bwabandikiye amabaruwa basabwa kwishyura amafaranga bihembye, abitabiriye inama bashingiye kuri Raporo ya audit committee aho igaragaza ko urwego rwabageneye uyu mushahara (Coordination meeting) rudafite ububasha bwo kugena imishahara y’abakozi b’Akarere;

bashingiye ku cyemezo cy’Inama y’Abaminisitiri yo ku wa 30/05/2007 cyigena agahimbazamusyi (Prime)kivuga ko agahimbazamusyi katarenga 30% y’umushahara w’umukozi, kandi icyo aba bo bise agahimbazamusyi kijya kungana n’umushahara wa bo, hashingiye ku mwanzuro wa 9 w’Inama Njyanama y’Akarere yateranye ku wa 26/07/2013 hemejwe ko Abayobozi b’ibigo Nderabuzima bihaye imishahara bishyura.

371. Inama Njyanama yifuje ko umwanzuro yari yafashe ushyirwa mu bikorwa.

Ibaruwa yanditwe na UWIBAMBE Consolee na NKURAYIJA Marcel basaba kwegura ku myanya y'Abajyanama b'Akarere ka Ngoma, Inama Njyanama yemeye ubwegure bwabo bakazasimbuzwa nk'uko amategeko abiteganya.

372. Ku ibaruwa yanditswe na GAKUBA Jean Bosco asaba kurenganurwa ku masambu avuga ko ari aye atuwemo na G.S KABARE n'abandi baturage batuye mu mpande z'icyo kigo, hemejwe ko niba atarasaranganyijwe nk'abandi Banyarwanda batahutse bagasanga ubutaka bwabo bwaratanzwe yakwegera Ubuyobozi bw'Akarere bukamushakira aho kuba.

373. Ku bijyanye n'ibaruwa yanditswe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma busaba gusezerera burundu ku murimo abakozi b'Akarere batashoboye kugira amanota 60% mu isuzumabushobozi ry'ibikorwa by'umwaka wa 2012-2013. Abo bakozi bakaba ari :

- **KWISABA NYIRINKINDI Theophile** wagize amanota 58, 3% akaba ashinzwe Ubukungu, Imibereho Myiza n'Iterambere mu Kagari k'Akabungo Umurenge wa Mugesera.
- **MUSHIKAZI Janvier** wagize amanota 53,9% akaba ari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Mutenderi, Umurenge wa Mutenderi,
- **MUTWARE BYINSHI Albert** wagize amanota 57, 5 % akaba ashinzwe Imibereho Myiza y'abaturage mu Murenge wa Rukira na
- **MUKARUKUNDO Victoire** wagize amanota 54,8% akaba ari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera.

Hashingiwe ku iteka rya Minisitiri w'Intebe N$^{o}$ 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta, Inama Njyanama yemeje ko aba bakozi basezererwa ku mirimo yabo nta mpaka, nta n'imperekeza nk'uko itegeko ribigena.Ariko kuri MUKARUKUNDO Victoire hategerezwa irindi suzumabushobozi azakorerwa nk'uko byifujwe na Komisiyo y'Abakozi ba Leta yari yajuririye.

374. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakomeza bugakurikirana kandi bugakemura burundu ikibazo cya **NYIRABAHINZI Jacqueline** utuye mu Murenge wa Kibungo, Akagali ka Cyasemakamba Umudugudu w'Amarembo wandikiye Inama Njyanama atabaza kuko amazi ava ku nyubako z'isoko rya Kibungo amutera iwe akamusenyera.

375. Ku ibaruwa **NSENGIYUMWA Emmanuel** yandikiya Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko amazu amwe y'isoko rya Kibungo yubatswe mu kibanza cye kandi nta ngurane ahawe, ikindi kandi mu kubaka iryo soko abafundi bakaba baracukuye begerera cyane inzuye bikaba bigiye kuyiviramo gusenyuka. Hemejwe ko icyo kibazo cyakemurwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ku bufatanye na Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere.

376. Kubera hagaragaye ibikorwa bihungabanya umutekano nk'ubujura bwo kumena amazu…, hemejwe kandi hafatwa ingamba zikurikira : - Abayobozi b'inzego z'ibanze barushaho kwegera abaturage bakabakangurira gukora amarondo,

- Gukangurira Abayobozi b'inzego z'ibanze gukurikirana ko ayo marondo akorwa koko
- Kuzuza ikaye y'abinjira n'abasohoka
- Gukangurira abaturage kugira umuco wo gutabarana.
- Gukangurira abaturage gutanga amakuru ku gihe
- Kunoza imikoranire n'ubufatanye hagati y'inzego z'ibanze n'iz'umutekano.

Abajyanama bemeje ko gahunda y'igiti cy'ibisubizo ikorerwa hano ku Karere buri wa kane yagezwa no mu Mirenge kuko hari umusaruro wbonetse itanga ; bigakorwa neza kuko haba hari icyizere cy'uko nyuma byazagezwa mu Tugari no mu Midugudu.Hemejwe ko muri iyo gahunda haba hari Abajyanama b'Umurenge, Abavugarikumvikana n'abandi bashobora gutanga ibitekerezo.

377. Hemejwe ko umwiherero w'Abajyanam wazaba kuva ku wa 07-09/02/2014, ukazabera i Gihindamuyaga mu Karere ka Huye no mu rwego rwo kuhasura ngo Abajyanama barebe uko ako Karere kiteje imbere kandi kari inyuma nk'aka Ngoma.

378. Ku bijyanye n'ibaruwa **UWINGABIRE Christine** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa ku kibazo cy'umushahara yahembwaga kuva mu kwezi kwa kabiri 2011 kugeza mu kwezi kwa cumi na kabiri 2011 ajyanye n'impamyabumenyi ya A0 muri Gestion akaza guhagarara, ku bufatanye bw'ushinzwe Abakozi mu Karere n'umunyamategeko wako(Notaire), bashingiye ku itegeko No 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga Abakozi ba Leta mu ngingo za 3 mu gika cya 3 ;n'iya 5.Aho zerekana ibyitabwaho iyo umukozi agiye gushyirwa mu mwanya.Mu byitabwaho hakaba harimo urwego umukozi azaba arimo hamwe n'umushahara azahembwa.Bikaba bigaragara ko UWINGABIRE Christine ubwo yashyizwe mu mwanya ku rwego rwa 9.II bijyanye n'impamyabumenyi yari afite, kandi yari yasabye binyuze mu ipiganwa, bityo rero umukozi ntiyahemberwa A0 kandi afite affectation ya A2, n'iyo A0 afite idahuje n'ibisabwa.Ibyo bikaba bitagusha abantu mu makosa.Hashingiye na none ku ibaruwa ya Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo yo ku wa 19/01/2011 igaragaza ibyo umucungamutungo w'ikigo agomba kuba yarize, bigaragara ko ibyo Uwingabire Christine yize bitajyanye n'umwanya arimo.Hemejwe ko uyu mwanya washyirwa ku isoko abujuje ibisabwa bakawupiganira ntugume kubamo umuntu ibaruwa yavuzwe haruguru itabyemerera.

379. Ku ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma asaba ko Akarere kahabwa uburenganzira bwo gucunga no gukodesha imitungo itagira beneyo mu rwego rwo gukurikirana ko itagurishwa cyangwa ngo irigiswe mu buryo bitazwi, hemejwe ko Komite Nyobozi ikwiye gukora urutonde rw'iyo mitungo, aho ihereréye, ingano yayo, banyirayo

n'abayifite. Komisiyo y'Ubukungu ikazafatanya n'inzego z'Akarere zibifite mu nshingano bakabigenzura.

380. Ku birebana n'imbanzirizamushinga ku mafaranga y'ubutumwa n'ay'ingendo y'Abajyanama, hemejwe ibi bikurikirabukurikira:

1) Ku bijyanye n'amafaranga y'ubutumwa(frais de mission) n'ay'ingendo (frais de transport) y'Abajyanama, hemejwe ko bahabwa nk'ay'itegeko riteganyiriza Abayobozi;

   Perezida w'Inama Njyanama agahabwa nk'ahabwa Mayor naho abandi Bajyanama bagahabwa nk'ahabwa Abayobozi b'Akarere Bungirije n'Abayobozi b'Amashami ;

2) Abajyanama bimutse mu Turere babarizwamo kubw'impamvu z'akazi, bahabwa amafaranga y'ingendo hakurikijwe itegeko rya RURA ( Indemnite kilometrique);

3) Abajyanama b'Inama Njyanama z'Imirenge igihe batumiwe mu nama ku Karere bakwiye guhabwa amafaranga y'urugendo angana n'ay'Umujyanama w'Akarere uturuka muri uwo Murenge batorewemo;

4) Abajyanama b'Imirenge bakwiye guhabwa amafaranga y'ingendo mu gihe bakoze inama ziteganyijwe.

381. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba gufata umwanzuro ku Makoperative ane y'Abafite ubumuga yaterwa inkunga, hashingiwe kuri raporo y'Umukozi uhagarariye Abafite ubumuga mu Karere ka Ngoma, hemejwe ko haterwa inkunga Koperative zikurikira:

- **BAHAKABANDO** ikorera i Mugesera ikaba ihinga ibigori n'inanasi,

-**ABASANGIRANGENDO** y'i Kibungo ikaba ikora ubudozi bw'imyenda isanzwe n'ubw'imipira,

-**URUMURI HANDICAP** idoda imipira ikanabyigisha ikaba ari iy'i Rukira na

-**TWITEZIMBERE** y'I Rurenge ikaba yorora inzuki.

382. Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyafashwe cyo gutera ibiti by'imbuto ziribwa, hemejwe ko mu kwezi kwa Mata 2014 Abajyanama baterera ibiti by'imbuto ziribwa abaturage batuye mu Mudugudu w'icyitegererezo w'i Rukumberi, bityo buri Mujyanama agatanga umusanzu uhwanye n'amafaranga ibihumbi bitanu (5000frws) kugira ngo habashe kugurwa izo mbuto.

383. Ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba gufata umwanzuro ku hantu hazatuzwa Abanyarwanda birukanywe mu gihugu cya Tanzaniya, Inama Njyanama ishingiye kuri raporo yo kuwa 24/12/2013 yakozwe ubwo Umuyobozi w'Akarere, Umukozi ushinzwe Imibereho Myiza mu Karere n'Abakozi bashinzwe ubutaka mu Karere basuraga Umurenge wa Rukumberi Akagari ka Gituza ahari amazu ya Leta agizwe n'ibyumba 14 na

salles 3, hemejwe ko ayo mazu yaba acumbikiwemo abo Banyarwanda nyuma bakagenda bafashwa gusubira aho bari batuye abatahafite bakazafashwa gutuzwa nk'uko abandi Banyarwanda bose badafite aho batura bafashwa.

384. Hemejwe ko:

a) Abakozi bahagarariye Inama y'igihugu y'Abagore, Inama y'igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'igihugu y'Abafite ubumuga bajya batanga gahunda y'ibikorwa(Action plan) na raporo y'ibikorwa ku Nama Njyanama.

b) Uhagarariye Inama y'igihugu y'Abagore mu Karere ka Ngoma yagaragariza Inama Njyanama imicungire n'imikoreshereze y'umutungo wayo.

c)Komisiyo yifuje ko umutungo wInama y'igihugu y'abagore mu Akarere ka Ngoma wacungwa n'Akarere ariko ugakoreshwa mu bikorwa by'urwo rwego.

385. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bukurikirana ikibazo cy'ibirarane by'Abarimu bukabakorera ubuvugizi kugira ngo icyo kibazo kive mu nzira.

386. Ku bijyanye n'ibaruwa **MANIRAGUHA Theoneste** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa akaba yafashwa akishyurwa umwenda wo mu mwaka wa 2002 afitiwe n'Ishuri Ryisumbuye rya Mutenderi;nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi w'imari w'Akarere ka Ngoma iryo shuri rifitiye abaturage umwenda ungana n'amafaranga **69,727,294 frws**, hemejwe ko uyu MANIRAGUHA yaba ategereje mu gihe Ubuyobozi bw'Akarere buri gushakisha uko Iki kibazo cyakemuka.

387. Hashingiwe ku itegeko No 59/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18 mu gika cya 4 aho iyo ngingo isobanura ko ubutaka cyangwa imitungo ikorerwaho imirimo y'Iyobokamana ku buryo bwemewe n'Amategeko isonerwa imisoro iyo badakora imirimo ibyara inyungu, hemejwe ko ubutaka bwa Econamat Nyiricyubahiro Musenyeri atuyeho bwavanwa mu mitungo isabwa kwishyura imisoro bitewe n'uko ibikorwa bihakorerwa ntayindi nyungu bibyara.

388. Hemejwe ko umwenda wa Gorilland Safaris LTD wakurwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere, ariko hakagaragazwa n'impapuro zigaragaza ko Gorillas Safaris LTD ibyiyemerera.

389. Ku ibaruwa Family Business Group yandikiye Inama Njyanama isaba kurenganurwa ikishyurwa umwenda ungana n'amafaranga 11, 289, 500 rwfs iberewemo n'Imirenge ya Rurenge, Gashanda, Zaza, Rukumberi, Sake, Kazo na Karembo, hemejwe ko Family Business yakegera Ubuyobozi bw'Akarere bukayifasha muri icyo kibazo ikishyurwa.

390. Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mabwiriza agenga Transit Center Inama Njyanama yarayemeje.

391. Ku ibaruwa Bwana **MUNDERE Richard** yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa icyemezo cy'uko yabaye Umujyanama w'Inama Njyanama w'icyahoze cyitwa Umujyi wa Kibungo, hemejwe ko Mundere yakwegera Ubuyobozi bwa Komisiyo y'Amatora rukamuha icyemezo cy'uko koko yabaye Umujyanama w'ahavuzwe haruguru, icyo cyemezo kikaba cyashingirwaho n'Inama Njyanama imuha icyo asaba.

392. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bufatanije n'ubw'Umurenge wa Remera, nyuma yo gusuzuma; bwafasha **Nkiranuye J.Damascene** nk'uko yandikiye Inama Njyanama abisaba**,** kubona aho atura kuko avuga ko ubutaka yahoze atuyemo mu Murenge wa Remera bwahawe undi muturage mu gihe yari afunze.

393. Inama Njyanama yemeje urutonde rw'Abasora mu Karere ka Ngoma, bakaba ari ibihumbi bitatu na Magana atanu na mirongo itanu n'umwe (3551).

394. Inama Njyanama yemeje ko imodoka ipakiye ibikomoka kuri kariyeri yasora amafaranga igihumbi (1, 000 rwfs) kuri toni, naho bloc imwe y'umuceri igasoreshwa amafaranga ibihumbi bitatu.

### 3.4.2. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 18/02/2014

395. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, nk'uko byasabwe na Komisiyo y'Abakozi ba Leta, Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko Madamu MUKARUKUNDO Victoire Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera yasubizwa mu mwanya wa VUP kuko uwo arimo ubu atawupiganiye. Nyuma y'impaka ndende; uwo mwanzuro ukaba watorewe ku buryo bukurikira:

Abemeje ko yasubira muri VUP :16/19

Abifashe : 2/19

Abatemeje ko yasubizwa muri VUP:1/19

396. Inama Njyanama yemeje kandi ko yagezwaho raporo igaragaza abandi bakozi bagiye mu myanya mu buryo butubahirije amategeko.

### 3.4.3. Imyanzuro y'umwiherero wa gatatu w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuwa 28/02-02/03/2014

397. Ku bijyanye no kugeza Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere mu Mirenge, abari mu mwihererobemeje ko Komite Nyobozi igomba gukurikirana

uko imyanzuro y'Inama Njyanama igezwa ku baturage mu mirenge no mu tugali (niba ishyirwa ahagaragarira abaturage).

398. Bemeje kandi ko ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere bizajya bitangazwa kuri Radio izuba mu gihe byemejwe n'urwego rw'Intara, ibi bigakorwa na Komite Nyobozi.

399. Ku bijyanye n'imikorere y'Inama Njyanama zo mu mirenge, Abajyanama bagaragaje ko hari abadatumirwa mu nama z'imirenge batorewemo, bityo komite Nyobozi yasabwe guhwitura iyo mirenge kandi igashimira ababikora neza mu nyandiko

400. Ku bijyanye n'ibigo bya Leta bigaragaraho gucunga nabi umutungo wa Leta, abari mu mwiherero bemeje ko ibyo bigo bigomba gutumizwa ku karere bigatanga ibisobanuro imbere y'Inama Ngenzuzi (Audit committee) y'Inama Njyanama y'Akarere

401. Ku bijyanye n'imitegurire y'ibikorwa by'Inama Njyanama y'Akarere, abitabiriye umwiherero, basabye komite Nyobozi kurushaho kunoza uburyo Inama Njyanama itegurwa n'uburyo Abajyanama batumirwa, n'ibikoresho bya ngombwa bikenerwa mu mitunganyirize myiza y'inama

402. Nyuma yo gusura ibikorwa by'indashyikirwa Akarere ka Huye kagezeho, Abajyanama biyemeje kurushaho kwegera abaturage hagamijwe kubereka ko iterambere ry'Akarere ari iryabo mbere y'uko riba iry'ubuyobozi no korohereza abikorera ku giti cyabo kugira uruhare mu iterambere ry'Akarere n'ivugururwa ry'umujyi wa Ngoma.

403. Mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'Akarere ka Ngoma, Abajyanama basabye Komite Nyobozi guhuriza hamwe ba Rwiyemezamirimo hakorwa ubukangurambaga bakagaragarizwa umusaruro wava mu mahirwe Akarere gafite.

404. Mu rwego rw'ubufatanye mu iterambere ry'Akarere, inama yemeje ko Akarere kagirana amasezerano y'ubufatanye n'ibigo by'ubushakashatsi na za Kaminuza zikorera mu Karere ka Ngoma.

405. Mu rwego rw'ubuhahirane no kungurana inama kuri gahunda z'iterambere rirambye, hemejwe ko Akarere kagirana amasezerano y'ubufatanye n'utundi Turere haba mu Gihugu no hanze yacyo.

406. Mu rwego rwo gufasha abaturage batishoboye bafashwa na Leta (VUP,FARG….) kuva mu bukene, inama yafashe umwanzuro ko bashishikarizwa umuco wo kwizigamira

407. Murwego rwo guteza imbere umujyi wa Ngoma hemejwe ko ahatoranijwe kwagurirwa umujyi(i Gahima) hakorwa imihanda mu mwaka utaha wa 2014-2015. Ibi bikazatuma abaturage bitabira kuhubaka.

408. Ku bijyanye no gufata neza ibikorwaremezo no gukurikirana ibitararangiriye igihe, hemejwe ko Inama Njyanama izasura ibikorwaremezo byose byakozwe guhera mu mwaka wa 2006 kugeza 2014 ariko bikabanza kubarurwa

409. Ku birebana no gushyira abaturage bose mu biminaby'ubwisungane mu kwivuza, Abajyanama bemeje ko hakorwaubukangurambaga urugo ku rundi mu bafite intege nke zo kujya mu bwisungane mu kwivuzakandi Komite Nyobozi ikabikurikirana.

410. Mu rwego rwo gukura abaturage munsi y'umurongo w'ubukene, bemeje ko abaturage bo mu mirenge ya VUP bajyaga bahabwa amafaranga yo kwikenura bafashwa gukora imishinga iciriritse bibumbiye mu makoperative.

411. Mu rwego rwo guteza imbere ibyiciro byihariye, Abajyanama bemeje ko abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga bashishikarizwa kwihangira imirimo binyuze mu makoperative.

412. Abajyanama bemeje ko gahunda y'iterero ry'igihugu na ndi umunyarwanda zikomeza gutezwa imbere.

413. Abajyanama bemeje ko gahunda yo kubaka urwibutso rwa Kibungo na Rukumberi ishyirwamo ingufu.Komite Nyobozi ikabikurikirana.

414. Murwego rwo guteza imbere umuco na siporo, hemejwe ko hashyirwaho gahunda inoze yo gukurikirana uko siporo ikorwa mu bigo bitandukanye hasuzumwa ko amabwiriza yatanzwe yubahirizwa , kugenzura ingufu zishyirwamo niba zitanga umusaruro no gushyiraho uburyo bwo guteza imbere impano zigaragara mu duce dutandukanye tw'Akarere. Hemejwe kandi

ko ubuyobozi bw'Akarere bukurikirana imicungire y'ikipe ya Etoile de l'Est mu rwego rwo kuyiteza imbere.

415. Hemejwe ko bitarenze ukwezi kwa werurwe 2014, hazatahwa ku mugaragaro amashuri yubatswe muri gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 n'icumbi rya mwarimu.

416. Bimaze kugaragara ko hari ibigo bimwe bya Leta bisaba inguzanyo Akarere katabizi kandi kakaregwa iyo bitishyuye, Abajyanama bemeje ko ibyo bigo bikurikiranwa kandi buri bigo bya Leta bikandikirwa bimenyeshwa ko bitemerewe kwaka inguzanyo izo arizo zose bidahawe uburenganzira n'Akarere.

417. Murwego rwo gusakaza ikoranabuhanga (TV penetration) mu tugali, Abajyanama bemeje ko buri kagali kagira Televiziyo rusange yakohashakwa ubushobozi n'inkunga ku bwitange bw'abaturage n'abafatanyabikorwa.

418. Ku bigo bya leta bifite amashanyarazi ya EWSA n'akomoka ku mirasire y'izuba, Abajyanama bemeje ko ibyo bigo byakoresha amashanyarazi ya EWSA gusa ,imirasire igahabwa ibindi bigo bya Leta bidafite amashanyarazi uretse ibigo nderabuzima kuko bikenera umuriro uhoraho mu mikorere yabyo.

419. Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abaturage, hemejwe ko buri mu murenge ugomba gutanga buri kwezi raporo y' imanza zarangijwe n'inkiko n'izitararangizwa kandi hagakurikiranwa gahunda y' "igiti cy'ibisubizo" (umunsi wihariye Umuyobozi mu nzego zinyuranye yakira ibibazo by'abaturage) mu mirenge no mu tugali.

420. Mu gutanga serivise nziza , Abajyanama bemeje ko imurikabikorwa (Open Day) ku rwego rw'Akarere rizajya riba kabiri mu mwaka naho ku rwego rw'Umurenge rikaba buri gihembwe.

421. Murwego rwo gucunga umutekano w'abaturage no gutanga serivisi nziza, Abajyanama bemeje ko buri mukuru w'umudugudu atunga telephone itishyurwa (Closed users group) kugira ngo abashe gutanga amakuru y'ibyabereye mu mudugudu ku nzego zose bireba kandi ku gihe.

422. Murwego rwo gushishikariza abaturage gutabarana , abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi itegura umushinga w'amabwiriza yihariye yo guhana utatabaye mugenzi we kuko byagaragaye ko hari urugomo rukorwa abantu barebera. Aya mabwiriza akazemezwa n'Inama Njyanama.

423. Murwego rwo kunoza neza igikorwa cy'umuganda, abajyanama bemeje ko komite nyobozi izajya itegura gahunda y'umuganda buri gihembwe bikamenyeshwa abaturage mbere kandi ibigo binini bigashakirwa aho bikorera umuganda hihariye (INATEK, IPRC, KSNM, OPEN UNIVERSITY OF TANZANIA, AKARERE, RADIO IZUBA, EWSA, IBITARO, BANKS ETC).

424. Mu guteza imbere imikorere n'imikoranire (communication and collaboration) hagati ya Nyobozi y'Akarere , Abajyanama n'abakozi b'Akarere Abajyanama bemeje ko byanozwa hakurikijwe ibyo amategeko ateganya

425. Ku bijyanye n'ibibazo byinshi bishyikirizwa Inama Njyanama bikayibuza umwanya uhagije wo gutekereza ku iterambere ry'Akarere, abari mu mwiherero bamaze gusobanurirwa ibyo itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage riteganya,bemeje ko ibibazo bishobora kurangizwa na Komite Nyobozi, Imirenge, Utugali cyangwa se mu Midugudu bitarinze kuzanwa mu Nama Njyanama y'Akarere.

426. Hemejwe ko mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko rivugwa haruguru, mu bagize Inama Njyanama hagomba kongerwamo uhagarariye abikorera mu Karere no gusimbura abajyanama basezeye.

427. Mu rwego rwo kuzuza audit committee y'Inama Njyanama y'Akarere, hatowe bwana KARASIRA Jean Claude na Madame MUKANKUNZI Pelagie basimbuye Bwana NKURAYIJA Marcel na Madame UWIBAMBE Consolée basezeye mu Nama Njyanama.

428. Murwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa by'Akarere hemejwe ko ubuyobozi bwako bugirana amasezerano yanditse na ADECO (Radio Izuba) hakajya hanyuzwaho ikiganiro cy'Akarere buri cyumweru.

429. Inama Njyanama yemejeko hagomba gushyirwaho gahunda y'uko yajya iteranira mu mirenge igize Akarere aho guhora iteranira gusa ku cyicaro cyako. Ibi bikazakorwa murwego rwo kurushaho kwegera abaturage.

430. Hemejwe ko inzego zose zigize Akarere zigomba kujya zubahiriza indangagaciro y'igihe mu ikorwa ry'inama kandi Inama Njyanama ikaba intangarugero mu kubyubahiriza.

### 3.4.4. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 05/04/2014

431. Hemejwe ko mu rwego rw'Akarere ka Ngoma, gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 20 yatangirira mu Murenge wa Remera ikazasorezwa mu Murenge wa Rukira.

Hemejwe kandi gahunga yihariye yo kwibuka mu Mirenge ku buryo bukurikira :

| **No** | **Umurenge** | **Itariki y'ijoro ryo kwibuka** | **Itariki y'umuhango wo gusoza** |
|---|---|---|---|
| 1. | Jarama | 09/04/2014 | 13/04/2014 |
| 2. | Gashanda | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 3. | Karembo | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 4. | Mugesera | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 5. | Zaza | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 6. | Kazo | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 7. | Murama | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 8. | Rukira | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 9. | Rurenge | 12/04/2014 | 13/04/2014 |
| 10. | Rukumberi na Sake | 13/04/2014 | 14/04/2014 |
| 11. | Kibungo | 14/04/2014 | 15/04/2014 |
| 12. | Remera | 14/04/2014 | 15/04/2014 |
| 13. | Mutenderi | 16/04/2014 | 17/04/2014 |

432. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba gukemura ikibazo cya MANIRAKIZA Athanase n'ishyirahamwe Twisungane wanditse mu izina ry'iryo shyirahamwe asaba kurenganurwa, kuko avuga ko bari barahawe urwuri rwo kororeramo mu Murenge wa Remera, ubu hakaba haratewe ibiti na polisi. Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana iki kibazo mu mizi ikagenzura ko koko iri shyirahamwe ribaho atari umuntu ku giti cye, ko ryaba rifite imbyangombwa, ko urwo rwuri rwigeze kubaho, nyuma bikazashyikirizwa Inama Njyanama ikabifataho umwanzuro.

433. Ku ibaruwa KAYIJUKA Gaspard wo mu Mudugudu wa Kiyanja, Akagari ka Rugese, Umurenge wa Rurenge, yandikiye Inama Njyanama asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka n'inzu yatijwe agitahuka ava Tanzaniya mu mwaka wa 2007, hemejwe ko hifashishijwe raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yo kuwa 31/01/2012, kandi hagashingirwa ku myanzuro y'Inama Njyanama yo ku wa 02/05/2012 mu ngingo yayo ya 7, abaturage bose bari batijwe ubutaka n'amazu hariya havuzwe haruguru, bahabwa uburenganzira bwo kwibaruzaho iyo mitungo bari batijwe ntibibe uriya KAYIJUKA gusa.

434. Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'imitangire ya serivisi mu Karere, hemejwe ko hifashishijwe Komisiyo zayo, Inama Njyanama y'Akarere yagena gahunda yo gusura serivisi zitandukanye zitangirwa mu Karere.

435. Mu rwego rwo kunoza ishyingurwa ry'inyandiko, hemejwe ko Umunyamabanga Uhoraho w'Inama Njyanama yajya akorera buri Komisiyo Kopi z'amabaruwa yizwe, zigashyingurwa muri buri Komisiyo.

436. Hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana kandi igakemura ikibazo cy'abakozi binjiye mu kazi mbere ya 2006 kugeza ubu bakaba badafite inzandiko zibashyira mu kazi.

437. Ku kibazo cya G.S Muzingira imaze igihe idafite Umuyobozi n'uhari by'agateganyo akaba afite imikorere idahwitse, hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana iki kibazo ikagikemura mu gihe kitarenze iminsi 7.

438. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakemura ikibazo cy'uwahoze ari Umuyobozi w'icyahoze ari ETO Kibungo, bumushakira indi mirimo kuko ubu ahembwa adakora.

439. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwakihutisha gahunda yo gushyikiriza imperekeza abahoze ari abakozi b'ako Karere bagiye mu kiruhuko cy'iza bukuru nk'uko izo mperekeza bazemerewe mu muhango w'imurikabikorwa wabereye ku biro by'Akarere ka Ngoma ku wa 26/09/2013.

440. Ku birebana n'umwanzuro wa 16 w'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 24/01/2014 ujyanye na gahunda yari yateguwe y'uko abagize Inama Njyanama, mu rwego rwo guteza imbere no kongera ibiti by'imbuto ziribwa, mu Kwezi kwa Mata bazaterera ibiti abaturage bo mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Rukumberi, hemejwe ko iyo gahunda yabanza kunononsorwa neza na Komisiyo y'Imibereho Myiza harebwa ubuso bwaterwaho ibiti bagateganya n'umuti wo kubitera.

441. Mu rwego rwo kugirango ibigo byakorewe igenzura (audit) bibashe gukosora amakosa yagaragaye, hemejwe ko ikigo cyakorewe igenzura cyajya gihabwa raporo y'iryo genzura mu gihe kitarenze ukwezi.

442. Hashingiwe kuri raporo y'ubugenzuzi (audit) bwakorewe Ikigo Nderabuzima cya Kibungo, G.S Gituza na E.S.Mutenderi, hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana abagiye bagaragarwaho n'amakosa atandukanye nk'uko izo raporo zibigaragaza bagakurikiranwa ku makosa baregwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe y'imyanzuro y'inama isanzwe ya Komisiyo y'ubugenzuzi ( Audit committee) yo kuwa 21 Werurwe 2014.

443. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko hafatwa umwanzuro w'uko hakishyurwa umwenda ungana na miliyoni mirongo itandatu n'icyenda n'ibihumbi magana arindwi na makumyabiri na birindwi na magana abiri na mirongo icyenda n'ane (**69,727,294 rwfs**) E.S Mutenderi ibereyemo ba Rwiyemezamirimo batandukanye, nk'uko bigaragazwa na raporo y'igenzura ryakorewe iryo shuri bikanagaragazwa n'imyanzuro ya Komisiyo ya Audit Committe mu nama yayo isanzwe yateranye kuwa 21 Werurwe 2014, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwagena uko uwo mwenda wakishyurwa hanyuma bugasigara bukurikirana abagize uruhare mu micungire mibi y'umutungo w'iryo shuri rya E.S Mutenderi.

444. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko uwitwa INGABIRE Jean Luc yahabwa ingurane y'ubutaka ingana na m 60/m 80 isimbura ubutaka bwe bungana na m 30/m 40 yatanze ngo bwubakwemo ibiro by'Akagari ka Giseri, mu Mudugudu wa Rwambohero Umuurenge wa Gashanda, hemejwe ko ubwo butaka bwombi bwabanza bugasurwa n'abagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ku bufatanye n'Ushinzwe Ubutaka mu Karere, hashingiwe kuri raporo bazakora hakabona gufatwa umwanzuro.

445. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko hakuzuzwa akanama k'ubujurire kigenga mu rwego rw'Akarere, nk'uko biteganywa n'itegeko no 12/2007 rigenga amasoko ya Leta ryo kuwa 27/03/2007 mu ngingo ya ryo ya 21, hemejwe ko ku rwego rw'Akarere ka Ngoma ako kanama k'ubujurire kaba kagizwe n'aba bakurikira :

   1. Bwana KIMENYI Emmanuel : Ushinzwe ubwubatsi
   2. Bwana NDAMAGE Silas : Impuguke mu masoko
   3. Madamu MUKASHYAKA Peace :Impuguke mu masoko
   4. Madamu NIBEZA Rose :Impuguke mu masoko
   5. Pasiteri MARARA :uhagarariye Sosiyete Civile
   6. Bwana MUTABAZI Egide : Ushinzwe ubukungu
   7. Bwana Kamarade :Ushinzwe Ubutabera

446. Ku ibaruwa MUKARWEGO Josephine yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa ku gutanga ubukode bw'ubutaka atuyemo kuko atishoboye, hemejwe ko uyu MUKARWEGO yazana ibyangombwa bigaragaza icyiciro cy'ubudehe arimo bikaba byashingirwaho mu gufata umwanzuro.

447. Ku ibaruwa abaturage b'i Rukumberi bandikiye Inama Njyanama basaba guhabwa ibyangombwa bya burundu ku butaka baguraniwe ku bwabo bwari ku nkengero z'ikiyaga cya Mugesera, hemejwe ko Komite Nyobozi yashingira ku mwanzuro w'Inama Njyanama watanze ubwo butaka ikabaha ibyo basaba.

448. Ku ibaruwa itorero KINGDOM FELLOW SHIP CHURCH ryandikiye Inama Njyanama risaba ubutaka bwo kubakamo urusengero mu Mudugudu wa Kacyiru, Akagari ka Mahango Umurenge wa Kibungo, hashingiwe kuri raporo y'ibiro by'ubutaka mu Karere ka Ngoma, nyuma yo kureba ibiteganywa n'itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda, hashingiwe kandi ku mabwiriza ya Minisitiri w'umutungo Kamere, hemejwe ko iri Torero ritahabwa ubutaka risaba bwo kubakamo urusengero, rikaba rigirwa inama yo kwigurira.

449. Hashingiwe ku ibaruwa yo kuwa 04/04/2014, Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza umushinga wo kwegurira abikorera amahoro, uwo mushinga wemejwe.

450. Hemejwe ingurane y'amasambu yahawe abana b'imfubyi za Genoside yakorewe Abatutsi mu butaka bwa Leta buri mu Karere ka Ngoma. Urutonde n'igishushanyo-mbonera cy'ayo masambu bikaba bigaragara ku mugereka w'ibaruwa yo ku wa 04/04/2014 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza izo ngurane.

451. -Mu rwego rwo kugabanya ikibazo cy'imirire mibi, binyujijwe mu kwigisha abaturage bibumbiye mu Makoperative, hifashishijwe kandi amashuri y'ubuhinzi mu murima, hemejwe umushinga wo guhinga no gutubura imbuto, ku bufatanye bw'Akarere ka Ngoma n'ishuri rya INATEK.Uwo mushinga ufite agaciro k'amafaranga miliyoni mirongo itanu n'umunani n'ibihumbi magana abiri na mirongo itandatu na bitatu na magana atatu na mirongo inani n'atatu (**58,263,383 rwfs**) azatangwa na MINAGRI.

-Hanemejwe amasezerano y'ubufatanye hagati y'Akarere n'ishuri rya INATEK muri uwo mushinga wavuzwe haruguru.

452. Ku ibaruwa HANGUMURIMO COOPERATIVE KAZO (HCK/Kazo), yandikiye Inama Njyanama isaba gufashwa kongera gukora kuko yari yahagaritse imirimo yayo kubera ikibazo kimaze iminsi ifitanye n'umuturanyi w'aho ikorera, hemejwe ko iyi Koperative yabanza gusurwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, Ushinzwe ibidukikije mu Karere, Ushinzwe Amakoperative Ushinzwe Imiyoborere Myiza, n'Uhagarariye Ingabo nyuma hagafatwa umwanzuro.

453. Ku ibaruwa NSENGIYUMVA Emmanuel yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa ngo kuko hari amazu ye yasenyewe ahubatswe isoko rya Kibungo akaba hari aho ataherewe ingurane kandi ngo n'aho yubatse isoko ryaramusatiriye akaba afite impungenge ko inzu ye izasenyuka, hashingiwe ku mwanzuro w'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa

24/01/2014 mu ngingo yayo ya 8, abagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafatanije n'ushinzwe biro y'ubutaka baramusuye.Nk'uko bigaragazwa na raporo y'iyo Komisiyo, hemejwe ko Abatekinisiye babishinzwe bajya gupima aho Nsengiyumva avuga ko ari ahe kugirango barebe ibipimo avuga ko ubutaka bwe bwari bufite bifite ishingirokoko.

Hemejwe ko aho bacukuye habangamira inzu ya Nsengiyumva hakubakwa amabuye yo kuharinda kuko imirimo yo kubaka n'ubundi itararangira.

454. Ku ibaruwa MUSABYEMARIYA Bonnette yandikiye Inama Njyanama asaba kuzamurwa mu Ntera agahabwa umushahara wo ku rwego A0. Ushinzwe Uburezi mu Karere yagaragaje ko kugirango umukozi wahemberwaga A2 ahemberwe A0 bisabako adepoza dosiye agasaba nk'abandi. Hemejwe ko MUSABYIMANA Bonnette yagirwa inama ko yazasasaba nk'abandi umwaka ubutaha.

455. Inama Njyanama yakiriye indahiro z'Abajyanama bashya ari bo : -ISABWE Vedaste uhagarariye abikorera mu Karere ka Ngoma nk'uko bigenywa n'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe mu ngingo yaryo ya 126. -MUHAWENIMANA Vestine wasimbuye Umujyanama UWIBAMBE Consolee, akaba yaratorewe mu Murenge wa Rukira, akaba ahagarariye 30%.

### 3.4.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 27/06/2014

456. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragarije Abajyanama ingengo y'Imali y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015 aho ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari cumi n'imwe na miliyoni magana atanu na mirongo ine n'indwi n'ibihumbi magana atatu na makumyabiri n'icyenda n'amafaranga magana arindwi na mirongo itatu n'ane (**11,547,329,734 frw**) yasobanuye ko ku ngengo y'Imali y'uyu mwaka hiyongereyeho **2,3%** ku y'ubushize. Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragaje kandi ko amafaranga yose azakoreshwa mu ngingo eshanu zigize ingengo y'Imali y'Akarere, Abagize Inama Njyanama y'‘Akarere ka Ngoma bemeje;

1° Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n'Akarere anganana (**1,152,328,759 frw)**

**2°** Inama Njyanama yemeje amafaranga aturuka ku nkunga z'ubutegetsi bwite bwa Leta angana na (**9,131,015,141,frw**).

**3°** Inama Njyanama yemeje kandi amafaranga y'izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta angana na (**586,993,868 frw**)

**4°** Inama Njyanama yemeje amafaranga aturuka mu baterankunga angana na (**676,990,966Frw**)

**5°** Inama Njyanama yemeje amafaranga ari kuri konti z’Akarere mu ntangiriro y’umwaka angana na **(122,650,626 frw)**.

Hamaze kugaragazwa ingengo y’imari iteganijwe muri uyu mwaka wa 2014-2015 hatanzwe umwanya wo kungurana ibitekerezo.

Habajijwe ikibazo ku bijyanye na moto zari zarahawe abari abakozi b’icyahoze ari Amakomini, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akarere ka Ngoma akaba yarasobanuye ko izo moto abari barazihawe bazishyuye amafaranga akajya kuri konti za RRA (Rwanda Revenue Autority) nyuma bagakoresha uko bashoboye agashyirwa kuri konti z’Akarere.

Yanasobanuye ko ariko hari abazihawe 2 batararangiza kwishyura ufite umwenda munini ni uwitwa GASAFARI wakoraga mu cyahoze ari Mirenge uwo mwenda ni uw’ibihumbi mirongo itanu na bitatu (**53,000 rwfs**) ariko bikaba biri gukurikiranwa ngo uwo mwenda wishyurwe.

Habajijwe ikibazo cya gahunda y’ibijyanye n’imikino itagenda neza kubera iba itagenewe amafaranga, aha hasobanuwe ko Ubuyobozi bw’Akarere butabyirengagije ko ari uko ibyifuzo biba byabaye byinshi ugereranije n’ubushobozi bw’Akarere.

Hagarutswe kandi ku kibazo cy’amadeni ya ba Rwiyemezamirimo bubatse amashuri ya 9 na 12 YEB aho Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akarere yasobanuye ko bikiri ikibazo kuko uruhare rw’abaturage ubu ari ruke ugereranije n’agaciro k’ibikorwa biba bihenze.

Habajijwe niba nta busumbane buba mu kugenera Imirenge amafaranga ibikorwa, aha hasobanuwe ko nta busumbane bubaho kuko harebwa ibikorwa by ‘iterambere muri rusange hose hagasaranganywa ku bufatanye n’inzego zose bireba kandi hagashingirwa kuri DDP.

Hifujwe kandi ko Inama Njyanama yategurirwa presentation yihariye igaragaza aho ibikorwa bya DDP bigeze.

Ku birebana n’ibijyanye no kwita ku burezi bw’abakuze ndetse n’abana bafite ubumuga hagaragajwe ko hari uburyo bwateganijwe bwo kubitaho nk’uko bisanzwe bikorwa ko ariko ubushobozi bukiri buke ugereranije n’ibyakagombye gukorwa ndetse hanakomeza kurebwa ko nta bacikanywe.

Habajijwe niba hari icyo Ubuyobozi bw’Akarere buteganya ku kunganira muri gahunda yo kugaburira abana bo muri 9na 12 YEB, basobanuye ko ntacyo bahinduraho ko kugeza ubu bisaba uruhare rw’ababyeyi hifashishijwe uburyo buboroheye byaba gutanga amafaranga cyangwa ibiribwa.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo Umuyobozi Wungirije wa LODA Bwana SIBOMANA Saidi yafashe ijambo aho yibukije ko buri Mujyanama agomba kuzamura ibitekerezo by'abaturage ahagarariye kuko ari nabo bagenerwabikorwa.

Yagiye inama avuga ko budget idakwiye gusaranganywa Imirenge aho buri Murenge uhabwa udufaranga duke ko ahubwo ibyiza ari uko yakoreshwa ahantu hake hagatezwa imbere ahandi hakazagenda hagerwaho uko ibihe bikurikiranye.

Yagarutse kuri DDP asaba ko Komite Nyobozi yakora identification y'ibikorwa harebwa aho Akarere kageze tunibaza aho tuzaba tugeze muri 2018, hakibazwa kandi ku mpamvu zituma Umujyi wa Ngoma udatera imbere nk'indi migi y'Uturere.

Yasabye ko ibirarane byose by'abakozi b'Akarere ka Ngoma byabarurwa bakabimushyikiriza akabikurikirana bityo abakozi bakazajya bakora banezerewe.

Umuyobozi wa MINECOFIN Madamu RWIGAMBA Jeannette yifuje ko muri budget itaha hajya hifashishwa MTF, kandi ko igihe cyose haba hari ubufasha bakeneye muri budget bakiyambaza MINECOFIN ikabafasha.

457. Inama Njyanama yemeje kandi urutonde rw'abasora mu mwaka wa 2014-2015 naho ku bijyanye no kwemeza ibiciro by'ubukode Inama Njyanama yemeje ko byakorwa uko byari bisanzwe, bikazasuzumwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bikabona gushyikirizwa inama isanzwe y'Inama Njyanama itaha.

Hamaze kunozwa inyandiko irebana n'ingengo y'Imari, yashyizweho umukono na Perezida w'Inama Njyanama Bwana **RWAMURANGWA Stephen** n'Umujyanama MUREKATETE Judith uhagarariye Umunyamabanga w'Inama Njyanama Madamu **UMUTONIWASE Claudine** utarabashije kuboneka ishyikirizwa Umugenga w'Ingengo w'Imari **Bwana MUZUNGU Gerald.**

### 3.4.6. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 01/08/2014

458. Ku kibazo cya INGABIRE Jean Luc utuye mu Murenge wa Gashanda Akagari ka Gisenyi watanze ikibanza ahubatswe ibiro by'Akagari, ubutaka yahaye Umurenge bavuga ko bungana na m30 kuri 40, Umurenge umwemerera kumuha ingurane y'ubutaka bungana n'ubwo yatanze bamukubiye kabiri kuko ubwo yatanze buri ku muhanda kandi harimo urutoki, Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bari kumwe n'Ushinzwe iby'ubutaka basuye ubwo butaka nk'uko byari byemejwe n'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 05/04/2014 mu ngingo ya yo ya 14, basanga :

- Ubutaka yatanze bavugako bungana na m30kuri 40 bushobora kuba bungana na m30 kuri 20,

459. Ubutaka bifuza kumuha nk'ingurane buteyeho ishyamba rigeze igihe cyo gusarurwa bityo bukaba bufite agaciro karuta kure ubwo yahaye Akagari, bityo Inama Njyanama yemeje ko abatekinisiye bakwiye kugena agaciro k'ubutaka INGABIRE Jean Luc yatanze bitarenze ukwezi kwa Kanama 2014 maze INGABIRE Jean Luc agahabwa ingurane mu mafaranga cyangwa agahabwa ubundi butaka butarimo ishyamba bufite agaciro nk'ako ubutaka yatanze

460. Ku birebana n'ikibazo Koperative Hangumurimo ifitanye na GASASIRA Theoneste aho uyu avugako imashini z'iyi Koperative zisakuza anabasaba ko bakimuka, nyuma y'uko uyu Gasasira yanze gushyira mu bikorwa umwanzuro wavugaga ko iyi Koperative yamukodeshereza aho kuba mu gihe bagishakisha ubushobozi bwo kumugurira akimuka, iyi Koperative yandikiye Inama Njyanama isaba ko yakomeza gukora kuko yari yahagaritswe, hemejwe ko hakomeza kubahirizwa umwanzuro w'itsinda ry'Abayobozi bagiye gukemura iki kibazo uwo mwanzuro ukaba warasabaga ko Koperative Hangumurimo yakodeshereza inzu GASASIRA Theoneste kugeza igihe ahabwa ingurane y'inzu ye akimuka.

461. Ku birebana n'ibaruwa no 1486/07.05.06 Komite Nyobozi yandikiye Inama Njyanama isaba gusesengura no gufata icyemezo ku gishushanyo cy'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere ka Ngoma mu mwaka wa 2013-2017, kerekana imiterere y'ubutaka n'icyo bugenewe gukoreshwa, hemejwe ko Abayobozi mu nzego z'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere ka Ngoma bacyunguranaho ibitekerezo mu rwego rwo kunoza uwo mushinga hitabwa ku guhuza icyo gishushanyo n'izindi genamigambi z'igihe giciriritse Akarere gasanganywe ( DDP, MTEF…), hagasobanurwa neza imikoreshereze ya buri gishanga, hagahuzwa imikoreshereze y'ubutaka buhanamye na Politike y'ubuhinzi ku butaka buhanamye, hakifashishwa abatekinisiye b'ikigo cy'igihugu cy'ubutaka na biro y'ubutaka y'Akarere bikazashyikirizwa inama y'Inama Njyanama itaha ikabifataho umwanzuro.

462. Nyuma y'isuzumabikorwa mu iterambere ry'Akarere by'umwaka wa 2013-2014, aho byagaragaye ko ibikorwa biri ku rugero rushimishije hemejwe ko mu rwego rwo kurushaho kubinoza hakitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kwerekana neza ibyagezweho mu mibare.
- Kongera imbaraga mu gushishikariza abahinzi gukoresha ifumbire no guhingira ku gihe.
- Kongera ubuso bw'ahateganywa guhingishwa imashini.
- Gushishikariza abaturage bahawe amashanyarazi kuyakoresha.
- Kongerera Koperative amahugurwa no kugenzura imikoreshereze y'umutungo wazo.
- Kwegereza abaturage ibigega by'imari (BDF..) kandi bakayihabwaho amakuru ahagije.

Nyuma yo kugaragarizwa raporo y'amahugurwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu "strategic planning na budgeting" yahawe na RGB hemejwe ko :

- Imishinga ijya mu ngengo y'imari igomba gushingira ku byifuzo byatanzwe n'abaturage bigakusanyirizwa ku Tugari bikoherezwa ku Mirenge mu nyandiko, ibyavuye mu Mirenge bigakurwamo ibiri mu byihutirwa mu nyungu rusange z'Akarere.
- Hakurikijwe ingengabihe y'itegurwa ry'ingengo y'imari Komite Nyobozi igomba gukora ingengabihe igaragaza uko intambwe mu itegura ingengo y'imari bizajya biganirwaho n'Inama Njyanama Njyanama y'Akarere bitarenze 15 Nyakanga.
- Umushinga w'ingengo y'imari ugomba kujya wunguranwaho ibitekerezo mu mwihero wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'urwego tekinike nibura iminsi ibiri mbere y'uko ushyikirizwa Inama Njyanama ngo iwemeze.

463. Ku ibaruwa Itorero ry'Abalutheri ry'u Rwanda (LCR) ryandikiye Inama jyanama risaba ubutaka bwo kubakamo urusengero mu Kagari ka Mvumba Umurenge wa Murama, hashingiwe ku ri raporo y'Umukozi w'ibiro by'ubutaka mu Karere ka Ngoma, nyuma yo kureba ibiteganywa n'itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda, hashingiwe kandi ku mabwiriza ya Minisitiri w'Umutungo Kamere, hemejwe ko iri Torero ritahabwa ubutaka risaba bwo kubakamo urusengero, rikaba rigirwa inama yo kwigurira.

464. Ku birebana n'ibaruwa **no1490/07.05.06** yo ku wa**21/07/2014**, Komite Nyobozi yandikiye Inama Njyanama isaba gusuzuma no kwemeza ibiciro bitandukanye by'ubukode bw'ibikorwa remezo, ibyo biciro byemejwe ariko hemezwa ko resto-bar Kibungo yakodeshwa ibihumbi Magana atatu (300, 000 rwfs) ariko ikabanza gupiganishwa.

465. Ku ibaruwa Koperative y'Aborozi b'amafi ba Karembo bandikiye Inama Njyanama basaba gutizwa ubutaka igihe kirekire, hemejwe ko batabutizwa kuko hari amabwiriza mashya ahagarika kororera amafi mu bishanga.

466. Nyuma yo kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza igaragaza ibyavuye mu isura yakoreye abaturage bo mu Murenge wa Mutendeli aho hasanzwe ibibazo bikurikira:

a) Ibibazo biri mu irangamimerere

- Ukudahabwa ibyangombwa by'irangamimerere ku basezeranye bakiri mu mahanga.
- Ukudahabwa ibyangombwa by'irangamimerere ku basezeranye mbere y'umwaka wa 2006 kuko ibitabo banditsemo byabuze.
- Ukudahabwa ibyangombwa by'irangamimerere kw'abasezeranye mu kivunge bakaba batarateye ibikumwe mu bitabo.
- Ukudahabwa ibyangombwa by'irangamimerere ku basezeranye kuko batateye ibikumwe mu bitabo.
- Ukudahabwa ibyangombwa by'irangamimerere ku basezeranye ariko Abayobozi bakaba batarigeze bashyira umukono wabo mu bitabo.

Kuri ibi bibazo by'irangamimerere, Inama Njyanama yemeje ko kimwe n'ahandi hose bigaragara Komite Nyobozi ifatanije n'Ubuyobozi bw'Imirenge na MAJ bafasha aba baturage hakurikijwe icyo amategeko ateganya.

b) Ku kibazo cy'abaturage b'Akagari ka Kibare mu Murenge wa Mutenderi bifuza Poste de Santé, hemejwe ko Umurenge wa Mutenderi wakangurira abaturage kugaragaza uruhare rwabo mbere yo gushaka inkunga ubwo buyobozi bukabikangurira n'abikorera.

Ku birebana ibaruwa ishyirahamwe amie de la nuture ryandikiye Inama Njyanama risaba kurenganurwa ku mwenda ikigo Nderabuzima cya Mutendeli kirifitiye ku mirimo bayikoreye ariko hakaba hatagaragara amasezerano ( contract) bagiranye, hemejwe ko Ubuyobozi bw'icyo kigo Nderabuzima bwakwemeza ibyakozwe n'agaciro kabyo hanyuma bigashyikirizwa Umunyamategeko w'Akarere akajya inama ku cyakorwa bikazafatwaho icyemezo mu nama y'Inama Njyanama itaha.

Ku birebana n'ingo zibanye nabi hirya no hino mu Karere bikaba bidindiza iterambere n'uburere bw'abana babo, Inama Njyanama hemejwe ko Abayobozi bw'Imirenge, Utugari n'Imidugudu bakora urutonde rw'izo ngo hagashyirwaho n'uburyo buhamye bwo kuzigira inama, Komite Nyobozi igakurikirana uko izo nzego zavuzwe haruguru zibishyira mu bikorwa.

467. Ku ibaruwa Bwana NKUBITO Jean Pierre yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahabwa isambu iri i Sangaza, iyo sambu ikaba ari iya Leta we akavuga ko yayigabiwe n'umuryango wa Mutembe na MUKARUGAMBA Emelithe avugako ari Sekuru , hemejwe icyo kibazo cyasubizwa muri Komisiyo y'Imiyoborere Myiza kikigwaho ku bufatanye n'Umunyamategeko w'Akarere hanyuma Inama Njyanama ikazabona kugifataho icyemezo.

468. Nk'uko byasabwe na Komite Nyobozi mu ibaruwa no **1407 /07.05.06** yo ku wa **11/07/2014**, Inama Njyanama yasesenguye kandi yemeza amabwiriza y'Abakozi bo mu ngo.

Komisiyo y'Imibereho Myiza yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'isura Abajyanama b'iyo Komisiyo bakoreye ibigo by'amashuri, ibitaro bya Kibungo, Imidugudu y'icyitegererezo uwa Rukumberi n'uw'i Remera.

Hemejwe ko bitarenze uku kwezi kwa Munani Komite Nyobozi yafasha imbago z'ibitaro Bikuru bya Kibungo zikaba zamaze gushyirwaho n'Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro akabikurikirana.

469. Ku birebana n'ibaruwa no **1476 /07.05.06** yo ku wa **18/07/2014** Komite Nyobozi yandikiye Inama Njyanama iyimenyesha ikirego umuryango wa Gakwaya Faustin iregamo Akarere ka Ngoma ku kibazo cy'isambu uvugako wasize mu mwaka wa 1061 ubwo uwo muryango wavaga mu gihugu uhunze, Inama Njyanama imaze gusuzuma ikirego umuryango wa Gakawaya Faustin urega Akarere ka Ngoma n'ibaruwa N$^{o}$**477/07.05.01** yo kuwa 9

Nyakanga 2014, Umuyobozi w'intara y'Iburasirazuba yandikiye Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma ku kibazo cy'uwo muryango uhagarariwe na Rwigamba Clément, abari mu nama bemeje ko hatahindurwa imyanzuro Inama Njyanama yari yafashe kuri iki kibazo (umwanzuro w'Inama Njyanama wo ku wa **27/12/2008** n'umwanzuro w'Inama Njyanama wo ku wa **30/09/2009**) kubera ko nta bimenyetso bishya byagaragajwe hanyuma ubutabera bugafasha umuryango wa Gakwaya Faustin bwifashishije amasezerano y'Arusha yo mu mwaka wa 1993 (yateshejwe agaciro n'itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ), Iteka rya Minisitiri N$^{o}$ 001/16.01 ryo kuwa 30/1/2013 rihindura kandi ryuzuza iteka rya Minisitiri N$^{o}$ 001/16.01 ryo kuwa 26/04/2010 rigena uburyo bw'isaranganya ry'amasambu rikorwa n'imyanzuro itandukanye byose byavuzwe haruguru.

470. Hashingiwe ku ibaruwa **no1479/07.05.06** yo ku wa **18/07/2014**, Komite Nyobozi yandikiye Inama Njyanama iyimenyesha isozwa ry'imirimo y'urwego rwa Local Defense, ibikwiye kwitabwaho mu gusubizwa mu buzima busanzwe abari bagize urwo rwego n'ishyirwaho ry'urwego rwa DASSO, Inama Njyanama yabyemeje.

471. Inama Njyanama yagejejweho imbanziriza mushinga y'Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015.

472. Hashingiye ku ibaruwa no **1550/07.06.05** yo ku wa **30/07/2014** Komita Nyobozi yandikiye Inama Njyanama isaba guhindurira Bwana RUBIBI Protais aho akorera, Inama Njyanama yemeje ko Bwana **RUBIBI Protais** wari Ushinzwe Ubugenzuzi bw'Imari mu Karere ka Ngoma yahindurwa akagirwa **Procurement Officer** kuko ibyo akora bitajyanye n'ibyo yigiye ( uwo murimo usaba ko aba yarize **comptabilite**), agasimbura uwari Procurement Officer Madamu **UWIMANA Redempta** wasabye guhagarika akazi ku mpamvu ze bwite.

473. Mu bintu n'ibindi kandi hemejwe manda nshya ya Audit Commettee igizwe n'Abajyanama:

- Dr KANOBANA Mathusalem (P)
- Madamu MUKANKUNZI Pelagie (S)
- Madamu NIBEZA Rose
- Bwana KARASIRA Jean Claude
- Madamu UWINGABIRE Fausca

474. Inama Njyanama yemeje ingengabihe y'ibirukuhuko ku bagize Komite Nyobozi ku buryo bukurikira:

| **Igihe cy'icyiruhuko** | **Uzajya mu kiruhuko** |
|---|---|
| 11/8/2014 - 11/9/2014 | Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu |

| | |
|---|---|
| 12/9/2014 -12/10/2014 | Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza |
| 13/10/2014 -13/11/2014 | Umuyobozi w'Akarere |

### 3.4.7. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 24/10/2014

475. Ku bijyanye n'ibaruwa NKUNDA Gapasu David Umukozi Ushinzwe Amakoperative mu Murenge wa Rukumberi yandikiye Inam a Njyanama asaba kurenganurwa kuko atishimiye amanota y'isuzumabushobozi ry'umwaka wa 2013-2014 yahawe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rukumberi aho yamuhaye amanota 52%, David akaba yaravuze ko uwo Muyobozi yamuhaye ayo manota ntacyo ashingiyeho ngo kuko atifashishije impapuro z'Imihigo ari nazo zigenderwaho mu gutanga amanota, Inama Njyanama yemeje ko amanota 52% Bwana NKUNDA G.David yahawe ku rwego rwa mbere atahinduka, kuko Komisiyo yagiye kugenzura icyo kibazo yasanze amabwiriza y'isuzuma yarubahirijwe.

    Hemejwe kandi ko Bwana NKUNDA G.David yazatumizwa n'Inama Njyanama akaza gutanga ibisobanuro by'uko yabeshye.

    Ku cyifuzo cya Nkunda cy'uko yakimurirwa mu wundi Murenge Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yareba icyo amategeko ateganya.

476. Ku ibaruwa NKUBITO Jean Pierre yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahabwa ubutaka avugako bwahoze ari ubwabo mbere yo guhunga mu 1960, ubwo butaka bukaba buherereye mu Murenge wa Zaza, Akagari ka Ruhinga Umudugudu wa Nyagahandagaza, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagiye kureba imiterere y'icyo kibazo ifatanije n'Ushinzwe Imiyoborere Myiza mu Karere ka Ngoma, ndetse n'abandi bantu batandukanye bari baje mu ikemurwa ry'icyo kibazo, hemejwe ko ubutaka NKUBITO Jean Pierre asaba guhabwa atari ubwe ni ubwa Leta.

477. Inama Njyanama yagejejweho itangazo ry'uko muri iki gihe hari kuvugwa ubucuruzi bw'abantu cyane cyane ubw'abana b'abakobwa ndetse n'icyorezo cy'ibiyobyabwenge mu rubyiruko, aha bikaba byaremejwe ko Ubuyobozi mu nzego zose bugomba gukangurira abo bireba bose kubikurikirana no kubikumira.

478. Inama Njyanama yemeje iteganyabikorwa ( Action Plan ) ry'Akarere ry'umwaka wa 2014-2015.

479. Hemejwe Imihigo y'Akarere 2014-2015 n'ishyirwamubikorwa ryayo ikaba ikubiye mu nkingi za Guverinoma arizo :

- Ubukungu:
    - Ubuhinzi
    - Ubworozi
    - Ibikorwa remezo
    - Ibidukikije
    - Amakoperative

- Imibereho Myiza:
    - kuvugurura no kubaka ibyumba by'amashuli n'ubwiherero
    - gukoresha uburyo bwo kuringaniza urubyaro
    - kurwanya imirire mibi
    - gukora isuzuma mu bigo by'amashuli.
    - Kubaka «poste de sante»
    - Kubakira abatishoboye
    - Gutera inkunga amakoperative y'Abafite ubumuga
    - Guteza imbere ireme ry'uburezi

- Imiyoborere Myiza n'Ubutabera:
    - Kurangiza imanza.
    - Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage

480. Hemejwe ko hagomba gushyirwaho gahunda y'umwiherero wo gutegura budget.

481. Ku birebana n'ibaruwa NTITUKIGAYE ABAMUGAYE yo mu Murenge waMurama i Sakara yandikiye Inama Njyanama isaba ubutaka bungana na ha 4 buherereye aho i Sakara bwo guhingamo inanasi, hemejwe ko iyo baruwa yashyikirizwa Biro y'Ubutaka ikazatanga inama ikurikije icyo amategeko agenga ubutaka ateganya, izo nama zigashingirwaho mu kuzafata umwanzuro mu nama y'Inama Njyanama itaha.

482. Ku ibaruwa uwitwa **NIYONZIMA Thomas** utuye mu Murenge wa Kibungo yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko yari afite inzu mu nkengero y'ahubatswe isoko rikuru rya Kibungo, akavuga ko yaje gusabwa n'Ubuyobozi gusenya inzu ye yari ihari mu gihe bateganyaga kubaka isoko, akaba avuga ko igihe abandi bahabwaga indishyi we yari mu gihugu cya Kongo ntiyabasha gukurikirana ikibazo cye, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ifatanije n'Ushinzwe Imiyoborere Myiza mu Karere hamwe na NIYONZIMA n'abari baturanye nawe hemejwe ko Akarere ntacyo kagomba NIYONZIMA Thomas kuko yashenye inzuye kuko yari ishaje yenda guhirima yari isigaye ari indiri y'amabandi kuko itari igikorerwamo agasabwa n'Ubuyobozi

gukemura ikibazo cy'umutekano akaza gukuraho ibiti n'amabati arabigurisha nk'uko bihamywa n'abari abaturanyi be n'Ubuyobozi bw'Umudugudu..

483. Ku ibaruwa uwitwa **MUKARUGEMA Theresie** utuye i Karenge mu Murenge wa Kibungo yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa umusoro ku bukode bw'ubutaka kuko atishoboye, akaba afite n'icyemezo gitangwa n'Umurenge cy'Uwacitse ku icumu rya Jenoside utishoboye, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ifatanije n'Umukozi Ushinzwe Imibereho Myiza mu Karere basuye MUKARUGEMA Theresie bakaba barasanze atuye mu nzu itameze neza, ari mu cyiciro cya gatatu cy'ubudehe, akaba akiri muto, afite umwuga w'ubudozi akaba akomoka muri Ngororero, hemejwe ko atasonerwa ko ahubwo yakwegerwa akagirwa inama yo kwiteza imbere.

484. Ku kibazo cy'imyenda Akarere kabereyemo ba Rwiyemezamirimo batandukanye, hemejwe ko bitarenze tariki ya **15/11/2014** DAF ( Director of Finance) azaba yagejeje ku Nama Njyanam a igishushanyo cy'imiterere y'iyo myenda n'ingengabihe y'uko iyo myenda izishyurwa.

485. Hashingiwe ku itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 187 aho rigena imiterere y'Inama Njyanama y'Umurenge aho ku murongo wa cyenda bavuga ko mu bagize Inama Njyanama y ;Umurenge hagomba kuba harimo Perezida w'Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Umurenge, bikaba byaragaragaye ko hari Imirenge itabafite, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yagenzura aho inzego zituzuye ikaba yasaba ababifite mi nshingano bakazuzuza bikaba byasabwa bitarenze uku kwezi k'Ugushyingo 2014.

486. Ku birebana no korohereza ba Rwiyemezamirimo bato mu gupiganira amasoko atarengeje miliyoni mirongo itanu, (50, 000, 000 millions), hemejwe ababifite mu nshingano bareba icyo amategeko ateganya.

487. Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bitabiriye inama ibikorwa by'Akarere ka Ngoma by'umwaka wa 2013-2014 aho abitabiriye inama bishimiye ibyagezweho banasaba ko abo bireba bose bashyiramo ingufu kugirango no muri uyu mwaka wa 2014-2015 Akarere kazese neza imihigo.

488. Inama Njyanama yagejejweho raporo y'igenzura ( Audit General) ryakorewe Akarere ka Ngoma aho hagenzuwe umwaka wa 2012-2013 hakaza kugaragara amakosa icyenda, abitabiriye inama basabyeko abo bireba bose bakora ibishoboka Akarere kakazagira clean audit report mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013-2014.

489. Inama Njyanama yemeje gahunda y'ibikorwa by'ubugenzuzi (Action Plan ya Audit y'Akarere), banasaba ko iyo gahunda yazubahirizwa mu gihe giteganijwe.

490. Hemejwe igishushanyo-mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka umwaka wa 2013-2018 nyuma y'uko abakozi b'Ikigo cy'Igihungu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA) aribo URAYENEZA Lambert na KAYONGA Leonard bafatanyije n'Umukozi w'Akarere wo mu Biro by'ubutaka Bwana NSANZUWERA Michel bamurikiye abitabiriye inama icyo igishushanyo- mbonera bakacyunguranaho ibitekerezo.

491. Nk'uko Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba gukura mu bitabo byako umwenda MIS ikabereyemo kuko bayiburiye irengero, abitabiriye inama babyemeje.

492. Hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere nk'uko bwandikiye Inama Njyanama bubisaba ko bakishyura amafaranga angana na miliyoni makumyabiri n'eshanu n'ibihumbi magana ane na mirongo itanu na bitanu na magana atanu na mirongo inani n'abiri ( 25, 455, 582 rwfs) akishyurwa abahoze ari Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge batanu birukanywe binyuranyije n'amategeko, ariko basaba Ubuyobozi bw'Akarere kujya babanza gushishoza mu gufata ibyemezo bakabanza kureba ibyo amategeko ateganya kugirango badateza Akarere ibihombo.

493. Hashingiwe ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko hakemezwa amafaranga y'urugendo agenerwa Abajyanama mu gihe bitabiriye inama zidasanzwe cyangwa mu gihe batumiwe n'Akarere mu zindi gahunda, hemejwe ayo mafaranga ku buryo bukurikira :

| No | IMIRENGE | Ticket |
|---|---|---|
| 1. | JARAMA | 14,000 rwfs |
| 2 | RUKUMBERI | 14,000 rwfs |
| 3. | SAKE | 8,000 rwfs |
| 4. | MUGESERA | 8,000 rwfs |
| 5. | ZAZA | 8,000 rwfs |
| 6. | MUTENDERI | 7,000 rwfs |
| 7. | GASHANDA | 6,000 rwfs |
| 8. | RURENGE | 6,000 rwfs |
| 9. | KAREMBO | 6,000 rwfs |

| | | |
|---|---|---|
| 10. | RUKIRA | 5,000 rwfs |
| 11. | MURAMA | 5,000 rwfs |
| 12. | REMERA | 4,000 rwfs |
| 13. | KAZO | 4,000 rwfs |
| 14. | KIBUNGO | 3,000 rwfs |

494. Mu bintu n’ibindi Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madamu KIRENGA Providence, yagejeje ku bitabiriye inama gahunda y’umunsi w’umugore wo mu cyaro uzizihirizwa ku rwego rw’Akarere ku wa gatandatu tariki ya 25/10/2014 ukazizihirizwa mu Murenge wa Sake aho hateguwe igikorwa cyo kuzamura ibyumba bibiri by’amashuri ku ishuri ribanza rya Kibonde, aho hateganijwe kandi gufasha abagore batishoboye bahabwa ibitenge n’amasabune.Yatangajwe kandi ko ariho hazakorerwa umuganda w’ukwezi ku rwego rw’Akarere icyo gikorwa kikazitabirwa n’abakozi b’Akarere, ibigo bitandukanye bikorera mu Karere n’ingabo na Police.

## 3.5. IBYEMEZO BYAFASHWE N’INAMA NJYANAMA MU MWAKA WA 2015

### 3.5.1. Imyanzuro y’inama isanzwe y’Inama Njyanama y’Akarere ka Ngoma yo ku wa 06/02/2015

495. Intumwa y’urwego rw’Umuvunyi Madamu NIWEMFURA Vestine, yahuguye abagize Inama Njyanama y’Akarere ku bijyanye n’itegeko Ngenga No 11/2013/01 -11/09/2013 rikaba ari itegeko rizafasha Inama Njyanama kugenzura imyitwarire y’Abayobozi ku rwego rw’Akarere rikaba rireba Komite Nyobozi n’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akarere.

Yanabahuguye kandi ku itegeko No 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye gutanga amakuru, aha yagaragarije abari aho igihe amakuru atangirwa n’atemerewe gutangwa.

496. Nk’uko bigenywa n’itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n’imikorere y’inzego z’imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 126, Inama Njyanama yakiriye indahiro y’Umujyanama mushya Bwana **KAZIMIRE Juvens**, watorewe guhagararira Urwego rw’Abikorera mu Karere ka Ngoma (PSF) akaba asimbuye kuri uwo mwanya Bwana **ISABWE Vedaste** ucyuye igihe**.**

497. Hagaragajwe ingengo y’imari ivuguruye ingana na **miliyali cumi n’imwe na miliyoni Maganaatatu mirongo icyenda n’icyenda ibihumbi Magana atanu mirongo icyendan’umunanin’amafaranga ijana na cumin a rimwe** (**11,138,598,111rwfs**) inama

imaze kumva ibisobanuro birambuye byatanzwe n'umukozi ushinzwe ingengo y'imari (budget officer), abagize Inama Njyanama y'Akarerebize ku ngingo ku yindi barayemeza.

Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n'Akarere angana na **1,075,002,563 frw**

Inama Njyanama yemeje amafaranga y'inkunga z'ubutegetsi bwite bwa leta angana na **8,724,410,656 frw**

Inama yemeje amafaranga y'izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta angana na **740,543,300frw**.

Inama Njyanama yemeje amafaranga y'abaterankunga angana na **736,990,966frw**.

Inama Njyanama yemeje amafaranga ari kuri konti z'Akarere mu ntangiriro z'umwaka **122,650,626 rwfs.**

Nyuma yo gutorera no kwemeza ingingo zikubiye mu ngengo y'imali ivuguruye ya 2014-2015, Abajyanama barayemeje.

Hagaragajwe kandi amasoko mashya 9 aziyongera kuri 52 yari ateganijwe mu ntangiriro z'umwaka wa 2014-2015 ariko hakaba hari atanu yavuyemo. Amasoko yemejwe ni 56 hakaba hamaze gutangwa 39 hasigaye 17.

Kubera amasaha yari akuze abari mu nama bemeranijwe ko bareba ibintu n'ibindi izindi ngingo ebyiri bakazaziga mu nama y'Inama Njyanama itaha.

Mu bintu n'ibindi abari mu nama barebye ibijyanye n'umwiherero w'Abajyanama b'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma aho bashyizeho itsinda rishinzwe gutegura imigendekere myiza yawo, bemeza ko wazabera I Rubavu ku wa **12-14/03/2015.**

### 3.5.2. Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 03/04/2015

498. Nk'uko bigenwa n'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirizen'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu mutwe wa III ingingo yaryo ya 19, Inama Njyanama yakiriye indahiro y'Umujyanama mushya Bwana RWIGAMBA Aimable, watorewe guhagararira Umurenge wa Rukira asimbuye Bwana RWAMURANGWA Steven wagize impamvu imubuza gukomeza umurimo, hakiriwe kandi indahiro ya Bwana GASANA Jean De Dieu Umujyanama watorewe guhagararira Abafite ubumuga mu Karere kaNgoma akaba yarasimbuye kuri uwo mwanya Bwana NKURAYIJA Marcel nawe wagize impamvu imubuza gukomeza umurimo.

Babifashijwemo n'abakozi ba Komisiyo y'Amatora, Abajyanama batoreye Bwana BANAMWANA Bernard umwanya wa Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma akaba asimbuye kuri uwo mwanya Bwana RWAMURANGWA Steven wagize impanvu imubuza gukomeza iyo mirimo.

BANAMWANA Bernard yatowe ku majwi 22/26 naho Umujyanama MUREKATETE Judith nawe wari wiyamamaje yagize amajwi 4/26.

Ku mpamvu z'uko Bwana BANAMWANA Bernard yari asanzwe ari Visi-Perezida w'Inama Njyanama byabaye ngombwa ko hatorwa umusimbura kuri uwo mwanya aho hatowe Dr KANOBANA Mathusalem wagize amajwi 21/26 akaba yari Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu.

Nyuma y'uko byemejwe n'abitabiriye inama, Abajyanama bagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bariherereye bitoramo Perezida w'iyo Komisiyo aho hatowe Bwana KIMENYI Martin.

499. Nyuma yo gusoma, gusesengura no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo z'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, abari mu nama barazemeje. Izo nyandikomvugo ni izi zikurikira**:**

- Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **24/10/2014**
- Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **06/02/2015.**

500. Ku bijyanye n'ibaruwa yo ku wa 18/10/2014 Madamu MUNYAKAZI Jeannette wo mu Murenge wa Sake yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ikaba yaratugezeho ku wa 24/10/2014 aho yasabaga kurenganurwa aho agaragaza ko yaguze ubutaka n'abaturage nyuma akaza gusanga badafite ibyangombwa byabwo, nyuma y'uko asuwe n'Abajyanama ba Komisiyo y'Imiyoborere Myiza bakareba imiterere y'icyo kibazo bakageza raporo yacyo ku Nama Njyanama, abari mu nama bemeje ko MUNYAKAZI yazumvikana n'abo baguze bakazamwishyura bitashoboka akaziyambaza Ubutabera kuko ubutaka bamugurishije ari ubwa Leta.

501. Hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri No 01/19.23 yo ku wa 01/08/2014 yerekeye uburyo bwo gushyira Abakozi mu myanya nyuma y'ivugurura ry'inzego z'imirimo ya Leta ryakozwe mu mwaka wa 2014,

Hashingiwe kandi ku ibaruwa No 3553/19.23 yo ku wa 30/12/2014 ya Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo,

Hashingiwe kandi ku Itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yayo ya 56,

ku wa **26/01/2015** Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama ibaruwa no **0430/07.05.06** busaba gushyira mu mwanya w'Ubugenzuzi bw'Akarere ( Auditeur interne) **Bwana NSHIMIYIMANA Jean Claude**, akaba yari asanzwe ari Logistic w'Akarere, nyuma y'uko abari mu nama basanze yujuje ibisabwa barabyemeje.

502. Nyuma yo gusoma raporo y'isurwa ry'Imirenge ya Murama, Rukira, Remera na Rurenge rakozwe n'Abajyanama ba Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku matariki atandukanye, abari mu nama bemeje ibi bikurikira:

    a) Komite Nyobozi yakurikirana kandi igakemura ikibazo cy'imishahara y'abakora isuku mu Mirenge itabonekera igihe.

    b) Hifashishijwe abatekinisiye, Komite Nyobozi mu rwego rwo gukemura icyo kibazo ku buryo burambye yakiga umushinga w'uko yagirana amasezerano na Koperative z'isuku ku rwego rw'Akarere zigakora isuku mu Mirenge.

    c) Hemejwe ko Komite Nyobozi yazashyira muri budget y'umwaka utaha amafaranga y'insimburamubyizi y'Abajyanama b'Imirenge akajya atangwa n'aya fonctionnement bityo bigafasha mu migendekere myiza y'inama z'Inama Njyanama z'Imirenge.

    d) Hemejwe kandi ko Komite Nyobozi ibifashijwemo na biro y'Imiyoborere Myiza yajya isubiriza igihe imyanzuro y'Inama Njyanama z'Imirenge.

503. Mu rwego rwo gukurikirana ibikorwa by'Akarere, Inama Njyanama yemeje ko abakozi b'Akarere muri buri shami bajya bageza raporo y'ibikorwa byabo mu bunyamamabanga bw'Inama Njyanama mu cyumweru cya mbere cy'igihembwe gikurikira ikirangiye kugirango Abajyanama mu makomisiyo atandukanye agize Inama Njyanama bazisesengure mbere y'uko zigezwa mu Nama Njyanama kandi zigashyirwa mu rurimi rumwe.

504. Ku bijyanye n'ibaruwa yo ku wa 05/09/2014 Madamu MUTETERI Vestine wo mu Murenge wa Kibungo, yandikiye Inama Njyanama asaba ubufasha bwo kubakirwa, abari mu nama bemeje ko Komite Nyobozi ishingiye ku ibaruwa yandikiwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kibungo ku kibazo cy'uwo Muteteri yakemura icyo kibazo kikajyana n'ishyirwamubikorwa ry'umwanzuro wafashwe n'Inama Njyanama ku kibazo cya **BATAMURIZA Jacqueline** na **MUKAMUDENGE Emeritha** bo mu Murenge wa Kibungo.

505. Ku ibaruwa yo ku wa 04/09/2014 Bwana **RUKEZANGANGO Francois** yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yahawe nk'ingurane n'icyari Umujyi wa Kibungo nyuma y'uko ubutaka bwe bukoreshejwe ku nyungu rusange z'urubyiruko, abari mu nama bemejeko Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafatanyije n'umukozi wo mu biro by'ubutaka bazabanza bakamusura bakareba imiterere y'icyo kibazu raporo bazakora ikazashingirwaho mu gufata umwanzuro.

506. Abari mu nama bishimiye igikorwa cyakozwe n'Abajyanama ba Komisiyo y'Imibereho Myiza aho basuye inshike za Jenoside yakorewe Abatutsi zo mu Murenge wa Mugesera mu rwego rwo gusangira na bo Noheri no kubifuriza umwaka mushya wa 2015.

507. Ku ibaruwa yo ku wa 15/12/2014 Open University of Tanzania yandikiye Inama Njyanama isaba kugura ubutaka buriho amazu yatijwe kugirango yagure ibikorwa byayo, abari mu nama bemeje ko Open University of Tanzaniya yagirwa inama yo kwigurira ahandi yakorera ibikorwa byayo Komite Nyobozi ikababafasha cyangwa ikaborohereza mu gushaka aho yagura kugirango ibikorwa by'iyo Kaminuza bikomeze kwegera abaturage b'Akarere kacu ka Ngoma.

508. Ku ibaruwa yo ku wa 01/12/2014 LDF ( Local Defence Force) Koperative Abakorerabushake bo mu Murenge wa Karembo bandikiye Inama Njyanama basaba gutizwa ubutaka bungana na ha enye bwo guhingamo inanasi, abari mu nama bemejeko Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafatanyije n'umukozi wo mu biro by'ubutaka bazasura iyo Koperative raporo bazakora ikazashingirwaho mu gufata imyanzuro hakarebwa icyo amategeko ateganya.

509. Ku ibaruwa yo ku wa 13/01/2015 uwitwa NIKUZE Laurence yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro ku butaka kuko atishoboye, abari mu nama bemejeko Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bazabanza bakamusura nyuma hakarebwa icyo amategeko ateganya.

510. Ku ibaruwa yo ku wa 23/09/2014 ECOGF ( Entreprise de Construction et de Commerce GAKWAYA Felicien ) yandikiye Inama Njyanama isaba kurenganurwa ikishyurwa amafaranga y'inyubako z'amashuri yubakiye Umurenge wa Rurenge angana na 6, 905, 300 rwfa n'umwenda ungana n'amafaranga 105, 000 rwfs w'amashuri yubakiye Umurenge wa Remera, abari mu nama bemejeko Komite Nyobozi yamenyesha ECOGEF aho ikemurwa ry'icyo kibazo kigeze n'abandi ba Rwiyemezamirimo bubatse amashuri bakaba bagifitiwe umwenda bakandikirwa bamenyeshwa aho bigeze.

511. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma bwandikiye Inama Njyanama busaba ko amafaranga bahabwa mu gihe bakoze inama yahinduka bagahabwa nk'ahabwa abagize Inama y'Ubutegetsi bo mu bigo binini bya Leta, abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bw'Inama y'Ubutegetsi bwa Farumasi umurongo Inama Njyanama yafashe ku bijyanye n'icyo kibazo kandi bakibutswa ko Farumasi ari ikigo cy'Akarere atari ikigo cya Leta.

512. Ku bijyanye na raporo z'ubugenzuzi bwakorewe Akarere, Audit Committee yagejeje ku bitabiriye inama ikaba igaragaza uko Imirenge ya Rukira, Rukumberi, Karembo, Sake, Kibungo, Zaza n'Urwunge rw'Amashuri rw'I Kabare bakosoye amakosa yagaragajwe na

raporo y'Umugenzuzi Mukuru bwakorewe ibyo bigo mu ngengo y'imari ya 2012-2013, abari mu nama bemeje ko:

a. Komite Nyobozi izageza ku Nama Njyanama raporo y'ishyirwamubikorwa ry'iyo raporo ya Audit Committee, mu nama y'Inama Njyanama y'ubutaha.

b. Ku kibazo cy'Abayobozi b'Imirenge bakekwaho kunyereza bakanacunga nabi amafaranga y'inyubako, hemejwe ko Komite Nyobozi igomba gukurikirana abo Bayobozi bakishyura abandi bagashyikirizwa Ubutabera kandi hagakurikizwa icyo amategeko ateganya.

c. Ku bijyanye n'ubugenzuzi bwakorewe E.S Kabirizi hemejwe ko Komite Nyobozi yashyikiriza raporo Ubugenzacyaha abagize uruhare mu micungire mibi ya ririya shuri bagakurikiranwa.

d. Hemejwe ko ikipe ya PFM yakomeza guhugura Abanyamabanga Nshingwabikorwa ku micungire y'umutungo.

513. Ku birebana n'ikibazo abaturage bamwe na bamwe bafite cyo gusorera ubutaka bwo guturamo bwabaruranywe n'ubwo guhinga, abari mu nama bemeje ko Umukozi wa Biro y'ubutaka ku Karere yazakora igenzura akareba uko mu tundi Turere bigenda kuko ari ikibazo dusangiye n'abandi raporo azakora ikazashingirwaho mu gufata umwanzuro.

514. Ku bijyanye n'ibaruwa yo ku wa 06/02/2015 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza abagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yo mu Karere ka Ngoma itagira bene yo, Abajyanama bemeje ko abagize iyo Komisiyo baba ari inyangamugayo zihagarariye inzego zikurikira :

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umuyobozi w'ibiro by'ubutaka ku Karere

- Uhagarariye IBUKA mu Karere
- Uhagarariye Abunzi mu Karere
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge uhagarariye abandi.

Kuri ubu izi nzego zikaba zihagarariwe n'aba bakurikirabazajya basimburwa kuri uwo mwanya n'uwaba abasimbuye ku rwego bakoreraho cyangwa bahagarariye:

| No | URWEGO | AMAZINA Y'UHAGARARIYE URWEGO |
|---|---|---|
| 1. | Ubunyamabanga Nshingwabikorwa | KANYONGA Marthe |

| | | |
|---|---|---|
| | bw'Akarere | |
| 2. | Umuyobozi w'ibiro by'ubutaka | NSANZUWERA Michel |
| 3. | Uhagarariye Ibuka | GIHANA Samson |
| 4. | Uhagarariye Abunzi | NZABONIMANA Isaie |
| 5. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge Uhagarariye abandi | MAPENDO Gilbert |

*515.* Ku bijyanye n'ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama buyisaba gusesengura no kwemeza service charters, nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo abari mu nama bayemeje.

516. Nyuma y'uko Abajyanama ba Komisiyo y'Imibereho Myiza bagejeje ku bitabiriye inama inshamake y'isura ryo ku wa 28/02/2015 bakoreye ibigo byigisha imyuga hafashwe imyanzuro ikurikira:

   a. Ubuyobozi bw'Akarere bwakorera ubuvugizi abarimu bigisha muri VTC, bagahabwa amahugurwa mu gihe cy'ibiruhuko babifashijwemo na IPRC.

   b. Ubuyobozi bw'Akarere bwafasha VTC ya Saint Amabilis ya Murama na Nazareth y'I Zaza gukorana na WDA.

517. Mu bintu n'ibindi Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yagejeje ku bari mu nama gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi aho uyu mwaka hazibandwa ku kwamagana ifobya rya Jenoside yo muri Mata 1994 yakorewe Abatutsi hakazibandwa kandi ku gufata mu mugongo abacitse ku icumu izo gahunda zikazajya zikorerwa ku rwego rw'Umudugudu.

518. Nyuma y'uko bandikiye Inama Njyanama babisaba, Inama Njyanama yemeje ikiruhuko cy'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza kikazatangira kuva ku wa**20/04-19/05/2015**, naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu akazajya mu kiruhuko guhera ku itariki ya **20/05 -18/06/ 2015**.

519. Nyuma yo kubisabwa n'abaturage b'Imirenge itandukanye y'Akarere ka Ngoma kandi bakaba barabatoreye kubahagararira, Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma bemeje ko bagomba kubahiriza icyifuzo cy'abaturage bahagarariye bakazandikira Inteko Ishinga Amategeko basaba ko Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo y'101 ryahinduka **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME** akongera kwiyamamariza kutuyobora maze **bakamuhundagazaho amajwi kuko babona ikivi yatangiye ataracyusa. Ngo Imihigo irakomeje.**

### 3.5.3. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 08/05/2015

520. Nyuma yo kugezwaho raporo y'inama y'abaperezida ku ibaruwa no **1228/07.05.06** yo ku wa **27/04/2015** Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba gusuzuma no kwemeza imirimo y'inyongera ya Hotel y'Akarere ka Ngoma ifite agaciro k'amafaranga miliyoni Magana arindwi na mirongo icyenda n'enye n'ibihumbi Magana atatu na makumyabiri n'icyenda n'amafaranga Magana arindwi na cumi n'ane (**794,329,714 rwfs**), akaba angana na 29, 38% by'imirimo yari yarateganijwe, nyuma y'ibisobanuro by'Umutekinisiye w'Akarere ushinzwe ibikorwa remezo ndetse n'umukozi w'Akarere ushinzwe itangwa ry'amasoko, hashingiwe ku iteka rya Minisitiri no **10** ryo ku wa **10/03/2014**, abari mu nama babyemeje.

521. Ku ibaruwa no **1235/07.05.06** yo ku wa **28/04/2015** Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba uburenganzira bwo gukoresha mu mushinga wo kubaka gare y'Akarere ka Ngoma amafaranga kari karageneye umushinga wa Gisaka Millenium nyuma yo kubona ko uyu mushinga wabayeho ku izina gusa, abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bwabanza kureba icyo amategeko ateganya nyuma Inama Njyanama ikazashyikirizwa raporo ikazabona gufata umwanzuro.

522. Mu rwego rwo kugenzura aho ishyirwamubikorwa ry'Imihigo y'umwaka wa 2014-2015 no gutega amatwi abaturage mu rwego rwo kumva ibyifuzo byabo no gufatanya na bo gutegura imihigo y'umwaka wa 2015-2016 abari mu nama bemeje gahunda yo gusura Imirenge aho Abajyanama b'Akarere bazajya gusura Imirenge mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyo gahunda yo gusuzuma imihigo iri gusozwa no gutegura iy'imyaka utaha kugirango abaturage barusheho kubigiramo uruhare.

### 3.5.4. Imyanzuro y'umwiherero wa kane w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma wabaye kuva kuwa 14 kugera ku wa 17 gicurasi 2015

523. Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'umwiherero w'Inama Njyanama wabereye i Gihindamuyaga mu Karere ka Huye, Intara y'Amajyepfo ku matariki ya 28/2/kugeza 02/3/2014, abari mu mwiherero basabye ko hajya hagaragazwa ibipimo bigaragaza uko iyo myanzuro yashyizwe mu bikorwa no kugaragaza impamvu y'ibitaragezweho

524. Ku bijyanye no kurushaho kunoza igikorwa cy'umuganda abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi kongera imbaraga mu kumenyekanisha amategeko agenga umuganda bagashyiraho n'ingamba zo kunoza imitegurire yawo, hanyuma ibigo binini bigahabwa

Imirenge bikoreramo uwo muganda. Ibyo bigo ni nka: INATEK, IPRC, KSNM, OPEN UNIVERSITY OF TANZANIA, AKARERE, RADIO IZUBA, WASAC/REG, IBITARO, BANKS …..

525. Ku birebana n'ubuzima bw'ikipe ya "Etoile de l'Est, abari mu mwiherero bemeje ko yongererwa ubushobozi hanyuma ubuyobozi bw'Akarere bufatanije n'ubuyobozi bw'ikipe bakayishakira abaterankunga. Komisiyo y'Imibereho Myiza yasabwe gukurikirana imikorere y'iyo kipe ikajya itanga raporo ku Nama Njyanama.

526. Abari mu mwiherero basabye Komite Nyobozi gukora urutonde rw'imishinga y'Akarere yadindiye, iyacunzwe nabi n'abagize uruhare mu gucunga nabi iyo mishinga raporo ikazagezwa mu nama y'Inama Njyanama itaha.

527. Ku bijyanye no kugaragaza no guca uruhererekane n'ubufatanyacyaha mu kurya ruswa bivugwa mu nzego z'ubuyobozi, abari mu mwiherero banzuye ko umuyobozi ugaragaweho kurya ruswa yasabwa gusezera ku kazi no gushyikirizwa inzego z'ubutabera igihe hagaragaye ibimenyetso.

528. Mu rwego rwo gushakira isoko umusaruro w'ibigori, abari mu mwiherero basabye ko hakomeza gukorwa ubukangurambaga, abahinzi bakibumbira mu Makoperative, abikorera ku giti cyabo nabo bagakangurirwa gushora imari mu guhunika no gutunganya umusaruro w'ibigori.

529. Mu birebana no gutegura neza imishinga y'amazi hagamijwe korohereza ba Rwiyemezamirimo kuyishoramo imari, kuvugurura ibiciro by'amazi hashingiwe ku kiguzi nyakuri cyo kuyatunganya no ku bushobozi bw'abafatabuguzi no kugenera ingengo y'imari ihagije ibikorwa by'amazi, abari mu mwiherero basabye ko hategurwa neza imishinga y'amazi, hakurikiranwa imikorere ya ba Rwiyemezamirimo mu micungire y'amazi no kongera ingengo y'imari y'Akarere igenerwa amazi ndetse no gukangurira abaturage gukoresha amazi meza.

530. Abari mu mwiherero basabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu gusuzuma imiterere y'imisoreshereze y'ubutaka mu Karere ka Ngoma.

531. Mu korohereza abashoramari mu bikorwa remezo by'ibanze abari mu mwiherero basabye ko hashyirwa amazi, amashayarazi n'imihanda kuri site ya Gahima kugira ngo bifashe ba Rwiyemezamirimo kuhashyira amazu yo guturamo.

532. Mu kunoza imikorere ya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza, abari mu mwiherero basabye ko hongerwa imbaraga mu gukangurira abaturage kujya mu bwisungane mu kwivuza, gukurikirana imikorere y'amavuriro kuri serivisi ihabwa umurwayi wivuriza ku bwisungane

mu kwivuza, gukurikirana uburyo amavuriro yishyurwa no kuyakorera ubuvugizi ku nzego zisumbuye ku Karere.

533. Mu rwego rwo kongera ingufu mu kurwanya malariya, abari mu mwiherero basabye ko hakurikiranwa uko inzitiramibu zitangwa n'uko zikoreshwa, kongera imbaraga mu bukangurambaga mu kurwanya Malariya ndetse no gukora igenzura ry'isuku.

534. Komisiyo y'Imibereho Myiza yasabwe kunononsora no kugena ibihano byahabwa uwakoresheje nabi inzitiramibu ikabigeza ku Nama Njyanama.

535. Mu rwego rwo kurwanya ku buryo bwose abahohotera abana n'abagore, abari mu mwiherero basabye ko hakurikiranwa imikorere ya za Komite zashyizweho zo kurwanya ihohoterwa kuva ku Karere kugeza ku mudugudu, ariko hanongerwa ubukangurambaga mu kurwanya ihohoterwa ku bufatanye n'abafatanyabikorwa.

536. Kongera ibikorwa remezo biteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku nama, gutunganya no guhanga ahantu nyaburanga hagamijwe kureshya no gufata neza abakerarugendo kugira ngo baze ari benshi kandi bamare iminsi myinshi mu Karere ka Ngoma, abari mu mwiherero banzuye ko hashyirwa ingufu mu kurangiza inyubako ya Hoteri y'Akarere ka Ngoma.

537. Ku birebana n'imishinga yakozwe n'imbogamizi imwe yahuye nazo, abari mu mwiherero banzuye ko hagomba kunozwa raporo y'ibikorwa binini byakozwe hagaragazwa uko duhagaze nk'Akarere ugereranije n'ibipimo ku rwego rw'igihugu kandi hagaragazwa aho twavuye naho tugeze muri iki gihe cy'imyaka itanu.

538. Ku bijyanye n'imishinga y'Akarere iri muri DDP, abari mu mwiherero bemeje ko buri Komisiyo ikorana n'abakozi b'Akarere.

539. Abari mu mwiherero bemeje ko mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka wa 2015 mbere y'uko basoza manda haba umwiherero usoza akaba ari wo usuzumirwamo ibikorwa byose byakozwe guhera 2011 kugeza 2015.

### 3.5.5. Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 30/06/2015

540. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'Agateganyo **MadamuKANYONGA Marthe** yagejeje ku bitabiriye inama uko ingengo y'Imari y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015 yakoreshejwe, aho byagaragaye ko yakoreshejwe ku rugero rwa 98%.

541. Nyuma y'ibisobanuro birambuye by'Umuyobozi w'Akarere Bwana NAMBAJE Aphrodise, n'ibitekerezo byatanzwe n'abitabiriye inama, Inama Njyanama yemeje Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016 uko ari 70.

542. Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari (budget ) ku buryo bukurikira:

Ingengo y'imari ingana na miliyali cumi n'imwe na miliyoni magana inani na mirongo itandatu n'esheshatu n'ibihumbi magana atandatu na mirongo inani na bitanu n'amafaranga magana arindwi na mirongo itanu n'umunani y'amanyarwanda (**11,866,685,758 rwfs**), inama imaze kumva ibisobanuro birambuye byatanzwe n'umugenga w'ingengo y'Imari w'agateganyo ( Chief Budget Officer (ai)), abagize Inama Njyanama y'Akarere bize ku ngingo ku yindi barayemeza.

1. Inama Njyanama yemeje amafaranga yinjizwa n'Akarere angana na Miliyari imwe miliyoni magana abiri n'imwe n'ibihumbi magana atandatu na mirongo icyenda na bibiri n'amafaranga ijana na mirongo irindwi na rimwe (**1,201,692,171 frw** ).
2. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'inkunga z'ubutegetsi bwite bwa Leta angana na Miliyari icyenda miliyoni magana atanu na makumyabiri n'enye ibihumbi mirongo ine na bitandatu n'amafaranga cumi n'ane (**9,524,046,014 frw**)
3. Inama yemeje amafaranga y'izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta angana na miliyoni magana abiri na mirongo irindwi n'umunani n'ibihumbi magana ane na mirongo icyenda na bibiri n'amafaranga magana acyenda na mirongo irindwi n'umunani (**278,492,978 frw**)
4. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'abaterankunga angana na Miliyoni magana inani na mirongo itandatu n'ebyiri n'ibihumbi magana ane na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana atanu na mirongo icyenda n'atanu (**862,454,595 frw)**

543. Kwemeza amasoko azatangwa n'Akarere mu mwaka wa 2015-2016;

Inama Njyanama yemeje amasoko 57 azatangwa n'Akarere mu mwaka wa 2015-2016.

### 3.5.6. Imyanzuro y'inama y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka y'Inama Njyanama yo ku wa 04/08/2015

*544.* Ku birebana n'ikibazo abaturage bamwe na bamwe bafite cyo gusorera ubutaka bwo guturamo bwabaruranywe n'ubwo guhinga, abari mu nama bemeje ko hagendewe kuri raporo y'ibiro by'ubutaka ku Karere, ahagenwe nk'Umujyi hakaba haramaze gucibwa imihanda abaturage bahafite ibibanza bagomba gusorera ubwo butaka uko bungana kose.

Naho ahataracibwa imihanda hakaba hari abaturage bafite ubutaka bwo gutura bwabaruranywe n'ubwo guhinga bo basorera ubwo guturamo gusa, ibyo bikaba bireba n'abandi baturage batuye ahatari umugi bafite aho gutura habaruranywe n'aho guhinga

bajya basorera ubutaka bungana na metero 20/30 ni ukuvuga metero kare magana atandatu (600 $m^2$). Kugeza ubu ahaciwe imihanda ni aha hakurikira

**Imbonerahamwe igaragaza ahafatwa nk'umujyi hamaze gucibwa imihanda**

| **S/N** | **Umurenge** | **Akagali** | **Umudugudu** | **Ufite Ibikorwa Remezo** |
|---|---|---|---|---|
| 1 | **Kibungo** | **Cyasemakamba** | Amarembo | Yego |
| | | | Rubimba | Yego |
| | | | Kabeza | Yego |
| | | | Kiruhura | Yego |
| | | | Bwiza | Yego |
| | | **Gahima** | Kazeneza | Yego |
| | | | Nyamigina | Yego |
| | | **Karenge** | Kabeza | Yego |
| | | | Agatare | Yego |
| | | | Amahoro | Yego |
| | | | Ihuriro | Yego |
| | | | Ubumwe | Yego |
| | | | Musamvu | Yego |
| | | | Isangano | Yego |
| | | **Mahango** | Gisaka | Yego |
| | | | Kacyiru | Yego |
| | | | Karambi | Yego |
| | | | Rebezo | Yego |
| 2 | **Kazo** | **Karama** | Mpandu | Yego |
| | | | Rango | Yego |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 3 | **Remera** | **Nyamagana** | Kabuye | Yego |
| | | | Kinanira | Yego |
| | | | Ryinteko | Yego |
| | | | Ruhama | Yego |
| | | | Rubimba | Yego |
| | | | Nyakabingo | Yego |
| | | | Tonero | Yego |

*545.* Ku bijyanye n'ibaruwa yo ku wa 05/05/2015 Bwana MUNYANEZA Jean Bosco yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa ku kibazo afite cy'uko intizanyo y'umurima ungana na ha 3, 5 n'igishanga kingana na ha 5 yahawe n'Ubuyobozi bw'icyahoze ari Mirenge ku wa 16/03/2005, ahahoze Umurenge wa Kibare Akagari ka Nyagasave, nyuma akaza kwagura ibikorwa aho ubwo butaka bwaje kugera kuri ha 13;

Akaba yaraje gukoreramo umushinga w'ubworozi bw'inka za kijyambere nyuma ngo yaje kugura ibyuzi bibiri, ariko mu kwezi kwa cumi na kabiri 2013 Koperative KORIMI iza guhabwa icyo gishanga akavugako KORIMI yamuranduriye urubingo ikanamusibira ibyuzi by'amafi igateramo umuceri, akaba asaba ko Akarere kamwishyura ibyangijwe.

Hashingiwe kuri raporo y'abagiye kureba imiterere y'icyo kibazo aribo Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, bafatanije n'umukozi w'Akarere wo mu Biro by'Imiyoborere Myiza, abaturage batuye mu Mudugudu aho ibyo bikorwa byari biri, Ubuyobozi bw'Umurenge wa Mugesera, umwe mu bari abashumba ba MUNYANEZA J. Bosco na we ubwe ahibereye, abari mu nama bemeje ko ikirego cya MUNYANEZA Jean Bosco nta shingiro gifite kuko KORIMI ihabwa icyo gishanga cyari cyaramunaniye yaragiye ahaha abaturage ngo bahahinge ibijumba aho umuturage yamwishyuraga amafaranga igihumbi bakaba bari bamaze imyaka itatu bahahinga ibijumba kandi n'izo nka avuga yari ahororeye zari zarapfuye zarashize.

546. Ku ibaruwa uwitwa **NGARAMBE Zenock** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kubera inzu ye yashenywe ku itariki ya 25/05/2009 yari imbere y'Ibitaro bikuru bya Kibungo akaba icyo kibazo agihuriyeho na **GAHONDOGO Joseph** abari mu nama bemeje ko Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafatanyije n'umukozi wo mu biro by'ubutaka, Umunyamategeko w'Akarere ndetse n'abarebwa n'icyo

kibazo bose bazajya aho ayo mazu yari ari kureba imiterere y'icyo kibazo raporo ikazashyikirizwa inama itaha y'Inama Njyanama ikazabifataho umwanzuro.

547. Ku bijyanye n'ibaruwa no 146/CNF/2015 yo ku wa 18/07/2015 Inama y'Igihugu y'Abagore yandikiye Inama Njyanama isaba kwibaruzaho ibyangombwa by'umutungo utimukanwa w'inzu iri mu Murenge wa Zaza, iri mu Murenge wa Mugesera n'iri mu Murenge wa Kibungo, abari mu nama bifuje ko inzu iri mu Murenge wa Kibungo itababarurwaho kuko ari iy'Akarere. Abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bwasaba CNF raporo y'imikoreshereze y'inzu iri mu Murenge wa Kibungo Akagari ka Cyasemakamba kandi ubwo buyobozi bukabamenyesha ko batemerewe kuyibaruzaho nk'umutungo wayo bwite kuko iri mu mutungo w'Akarere.

Ku birebana n'inzu iri mu Murenge wa Mugesera n'iri mu Murenge wa Zaza abari mu nama bemeje ko Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ifatanije n'Umukozi wo mu biro by'Ubutaka bazabanza gusura ayo mazu bakareba ibikorerwamo n'andi makuru arambuye kuri yo nyuma bakageza raporo ku nama y'Inama Njyanama itaha igafata umwanzuro.

548. Abari mu nama bamaze kurebera hamwe akamaro ka Gahunda y'Urunana mu Mihigo, bemeje ko iyo gahunda yajya ikorwa buri gihembwe bityo muri uku kwezi kwa Munani 2015 ikaba yategurwa Abajyanama bakajya mu Mirenge igize Akarere, harebwa uko Imihigo y'umwaka wa 2015-2016 iri gushyirwa mu bikorwa hibandwa cyane mu gutegura igihembwe cya mbere cy'ihinga no gukomeza gushishikariza abaturage gukomeza gutanga amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza.

549. Abari mu nama bemeje ko bitarenze ukwezi k'Ukwakira, Komite Nyobozi yaba yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ikemurwa n'itunganywa ry'ikibazo cya ba Rwiyemezamirimo batandukanye bagiye bakora ibikorwa bitandukanye bakaba batarishyurwa amafaranga yose cyane cyane abagiye bubaka amashuri.

550. Abari mu nama bemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana ikibazo cy'Abayobozi b'Utugari bagiye bakira amafaranga y'imisanzu y'abaturage n'amafaranga y'ibihano abaturage baba baciwe n'inkiko ntagezwe aho agomba kujya. Icyo kibazo kikaba cyaragaragajwe n'ubugenzuzi bwakozwe n'Umugenzuzi w'Akarere kikaba kandi cyaragarutsweho n'abaturage mu Mirenge itandukanye ubwo Abajyanama babasuraga muri gahunda y'Urunana mu Mihigo, iyo raporo igomba kugezwa gushyikirizwa Inama Njyanama mu nama yayo itaha.

551. Ku ibaruwa yo ku wa 29/07/2015 Umuyobozi w'Akarere Bwana NAMBAJE Aphrodise yandikiye Inama Njyanama asaba kujya mu kiruhuko cy'umwaka wa 2015-2016 guhera ku itariki ya 15/08-15/09/2015 abari mu nama bemeje ko yabyemererwa.

552. Ku ibaruwa no 743/07.05.06 yo ku wa 29 /07/2015 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko Bwana **KANAYOGE Alexis** yakemezwa ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, bimaze kugaragara ko ibindi amategeko asaba byubahirijwe akaba ariwe watsinze kuri uwo mwanya, abari mu nama bemeje ko Bwana **KANAYOGE Alexis** yakemezwa kuri uwo mwanya wavuzwe haruguru.

553. Muri iyo baruwa kandi no 743/07.05.06 yo ku wa 29 /07/2015 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko Bwana **KAREKEZIEugene** wari usanzwe ari Logistic yakemezwa ku mwanya w'**Umugenzuzi w'Akarere** (Internal Auditor), hashingiwe ku nama yatanzwe na Komisiyo y'Abakozi ba Leta mu ibaruwa no 0948/HRSDO/15 yo ku wa 11/06/2015 bandikiye Ubuyobozi bw'Akarere, abari mu nama bemeje ko Bwana KAREKEZI Eugene yakemezwa kuri uwo mwanya wavuzwe haruguru.

554. Ku ibaruwa yo ku wa 10/07/2015 Bwana **HABANABAKIZE Etienne** umwarimu kuri G.S ya Mulinja yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahemberwa Diplome ya $A_0$ avuye ku ya $A_1$, abari mu nama bemeje ko yakandikirwa amanyeshwa ko nta karengane yagiriwe kuko atize ibijyanye n'uburezi,

555. Nk'uko Ubuyobozi bw'Akarere bwari bwamugiriye inama yakandikirwa ashishikarizwa kujya kwiga ibijyanye n'iby'uburezi muri Kaminuza Nkuru y'Igihugu ishami ry'Uburezi muri "Post Graduate". Abari mu nama bakaba bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bufatanije n'inama y'Uburezi bakora urutonde rw'abarimu bafite ikibazo nk'icya Etienne ikabagira bakagirwa inama yo gukomeza Post Graduate mu Burezi.

556. Abari mu nama bishimiye imigendekere y'uruzinduko rw'Abadepite mu Mirenge itandukanye igize Akarere ka Ngoma, aho abaturage batanze ibitekerezo byiza bagaragaza impamvu banditse basaba ko ingingo ya 101 yavugururwa maze bakitorera Nyakubahwa Perezida wa Repubulika **Paul KAGAME** agakomeza kutuyobora.

557. Nyuma yo kugezwaho ibikubiye mu mabwiriza arebana n'isuku ndetse n'ibihano bigenewe abatayubahirije abari mu nama bemeje ko yakemezwa kugirango atangire gushyirwa mu bikorwa.

Abari mu nama bemeje ibi bikurikira:

a) Amabwiriza y'isuku n'ibihano biteganijwe ku batuyubahirije ku bufatanye na PSF byamenyeshwa abaturage kugira ngo babashe kuyubahiriza kandi abaturage bagashishikarizwa kwipimisha kugirango habungabungwe ubuzima bw'Abanyarwanda bose muri rusange.

b) Imisarane yubatswe kuri sitade Cyasemakamba yajya ikorerwa isuku, igafungurwa yose igihe hateraniye abantu benshi byashoboka igakurwaho za "sièges".

c) Imisarani ikoreshwa mu nyubako y'Akarere yasanwa kandi buri mwaka hakagenwa amafaranga yo kuyisana.

d) Abari mu nama bifuje ko Akarere kagira ibagiro ryujuje ibyangombwa kugira ngo hirindwe ibihano byacibwa abarikoreramo.

e) Abari mu nama bifuje ko inyubako z'Akarere zajya zisanirwa igihe cyane cyane aho Akarere kaba kasoresheje (urugero : imisarani y'isoko rya Rukira)

f) Komite Nyobozi yakurikirana uburyo Amavuriro n'ibigo Nderabuzima bitanga attestation medical kuko bivugwa ko zaba zitangwa nta suzuma rikozwe.

## 4. INSHAMAKE Y'IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA 2011-2016

| No | INAMA ZABAYE | | ZOSE | IMYIHERERO | UMUBARE W'IMYANZURO YAFASHWE |
|---|---|---|---|---|---|
| | IZISANZWE | IZIDASANZWE | | | |
| | **20** | **15** | **35** | **4** | **557** |

**Bikorewe i Ngoma ku wa 22/01/2016**

### INYANDIKOMVUGO Y'IHEREREKANYABUBASHA

Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yari igizwe n'Abajyanama 28 ; ikagira n'umukozi Uhoraho w'agateganyo. Hashingiwe kuri manda yabagize Inama Njyanama z'Uturere yatangiye kuva muri **werurwe 2011** ikarangira muri **Mutarama 2016 ;** abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma bateguye inyandikomvugo y'ihererekanyabubasha.

Muri iyo nyandikomvugo murasangamo ibi bikurikira :

- IBITABO BITANDUKANYE BIRI MU BUNYAMABANGA BW'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA
- IBIKORESHO BIRI MUBUNYAMABANGA BW'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA
- NUMERO YA 'SIM –CARD (**1**)' YA CODE Y'ITUMANAHO
- AMWE MU MABARUWA ATANDUKANYE YANDIKIWE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA AGOMBA GUKURIKIRANWA, IBIBAZO BY'ABATURAGE BIGAKEMURWA.

### *I. BIMWE MU BITABO BITANDUKANYE BIRI MU BUNYAMABANGA BW'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA*

a. *Igitabo gikubiyemo amategeko ashyirwa mu bikorwa muri Politiki y'Imiyoborere Myiza*, Igitabo cya mbere, MINALOC, Ukuboza 2007.

b. Iteka no 002/07.01 ryo kuwa 15/09/2006 rigena imikorere n'imikoranire ya Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere.
c. Inyandiko y'ihererekanyabubasha hagati ya MUZUNGU Gerald Umunyamabanga Nshingwabikorwa winjiye mu kazi na NGARAMBE Sylvere Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Akarere ka Ngoma kuva kuwa 30/06/2009-10/11/2009.
d. Raporo y'iherekenyabubasha ya Bwana MUZUNGU Gerald igaragaza uko ibikorwa by'Akarere bihagaze ku itariki ya 11/01/2011
e. Raporo y'Umwaka wa 2009 ya Komite Nyobozi y'Akarere ka Ngoma.
f. Raporo y'inama y'ubuyobozi bw'Ibitaro bya Kibungo y'umwaka wa 2009, n'iy'umwaka wa 2010.
g. Raporo y'ishuri ry'imyuga rya C.P.M.(Centre de Promotion des Metiers).
h. Amabwiriza y'Isuku mu Karere ka Ngoma.
i. Icyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma cyo kuwa 25/06/2010 gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere 2010/2011.
j. Icyemezo cy'Inama Njyanama gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama No 001/10/10/FISC cyo kuwa 25 KAMENA 2010, gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2010/2011.
k. Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma kuva WERURWE 2011- MUTARAMA 2016.
l. Structures z'inzego z'ibanze (Local Governement ) zivuguruye (July 2010), n'inyandiko isobanura ishyirwa mu bikorwa ryayo.
m. Iteka rya Perezida wa Repubulika N0 37/01 ryo kuwa 30/08/2004 rigena uburyo bwo gushyira mu myanya Abakozi mu nzego z'Imirimo ya Leta.
n. Ibibazo byagaragajwe na descente y'Abajyanama cyo ku wa 28/02/2012
o. Icyemezo cy'Inama Njyanama gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama No 001/10/10/FISC cyo kuwa 29KAMENA 2011, gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2011/2012.
p. Ibihano bijyanye no kutubahiriza amabwiriza y'isuku mu Karere ka Ngoma yo ku wa 04/08/2015
q. Intership evaluation guide 02/01/2013
r. Inyandikomvugo y'ihererekanyabubasha y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku wa 31/01/2011
s. Raporo y'amapiganwa yo ku wa 07/11/2012
t. Icyemezo cy'Inama Njyanama gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama No 001 cyo kuwa 28 KAMENA 2012, gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2012/2013.
u. Igitabo gikubiyemo gahunda y'amahugurwa y'abakozi b'Akarere y'igihe kirekire (capacity building plan)
v. District Potentialities assessment for Integrated and self-centered Local Economic Development (Janvier 2013)
w. Implimentation Plan y'Imihigo 2012-2013
x. Ibyiciro by'ubutaka butangirwa ubukode mu Karere ka Ngoma
y. Inyandiko Ngenderwaho mu Mitangire ya Serivise zihabwa abaturage mu rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagsri
z. EPIC Business Plan by Kalisimbi
aa. Icyemezo cy'Inama Njyanama gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama No 001/10/10/FISC cyo kuwa 06 Werurwe 2015, gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma ivuguruye y'umwaka wa 2014/2015.
bb. Icyemezo cy'Inama Njyanama gihindura kandi cyuzuza icyemezo cy'Inama Njyanama No 001cyo kuwa 29KAMENA 2015, gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma y'umwaka wa 2015/2016

## I. *IBIKORESHO BIRI MUBUNYAMABANGA BW'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA*

| No | Materials | Quantity | Observation |
|---|---|---|---|
| 1 | Conference table | 1 | |
| 2 | Office table | 1 | |
| 3 | Office chairs | 10 | |
| 4 | Lap top HP | 1 | old |
| 5 | Printer Lase jet 1020 | 1 | |
| 6 | Signataire | 2 | 1new +1 old |
| 7 | Classeurs | 20 | |
| 8 | Perforateur | 1 | |
| 9 | Agrafeuse | 1 | |
| 10 | Cachet | 1 | |
| 11 | Tempon | 1 | |
| 12 | Registre (Courriers expediés) | 1 | |
| 13 | Registre (Courriers recues) | 1 | |
| 14 | Multiprise | 1 | |
| 15 | Poubelle | 1 | |
| 18 | Arrache –Agraphe | 1 | |

## II. NUMERO YA 'SIM –CARD (1)' ZA CODE Y'ITUMANAHO

1. UMUNYAMABANGA W'INAMA NJYANAMA: SIM CARD IFITE NUMERO **0782006362**

## III. IMYANZURO YAFASHWE N'INAMA NJYANAMA ITARASHYIZWE MU BIKORWA

Hari imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama muri iyi mandat icyuye igihe ariko itarabashije gushyirwa mu bikorwa :

| No | UMWANZURO | UZABISHYIRA MU BIKORWA | ICYITONDERWA |
|---|---|---|---|
| 1. | Hafashwe umwanzuro ku kibazo cya MUKAMUDENGE wasabaga kwibaruzaho inzu atuyemo ya Leta iherereye i Musamvu mu Murenge wa Kibungo. Hemejwe ko yashyirwa ku rutonde rw'abandi batishoboye bazajyanwa kuri site yagenwe y'abatishoboye iri mu Murenge wa Kazo, naho BATAMURIZA Jacqueline wibarujeho inzu ya Leta, hemejwe ko Komite Nyobozi yakurikirana ibyo byangombwa bigateshwa agaciro nawe akazubakirwa mu batishoboye. | Komite Nyobozi+ Biro y'Ubutaka | Ntibarahabwa ayo mazu |
| 2 | Ku ibaruwa NSENGIYUMVA Emmanuel yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa ngo kuko hari amazu ye yasenyewe ahubatswe isoko rya Kibungo akaba hari aho ataherewe ingurane kandi ngo n'aho yubatse isoko ryaramusatiriye akaba afite impungenge ko inzu ye izasenyuka, hashingiwe ku mwanzuro w'inama isanzwe | | Abatekinisiye barapimye ariko ntaragezwaho umwanzuro. Icy'uko inzu izasenyuka cyarakemuwe. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | y'Inama Njyanama yo ku wa 24/01/2014 mu ngingo yayo ya 8, abagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bafatanije n'ushinzwe biro y'ubutaka baramusuye.Nk'uko bigaragazwa na raporo y'iyo Komisiyo, hemejwe ko Abatekinisiye babishinzwe bajya gupima aho Nsengiyumva avuga ko ari ahe kugirango barebe ibipimo avuga ko ubutaka bwe bwari bufite bifite ishingirokoko.<br><br>Hemejwe ko aho bacukuye habangamira inzu ya Nsengiyumva hakubakwa amabuye yo kuharinda kuko imirimo yo kubaka n'ubundi itararangira. | | |
| **3** | Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba ko hafatwa umwanzuro w'uko hakishyurwa umwenda ungana na miliyoni mirongo itandatu n'icyenda n'ibihumbi magana arindwi na makumyabiri na birindwi na magana abiri na mirongo icyenda n'ane (**69,727,294 rwfs**) E.S Mutenderi ibereyemo ba Rwiyemezamirimo batandukanye, nk'uko bigaragazwa na raporo y'igenzura ryakorewe iryo shuri bikanagaragazwa n'imyanzuro ya Komisiyo ya Audit Committe mu nama yayo isanzwe yateranye kuwa 21 Werurwe 2014, hemejwe ko Ubuyobozi bw'Akarere bwagena uko uwo mwenda wakishyurwa hanyuma bugasigara bukurikirana abagize uruhare mu micungire mibi y'umutungo w'iryo shuri rya E.S Mutenderi. | Komite Nyobozi+ Finance | Hari abatarishyurwa kuko batarazana ibyangombwa byuzuye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4** | Nyilihirwe Emile wanditse usaba guhabwa ingurane y'isambu yubatswemo umudugudu, iyo sambu ikaba yari iy'ababyeyi be bishwe muri Genocide ya 1994. Kubijyanye n'ikibazo cya Bwana NYIRIHIRWE Emile yandikiye inama Njyanama asaba ko yasubizwa isambu ye yubatswemo umudugudu; Inama Njyanama ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Inama Njyanama ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu ifatanyije n'abatekinisiye bashinzwe ubutaka ku Karere aho igaragaza ko ubutaka bwubatswemo Umudugudu mu murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu w'Amarembo ari ubwa Bwana Nyirihirwe, hemejwe ko abashinzwe ubutaka bazafatanya na komisiyo yavuzwe haruguru bagapima uko isambu ye yanganaga akaguranirwa indi sambu. | Komite Nyobozi+ Biro y'Ubutaka | Ntarakemurirwa ikibazo |

**Bikorewe i Ngoma, kuwa 22/01/2016**